

# **ABAHIRWA ni BANDE ?**

ELLEN G. WHITE

**“AMAGAMBO MBABWIYE NI YO MWUKA KANDI  
NI YO BUGINGO”**

**ITORERO RY’ABADIVENTISTI  
B’UMUNSI WA KARINDWI  
MU RWANDA**

**B.P. 367 KIGALI**

Iki gitabo cyasobanuwe gikuwe mu gitabo  
cy'icyongereza cyanditswe na

Ellen G. White

cyitwa

## **THE MOUNT OF BLESSING**

Kubera kwiringira ko ibiri muri iki gitabo bishobora kurushaho  
kubahishurira neza ikuzo ry'ibitagaragara, iki gitabo gito gituwe  
**ABIGISHWA BA KRISTO**, abo Umwami Yesu Kristo agihamagarira  
guhitamo ubugingo bw'umwuka bakaburutisha ubwami bw'isi.

## **IBIRIMO**

MU IBANGA RY'UMUSOZI.....	5
ABANYAHIRWA.....	8
KWEREKW'AMATEGEKO.....	33
IMPAMVU Y'UKURI ITERA UMUNTU	
GUKORA UMURIMO.....	54
ISENGESHO RY'UMWAMI.....	69
NTUGACE ITEKA AHUBWO KORA.....	82

## **IRIBURIRO**

Uhereye mu mwaka wa 1896 ubwo iki gitabo cyashyirwaga ahagaragara, ibitabo ibi-humbi bitabarika by' *Abahirwa ni ba Nde* byagiye bicapwa kandi bigakwirakwizwa hirya no hino mu ndimi nyinshi.

Icyifuzo cy'abanditsi kivuye ku mutima ni uko ibyigisho byakuwe mu nyigisho z'Umwami wacu Yesu Kristo, nk'uko zigaragazwa muri iki gitabo, zakomeza kumurikira, gukomeza no guhesha umugisha inyokomuntu.

ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G. WHITE

*Washington, D.C.  
Kamena 22, 1955*

## INTERURO

Ikibwirizwa cyo ku Musozi, ni umugisha ijuru ryageneye abari mu isi, kandi ni ijwi rituruka ku ntebe y'ubwami y'Imana. Cyabwirijwe abantu ngo kibabere itegeko rikwiriye gukurikizwa, n'umucyo uturutse mu ijuru, kibabere ibyiringiro kandi kibahumurize mu gihe cy'amakuba, kibabere umunezero kandi kibakomeze mu mpinduka zose zihora zibaho n'aho bagenda hose muri ubu bugingo. Ahangaha igikomangoma mu babwiriza kandi akaba n'Umwigisha Mukuru, avuga amagambo yahawe na Data wa twese.

Amagambo aheshu umugisha ni indamutso ya Kristo. Ntabwo ari indamutso ku bizera bonyine gusa, ahubwo ni indamutso ku muryango w'abantu bose. Kristo asa n'uwibagiwe akanya gato ko ari mu isi, atari mu ijuru; nuko akoresha indamutso imenyerewe yo mu isi. Imigisha itemba ituruka mu kanwa ke imeze nko kududubiza kw'isoko imaze igihe ifunzwe y'amazi y'ubugingo.

Kristo atugaragariza atweruriye imico y'abo azazirikana iteka kandi akabaha umugisha. Yavanye amaso ku bo ab'isi bitaho, ahindukirira abantu b'insuzugurwa, avuga ko abahirwa ari abakira umucyo n'ubugingo bye bose. Aramburira amaboko ye y'ubuhungiro abakene mu mitima, abagwaneza, abashavura, abasuzugurwa, abatotezwa bahorwa gukora ibyo Imana ishaka, ... maze arababwira ati: "Nimuze munsange, .... ndabaruhura."

Kristo ashobora kureba ubuhamya isi irimo ataranganwa agahinda k'icyatumye arema umuntu. Mu mutima w'umuntu abonamo ikirenze icyaha, ikirenze ubuhanya. Mu bwenge bwe n'urukundo rwe bitagerwa, abona ubushobozi umuntu afite ndetse n'urugero ruhanitse umuntu yabasha kugeraho. Kristo azi yuko n'ubwo abantu batahaye agaciro ubuntu bagiriwe kandi bakari-mbura agaciro bahawé n'Imana, uko biri kose Umuremyi azahererwa ikuzo mu gucungurwa kwabo.

Amagambo Kristo yavugiye ku Musozi w'Imigisha azagumana imbaraga zayo ibihe byose. Buri murongo ni ibuye ry'igiciro cyinshi ryavuye mu nzu y'ububiko bw'ukuri. Amahame yavugiwe muri icyo kiganiro ni ay'ibihe byose, kandi agenewe abantu b'ingeri zose. Kristo yakoresheje imbaraga y'Imana maze agaragaza kwizera n'ibyiringiro bye, uko yavugaga akurikiranya amatsinda y'abantu avuga ko bahirwa bitewe n'uko bafite imico y'ubutungane. Kubwo kubaho imibereho y'Umutangabugingo, no kubwo kumwizera, umuntu wese ashobora kugera ku rugero Yesu yavuze mu magambo ye.

E.G.W.

## MU IBANGA RY'UMUSOZI

Mu myaka isaga igihumbi na magana ane Yesu ataravukira i Betelehemu, abana ba Isirayeli bajyaga bateranira mu gikombe cy'i Shekemu, maze amajwi y'abatambyi akumvikanira mu micyamu y'imisozi batangaza imigisha n'imivumo bat "Uwo mugisha muzawuhabwa nimwitondera amategeko y'Uwiteka Imana yanyu.. Uwo muvumo muzawuvumwa nimutumvira." (Gutegeka kwa kabiri 11:27, 28). Nuko kuva ubwo umusozi wavugi-rwagaho amagambo y'umugisha witwa Umusozi w'Umugisha. Ariko ntabwo ku musozi wa Gerizimu ari ho havugiwe amagambo yaje kuba umugisha w'isi y'icyaha n'aghahinda. Isirayeli yananiwe kugera ku ntego yari yarashyizwe imbere. Undi muntu utari Yoshuwa ni we wagombaga kuyobora ubwoko bw'Imana akabugeza mu buruhukiro nyakuri bwo kwizera. Ntabwo Gerizimu icyitwa umusozi w'umugisha, ahubwo umusozi w'umugisha ni undi utaravuzwe izina uri hakurya y'ikiyaga cy'i Genesareti, uwo Yesu yabwiriyeho abigishwa be na rubanda amagambo y'umugisha.

Mureke duse n'abasubira inyuma mu bitekerezo tureba ibyo byabaye tube nk'abicaranye n'abigishwe be mu micyamu w'umusozi, maze twinjire mu bitekerezo n'ibyo bibwiraga byari byuzuye imitima yabo. Kubwo gusobanukirwa icyo amagambo ya Yesu yari asobanuye ku bayumvise, dushobora kuyabonamo imbaraga n'ubwiza bishya, kandi tugashobora kwikuriramo ibygisho bikomeye.

Igihe Umukiza yatangiraga umurimo we, ukuntu abantu batekerezaga Mesiya n'umurimo we byatumye badashobora rwose kumwakira. Umwuka wo kwitanga nyakuri wari warazimiriye mu mige-nzo n'imihango, bityo ubuhanuzi bwasobanurwaga abantu bashorewe n'imitima y'ubwibone kandi ikunda iby'isi. Ntabwo Abayuda bari bategereje Uwari ugiye kuza nk'Umukiza ukura abantu mu cyaha, ahubwo bamurebaga nk'igikomangoma gikomeye kigomba guhuriza amahanga yose munsi y'ubutegetsi bw'Intare yo mu muryango wa Yuda. Guhamagara kwa Yohana Umubatiza wabahamagariraga kwhiana akoresheje imbaraga ikora ku mitima nk'iy'abahanuzi ba kera kwabaye uk'ubusa. Kandi igihe yari ari iruhande rwa Yorodani, akabereka Yesu, Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi, na byo byabaye iby'ubusa. Imana yashakaga kwerekeza ibitekerezo byabo ku buhanuzi bwa Yesaya bwavugaga uko Umukiza azababazwa, ariko ntibabashije kumva.

Iyo abigisha n'abayobozi bo mu Bisirayeli baza kwemerera ubuntu bwa Yesu kubahindura, aba yarabagize intumwa ze mu bantu. Bwa mbere, kuza k'ubwami kwatangajwe muri Yudeya, kandi abantu bahamagarirwa kwhiana. Mu gikorwa cyo kwirikana abahumaninya urusengero rw'i Yerusalem, Yesu yatangaje yuko we ubwe ari we Mesiya, uwagombaga kweza umutima akawukuramo ubwandure bw'icyaha

kandi ubwoko bwe akabuhindura ingoro yera y'Uwiteka. Ariko abayobozi b'Abayuda ntibicishije bugufi ngo bakire Umwigisha watwazaga make w'i Nazareti. Igihe yasubiraga i Yerusalem ubwa kabiri yashyizwe imbere y'urukiko rukuru rw'Abayuda, ariko gutinya abantu konyine ni ko kwabujije abo banyacyubahiro ntibahangara kumwica. Icyo gihe rero, ubwo yari avuye i Yudeya, ni ho yatangije umurimo i Galilaya.

Yamaze amezi akorera aho ngaho mbere y'uko abwiriza ikibwirizwa cyo ku Musozi. Ubutumwa yari yarabwirije muri ako karere kose avuga ati: "Ubwami bwo mu ijuru buri hafi" (Matayo 4:17), bwari bwarakuruye intekerezo z'abantu bo mu nzego zose, kandi bwari bwaratumye ibyiringiro bari bafite birushaho kubasaba. Kumenyekana k'Umwigisha mushya kwari kwarakwiriye hose kure-nga imbibii za Palesitina, kandi abakuru b'idini yamurwanyaga, ntibyamubujije kwamamara ko ashobora kuba ari we Mucunguzi abantu bari biringiye. Imbagia y'abantu yakurikiraga Yesu yuzuwe n'ubwuzu bwinshi.

Igihe cyarageze kugira ngo abigishwa bari barabanye na Kristo cyane noneho barusheho komatana n'umurimo we, kugira ngo iyo mbaga y'abantu itazasigara ntawé uytaho nk'intama zitagira umwungeri. Bamwe muri abo bigishwa bari baramusanze agitangira umurimo we, kandi abo muri cumi na babiri hafi ya bose bari baramaze komatana ari abantu bagize umuryango wa Yesu. Ariko kubwo kuyobywa n'inzigisho z'abigisha b'amategeko, nabo ubwabo bari bateze ubwami nka rubanda rwose. Ntabwo bashoboraga gusobanukirwa n'ibyo Yesu yakoraga. Bari baramaze kugira impungenge kubera yuko atage-ragezaga gushaka amaboko mu batambyi n'abigisha ngo bamushyigikire; bakagira impungenge ko ntacyo yakoraga ngo ashyireho ubwami bwe nk'umwami w'isi. Hari hakiri umurimo ukomeye wagombaga gukorerwa abo bigishwa mbere y'uko bategurirwa inshingano yera bari kuzahabwa igehe Yesu yari kuzamuka agiye mu ijuru. Nyamara bari baremeye urukundo rwa Kristo nubwo imiti-ma yabo yari ifite urutebwé rwo kwizera, Yesu yababonyemo abantu yashoboraga kwigisha no gutoreza kuzakora umurimo we w'ingenzi. Ubwo bari bamaranye igehe gihagije kugira ngo kwizera kwabo gushikame mu miterere mvajuru y'umurimo we, kandi abantu bakaba bari barabonye ibihamba by'imbaraga ze ku buryo batashoboraga kubishidikanya, inzira yo gutangaza amahame y'ubwami bwe yari imaze gutegurwa ari yo yagombaga kubafasha gusobanukirwa n'uko ubwo bwami buteye.

Ubwo Yesu yari ku musozi wenyinge hafi y'inyanja y'i Galilaya, yahamaze ijoro ryose asabira abo yatoranyije. Mu museke arabahamagara ngo bamusange, nuko igehe yabasabiraga kandi abigisha, abarambika ibiganza ku mitwe abaha umugisha, abatorera umurimo wo kwigisha ubutumwa bwiza. Hanyuma asubirana na bo iruhande rw'inyanja, aho abantu benshi bari bamaze gutangira gutteranira mu gitondo kare.

Uretse imbaga isanzwe y'abantu bari baraturutse mu midugudu y'i Galilaya, aho hari abantu benshi bari baturutse i Yudeya, n'abaturutse i Yerusalem uhwaho, n'abaturutse i Pereya, n'abaturutse mu gice kimwe cy'abapagani cy'i Dekapoli; abaturutse i Idumaya hitaruye amajyepfo ya Yudeya; abaturutse i Tiro n'i Sidoni, abaturutse mu midugudu y'i Foyiniki ku nkcombe y'inyanja ya Mediterane.

" Bumvise ibyo yakoze baza aho ari bazanywe no kumwumva no gukizwa indwara zabo; . . . kuko imbaraga yamuvagamo, ikabakiza bose." Mariko 3:8; Luka 6:17-19.

Nuko rero, kubera yuko umwaro bari bahagazeho wari mutoya cyane ku buryo nta n'umwanya wo guhagararamo wari uhari ngo abifuzaga kumwumva bose bamwumve, Yesu yabarangaje imbere basubira mu ibanga ry'umusozi. Ageze ahantu hanejeje hashobora gutteranira iyo mbaga y'abantu, yicara mu byatsi, maze abigishwa be n'abantu bose baramwigana, bose baricara.

Kubwo kwibwira ko hashobora kubaho ikintu gikomeye kidasanzwe, abigishwa barushijeho kwegera Shebuja. Kubwo ibyabaye mu gitondo, bari bafite icyizere yuko hagiye gutangazwa itangazo ryerekeye ubwami bifuzaga cyane ko agiye kwimikwa bidatinze. Icyo gitekerezo cyuzuye no mu mbaga y'abari aho, maze mu maso habo herekana ko bafite amatsiko.

Ubwo bari bicaye ku byatsi bitoshye mu ibanga ry'umusozi, bategereje amagambo y'Umwigisha wavuye ku Mana, imitima yabo yuzuwemo n'intekerezo z'ikuzo bari bategereje. Aho hari abanditsi n'Abafarisayo bari bategereje umunsi baza-shobora kwiganzura abanzi babo b'Abaroma no kwigarurira ubutu-nzi n'icyubahiro by'yo ngoma yari igihangange ku isi. Abaturage b'abakene n'abarobyi bari bafite ibyiringiro byo kumva amagambo abiringiza ko utuzu twabo tw'utururi n'utwokurya twa gikene, n'imibereho y'umuruho no gutinya ubukene bigiye kuguranwa amazu manini yuzuye ibintu n'iminsi yo kudamarara. Mu cyimbo cy'akambaro kamwe koro-heje bambaraga ku manywa bakakiyorosa nijoro, biringiraga yuko Kristo azabaha amakunzu ya gikire y'igiciro cyinshiyambarwaga n'ababagarue umuheto.

Imitima y'abantu bose yari yuzuwemo no kwirata ibyiringiro by'uko Isirayeli igiye guherwa icyubahiro imbere y'amahanga kuko yatoranyijwe n'Uwiteka, kandi ko Yerusalem ige gushyirwa hejuru ikaba umutwe w'ubwami bw'isi yose.

## **ABANYAHIRWE**

*"Atangira kubigisha, agira ati: 'Hahirwa abafite imitima ikeneye Imana, kuko ubwami bw'ijuru ari ubwabo.'" Matayo 5:2, 3.*

Ayo magambo yinjiye mu matwi y'imbaga y'abantu bibazaga byinshi ameze nk'ikintu cy'inzaduka kandi gishyashya. Inyigisho nk'izo zari zitandukanye n'izo bamenyereye kumvana abatambyi cyangwa abigishamategeko. Muri yo ntacyo babonyemo cyo gushyeshya ubwibone bwabo cyangwa ngo gihembure ibyiringiro bari bafite. Ariko kuri uwo Mwigisha mushya hari imbaraga ibafata bakanyurwa ntibate-kereze ibindi. Ubwiza bw'urukundo rw'Imana bwatembaga buva aho ari nk'impumuro iva mu rurabyo. Amagambo ye yagwaga "nk'imvura inyangira ibyatsi biciwe, nk'ibitonyanga bitonyangira ubutaka." (Zaburi 72:6). Bose biyumvagamo yuko aho hari usoma ubwiru buhishwe mu mutima, nyamara akabegerana imbabazi. Bamukinguriye imitima kandi ubwo bamutegaga amatwi, Mwuka Wera yabahishuriye ubusobanuro bw'izo nyigisho abantu bo mu bihe byose bakeneye kwiga.

Mu bihe bya Kristo abayobozzi b'abantu mu by'idini biyumvagamo ko bakungahaye mu by'umwuka. Isengesho ry'Umu farisayo ngo: « Mana, ndagushimye kuko ntameze nk'abandi bantu,» (Luka 18:11), ryerekana uko abo mu itsinda biyumvaga ndetse ku rwego rukomeye, rikerekana uko uko igihugu cyose cyari kimeze. Ariko mu mbaga y'abari bazengurutse Yesu harimo bamwe bari bazi yuko bafite ubukene bw'iby'umwuka. Igihe cya cya gitangaza cyo kuroba ifi ubwo imbaraga y'ubumana Kristo yari afite yigaragazaga, Petero yikubise ku birenge by'Umukiza araboroga ati: "Va aho ndi, Databuja, kuko ndi umunyabyaha!" (Luka 5:8). Ni ko no mu bantu bari bateraniye ku musozi, ubwo bari imbere y'ubutungane bwe, harimo abiyumvisemo yuko ari "abatindi bo kubabarirwa, kandi ari abakene n'impumyi ndetse bambaye ubusa." (Ibyahishuwe 3:17); kandi bifuje guhabwa "ubuntu bw'Imana buzanira abantu bose agakiza." (Tito 2:11). Amagambo y'indamutso ya Kristo yakanguye ibyiringiro byo mu mitima y'abo bantu; maze babona yuko imbereho yabo ifite umugisha w'Imana.

Yesu yahaye igikombe cy'umugisha abavugaga ko «ari abakire, batunze kandi batunganiwe » (Ibyahishuwe 3:17), ko nta cyo bari bakeneye, kandi bari barateye umongo impano y'ubuntu. Uwi yumvagamo ko ari muzima, agatekereza ko ari mwiza, kandi akanyurwa n'uko ameze, ntawo ashaka uko yahinduka umurangwa w'ubuntu no gukiranuka kwa Kristo. Ubwibone ntibwi yumvamo ko hari icyo umuntu akeneye, kandi kubw'ibyo bukinga umutima kugira ngo Kriso atinjira, kandi bugakingirana n'imigisha itagira akagero yaje gutanga. Yesu nta fite umwanya mu mutima w'umuntu nk'uko. Abiyumvamo ko batunze kandi ko bafite icyubahiro ntibasabana kwizera, ngo bahabwe umugisha w'Imana. Bibwira yuko bakize, maze bakagenda amara masa. Abazi ko badashobora kwikiza na gato, cyangwa ngo bagire igikorwa cyo gukiranuka bakora ku bwabo, abo ni bo bishimira ubufasha Kristo ashobora gutanga. Ni bo bakene mu mitima, Yesu avuga ko bahirwa.

Uwo Kristo agiriye imbabazi, abanza gutuma ababazwa n'ibyaha bye, maze akaba ari umurimo w'Umwuka Wera kumwemeza icyaha. Abantu bafite imitima yamaze gukorwaho na Mwuka w'Imana wemeza, babona ko nta cyiza bagira muri bo. Babona yuko ibyo bigeze gukora byose bivanze n'inarijye n'icyaha. Nk'uko wa wa mukoresha w'ikoro w'impezamajyo yabigenje, barahagarara kure ntibatinyuke no kureba hejuru bagataka bati: "Mana, mbabarira, kuko ndi umunyabyaha." (Luka 18:13). Nuko rero barahirwa. Uwi hannyar arababari-rwa, kuko Kristo ari «Umwana w'Intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi.» (Yohana 1:29). Isezerano ry'Imana ni iri ngo: «Naho ibyaha byanyu bitukura nk'umuhemba, birahinduka umweru bise na shelegi; naho bitukura tukutuku, birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera.» "Nzabaha umutima mushya...Kandi nzabashyiramo Umwuka wanjye." Yesaya 1:18; Ezekielyi 36: 26,27.

Abakene mu mitima, Yesu abavugaho ko "ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo." Ubwo bwami si ubw'isi, si ubw'igihe gito nk'uko abari bateze Yesu amatwi bari babwitez. Kristo yakinguriraga abantu ubwami bw'iby'umwuka bw'urukundo rwe, ubuntu bwe no gukiranya kwe. Ikimenyetso cy'ubwami bwa Mesiya cya-garagazwaga n'ishusho y'Umwana w'umuntu. Abamuyoboka ni abakene mu mitima, abagwaneza, n'abatotezwa bazira gukora ibyo Imana ishaka. Ubwami bwo mu ijuru ni ubwabo. Nubwo butari bwasohozwa rwose, umurimo wamaze gutangirwa muri bo wo "kuraganwa n'abera umurage w'umucyo." Abakolosayi 1:12.

abantu bose biyumvamo ko bafite ubukene bukomeye bw'umutima, abiyumvisha yuko ari nta cyiza kibarimo, kubwo kureba kuri Yesu, bashobora kubona ubutungane n'imbaraga. Yesu aravuga ati: "Mwese abarushye n' abaremerewe, nimuze munsange, ndabaruuhura." (Matayo 11:28). Arakwingingira kukuguranira ubukene bwawe maze akaguha ubutunzi bw'ubuntu bwe. Ntabwo dukwiriye urukundo rw'Imana, ariko Kristo, umwishingizi wacu we ararukwiriye, kandi ashobora gukiza rwose abamusanga bose. Uko imibereho yawe yo mu gihe cyashize yaba imeze kose, uko ibywae bya none byaba ari ibicantege kose, nusanga Yesu uko uri kose, uri umunyantegenke, utagira kivurira, kandi wihebye, Umukiza wacu w'umunyambabazi azagusanganira ukiri kure cyane, kandi azaguhobeza n'amaboko ye yuje urukundo kandi akwambike umwambaro wo gukiranya kwe. Atujyana kwa se twambitswe umwenda wera w'imico ye bwite. Adusabira yinginga imbere y'Imana avuga ati: "Nagiye mu cyimbo cy'umu-nyabyaha. Wireba uyu mwana wararagiye, ahubwo ba ari jye ureba." Iyo Satani aburana cyane yigomba imitima yacu adushinja icyaha, kandi akavuga yuko turi iminyago ye, amaraso ya Kristo aburana afite imbaraga iruta iye.

"Hariho uzambwira ati: 'Mu Uwiteka ni ho hari gukiranya n'imbaraga. Mu Uwiteka ni ho urubyaro rw'Isirayeli rwose ruzatsindishiririzwa, rukamwirata.' Yesaya 45:24, 25.

#### ***"Hahirwa abashavuye kuko ari bo bazahozwa." Matayo 5:4.***

Gushavura kuvugwa aha ni agahinda nyakuri k'umutima ubabajwe n'icyaha. Yesu aravuga ati: "Nanjye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose." (Yohana 12 :32). Igihem umuntu arehejwe ngo arebe Yesu amanitswe ku musaraba, asobanuki-rrwa neza n'ubunyacyaha bwa muntu. Abona yuko icyaha ari cyo cyakubitishije kandi kikabambisha Umwami w'ikuzo. Abona ko nubwo yakunzwe urukundo rutavugwa, asanga yarakomeje kuba indashima n'umugome. Yaretse incuti ye magara kandi apfusha ubusa impano iruta izindi zose ijuru ryatanze. Asanga ubwe yibambira Umwana w'Imana kandi akongera gucumita wa mutima ukivirirana kandi washenja-

nguritse. Asanga inyenga ngari y'icyaha kandi icuze umwijima imutandukanya n'Imana, maze agashavura afite umutima umenetse.

Abashavura batyo "bazahumurizwa." Imana itwereka igicumuro cyacu kugira ngo tubashe guhungira kuri Kristo, kandi ngo kubwe tubaturwe mu bubata bw'icyaha, maze twishimire umudendezo w'abana b'Imana. Dukwiriye kuza ku musaraba dufite umutima ushenjaguritse by'ukuri, maze tukahasiga imitwaro yacu.

Amagambo y'Umukiza afite ubutumwa buhumuriza abababazwa n'umubabaro w'intimba z'urupfu rw'abo bakunda. Ntabwo imibabaro itugeraho hatariho impamvu ibiteye. Imana "ntinezewa no kubabaza abantu cyangwa kubatera agahinda." (Amaganya 3:33). Igihe Uwiteka yemereye ibigeragezo n'imibabaro ko bitubaho, aba agira ngo "bitubere byiza, kugira ngo dusangire kwera kwe." (Abaheburayo 12 :10). Iyo ikigeragezo gishaririye kandi gikomeye cyane cyakiranwe kwizera, gihinduka umugisha. Icyorezo cy'inkazi gitsema umunezero w'isi kizaba uburyo butuma twerekeza amaso yacu mu ijuru. Mbega uburyo hariho abantu benshi batari kuzamenya Yesu iyo umubabaro utaza gutuma bashaka guhumurizwa na we!

Ibigeragezo byo mu mibereho y'abantu ni ibikoresho Imana ikoresha kugira ngo ikure imyanda n'ububi mu mico yacu. Uko bikerera, uko bitema, uko bisena, uko binogereza, n'uko byeza, ni ibintu bibabaza. Birakomeye kunyuzwa munci y'ingasire y'urusyo. Ariko ibuye rimaze kuringanyizwa ni ryo riba rikwiriye gushyirwa mu mwanya waryo mu rusengero rwo mu ijuru. Ntabwo igikoresho cy'imburamumaro Umwami agikorera umurimo nk'uwuo witondewe kandi utunganye. Amabuye y'igiciro cyinshi yonyine ni yo atunganywa hakurikijwe urugero rw'akwiye kujya ku ngoro ya cyami.

***Uwiteka azakorera abantu bose bamwiringira. Abakiranutsi bazanesha bitangaje. Baziga ibyigisho bikomeye. Bazagira imibereho y'igiciro cyinshi.***

Data wo mu ijuru ntiyirengagiza abanyamubabaro. Igihe Dawidi yazamuka-  
ga umusozi Elayono, "agenda arira ikijyaruguru, atwikiriye umutwe, kandi adakwese" (2 Samweli 15:30), Uwiteka yamurebanaga imbabazi. Dawidi yari yambaye ibigunira,  
kandi umutimanama we waramutotezaga. Kwickisha bugufi kwamugaragaragaho  
kwerekana nko yari afite umutima umenetse. Yabwiye Imana ibye abogoza amarira,  
afite n' umutima umenetse, maze Uwiteka ntiyareka umugaragu we. Ntabwo Dawidi  
yigeze anyura umutima w'Imana y'urukundo nk'igihe umutima we wari ushenjaguritse,  
ahunga abanzi be bari batewe kumugomera n'umuhungu we. Uwiteka aravuga ati:  
"Abo nkunda ndacyabaha, nkabahaha ibihano; nuko rero, gira umwete, wihane."  
(Ibyahishuwe 3:19). Kristo ashyira hejuru umutima ushenjaguritse kandi agatunganya  
umutima w'ushavura kugeza ubwo uhinduka ubuturo bwe.

Ariko se igihe ibyago bitugezeho, ni bangahe muri twe bamera nka Yakobo! Dutekereza yuko ari ukuboko k'umwanzi; maze tugakirana buhumyi mu mwijima kugeza ubwo imbaraga zidushiramo, ntitubone uduhumuriza cyangwa udutabara. Ubwo Imana yakoraga kuri Yakobo mu museso ni bwo yamenye uwo bakirana uwo ari we ko yari Marayika w'isezerano; nuko Yakobo arira atagira kivurira, yitura mu gituza cy'Imana yuje urukundo kugira ngo yakire umugisha ubugingo bwe bwifuzaga. Natwe dukeneye kwiga yuko ibigeragezo bitwungura, kandi ko tudakwiriye gusuzugura igi-hano cy'Uwiteka cyangwa ngo turabirane igihe aducyashye.

"Hahirwa umuntu Imana ihana: ... kuko ari yo irema uruguma, kandi akaba ari yo yomora. Irakomeretsa, kandi amaboko yayo ni yo akiza. Izakurokora ibyago bitandatu ndetse birindwi; kandi nta kibi kizakuzaho." (Yobu 5:17-19). Yesu aza gukiza umuntu wese ufite umutima ushengutse. Imibereho yo gupfusha abo twakundaga, uburibwe n'umubabaro ishobora guhindurwa umunezero n'uko duhishurirwa ko Yesu ari kumwe natwe.

Imana ntiyareka ngo duhore turemerewe n'agahinda n'imitima ibabaye kandi ishengutse. Yifuza ko twubura amaso, tukitegerezza mu maso hayo heza huje urukundo. Umukiza Nyirumugisha ahagaze iruhande rwa benshi bafite amaso yahumishijwe n'amarira ntibashobore kumwitegerezza. Yifuza kudufata amaboko ngo tumurebane kwizera, kandi tumwemerere atuyobore. Umutima we ukinguriwe imibabaro yacu, intimba zacu n'ibitugerageza. Yadukunze urukundo ruhoraho kandi atugotesha kugira neza kwe. Dushobora kumuhozaho umutima no kumusaba ngo ineza ye ibane natwe iminsi yose. Azunamura umutima uve mu ntimba no guhagarika umutima bya buri munsi, awushyire rnu bwami bw'amahoro.

*Mutekereze ibi, bana b'umubabaro n'agahinda, maze mwishimire mu byiringiro.  
"Uko ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu." 1Yohana 5:4.*

Abanyahirwe kandi ni abarirana na Yesu, bagaterwa impuhwe n'akababaro kari mu isi, bakababazwa n'ibyaha byayo. Mu gushavura nk'uko ntiharangwamo igitekerezo cy'inarijye. Yesu yari Umunyamibabaro, yihanganiraga intimba z'umutima ku buryo nta rurimi rwashobora kubisobanura. Umutima we warashenjaguwe kandi umenagurwa n'ibicumuro by'abantu. Yajyaga ahihibikana ashengurwa n'umuhati kugira ngo amare abantu ubukene n'intimba, kandi iyo yabonaga abantu benshi banga kuza aho ari ngo bahabwe ubugingo, umutima we washengurwaga n'ishavu. Abayoboke ba Kristo bose bazagira imibabaro nk'iyo. Nibagira urukundo rwe, bazagi-  
ra ibise byo gukiza abazimiye. Basangira imibabaro na Kristo, kandi bazanasangira

ikuzo rizahishurwa. Abakorana na we umurimo we, bagasangira na we igikombe cy'umubabaro, bazanafatanya umunezero we.

***Mu mubabaro ni ho Yesu yaboneye ububasha bwo guhumuriza abantu.***

Imibabaro yose y'abantu iramushengura; kandi "kuko yababajwe no kugegezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose." (Yesaya 63:9; Abaheburayo 2:18). Umutu wese winjiye mu mushyikirano wo gufatanya na Kristo imibabaro, afite amahirwe yo gusangira na we uwo murimo. "Kuko nk'uko ibyo Kristo yababajwe byadusesekayeho cyane, ni ko no guhumurizwa kwatugwijwemo na Kristo." (2Abakorinto 1:5). Uwiteka agirira ushavura ubuntu bwinshi, kandi ubwo buntu bufite imbaraga zo korosha imitima no gukiza abantu. Urukundo rwe rukingura inzira yinjira mu mutima ukomeretse kandi ushenjaguwe, maze rugahinduka umuti uhumura neza ukiza abashavura. "Data wa twese w'imbabazi, ni Imana nyirihumure ryose, iduhumuriza mu makuba yacu yose, kugira ngo natwe tubone uko duhumuriza abari mu makuba yose, tubahumurisha ihumure twahawe n'Imana." 2 Abakorinto 1:3, 4.

***"Hahirwa abagwaneza." Matayo 5:5***

Mu nyigisho z'abanyahirwe harimo uruhererekane rw'imibereho ya Gikristo. Abiyumvamo ko bakeneye Kristo, abashavujwe n'icyaha kandi bakaba baricaranye na Kristo mu ishuri ry'umubabaro, bazigira ubugwaneza ku Mwigisha wavuye mu ijuru.

Kwhiangana no kugwa neza kandi uri kugirirwa nabi ntabwo byari imico ishimwa n'abapagani cyangwa se Abayuda. Amagambo yavuzwe na Mose ashorewe na Mwuka Wera, yuko yagwaga neza kuruta abantu bose bo ku isi, ntabwo abantu bo mu gihe cye bari kuyitaho nk'afite agaciyo; ahubwo yari kubatera kumugirira impuhwe cyangwa kumusuzugura. Ariko Yesu yashyize ubugwaneza mu byangombwa by'ibanze biranga ab'ubwami bwe. Mu mibereho ye bwite no mu mico ye hagaragariye ubwiza bw'Imana bw'oyo mpano y'agahozo.

Yesu we kurabagirana kw'ikuzo rya Data wa twese, yatekereje yuko "guhwuna n'Imana atari ikintu cyo gukundirwa; ahubwo yisiga ubusa, ajyana akamero k'umugaragu w'imbatu, agira ishusho y'umuntu." (Abafilipi 2:6,7). Yemeye kunyura mu mibereho yo kwicisha bugufi, agendana n'abana b'abantu, atari kw'umwami ushaka icyubahiro, ahubwo ari umuntu wari umurimo wo gukorera abandi. Mu migirire ye ntiyari umwemeragato cyangwa se mudakurwa ku ijambo. Umucunguzi w'isi yari afite ikirenze kamere y'umumarayika, nyamara igitinyiro cye cy'ubumana cyomatanye n'ubugwaneza no kwicisha bugufi byamureherezagaho abantu bose.

Yesu yisize ubusa, kandi ibyo yakoze byose ntibyarangwagamo inarinjiye. Ibantu byose yabihariraga Se ngo bibe uko ashaka. Igihe umurimo we wo ku

isi wari hafi kurangira, yaravuze ati: "Nakubahirije mu isi, kuko narangije umurimo wampaye gukora." (Yohana 17:4). Kandi natwe aratwinginga ati: "Munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima." "Umuntu nashaka kunkurikira, yiyange" (Matayo 11:29; 16:24). Mureke inarijye ikurwe ku ntebe kandi ntivyongere kugenga ubugingo.

Umuntu witegerezwa kwiyanga kwa Kristo n'uko yiyoroheje mu mutima, azumva akwiriye kuvuga nk'uko Daniyeli yavuze igihe yitegerezaga usa n'umwana w'umuntu ati: "Ubwiza bwanjye bwampindukiyemo ububore." (Daniyeli 10:8). Ubwigenge n'isumbwe twiratana bigaragara mu bubi bwabyo nyabwo ko ari ibimenyetso by'ububata bwa Satani. Kamere ya kimuntu ihora irwanira kwigaragaza, kandi yiteguye kurwana; ariko umuntu wigira kuri Kristo akurwamo inarijye, ubwibone no gukunda isumbwe maze mu mutima hakaba ituza. Inarijye isimburwa no kugengwa na Mwuka Wera. Ubwo rero ntituba tugiharanira gushaka umwanya wo hejuru. Ntituba tukimaranira kubyigana no gusunikana twiyamamaza; ahubwo twiyumvamo yuko umwanya wacu wo hejuru uri ku birenge by'Umukiza wacu. Dutumbira Yesu, dutegereje gushorerwa n'ukuboko kwe no kumva ijwi rye ngo rituyobore. Ibyo byabaye ku ntumwa Pawulo maze iravuga iti: "Nabambanywe na Kristo; ariko ndiho; nyamara si jye uraho ahubwo ni Kristo uraho muri jye. Ibyo nkora byose nkiraho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze, akanyitaingira." Abagalatiya 2:20.

Igihe twakiriye Yesu ngo abe umushyitsi utura mu mutima, amahoro y'Imana arenze ayo umuntu wese yamenya, azakomereza imitima n'ibitekerezo byacu muri Kristo Yesu. Imibereho y'Umukiza ubwo yari ku isi, nubwo yabaga hagati mu midugararo, yari imibereho yuzuye amahoro. Nubwo ababisha bafite uburakari bahoraga bamugenza, yaravuze ati: "Uwantumye turi kumwe: Data ntivansize jyeniyine, kuko mpoka nkora ibyo ashima." (Yohana 8:29). Nta muraba w'uburakari bw'umuntu cyangwa ubwa Satani washoboraga guhungabanya amahoro y'uko gushyigikirana n'Imana kutagira amakemwa. Kandi Yesu aratubwira ati: "Mbasigiye amahoro, amahoro yanje ndayabahaye." "Mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho; kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima; namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu." (Yohana 14:27; Matayo 11:29). Mwikorerane nanje umutwaro wo gukorera guhesha Imana ikuzo no kuzahura inyokomuntu, kandi muzasanga kunkorera byoroshye n'umutwaro wanje utaremereye.

Kwikunda ni ko kutubuza amahoro. Igihe inarijye ikiraho, hagurukira guhora twiteguye kuyirinda icyayikoza isoni n'icyayivuga nabi; ariko igihe twapfuye ubugi-

ngo bwacu bukaba buhishanywe na Kristo mu Mana, ntabwo tuzita ku gukerenswa no kugirirwa nabi. Ntitzagira amatwi yumva abatugaya, kandi tukaba impumyi zitabasha kureba uko dusuzugurwa n'uko tugirirwa nabi. "Urukundo rurihangana, rukagira neza; urukundo ntirugira ishyari; urukundo ntirwirarira, ntirwiimbaza; ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho; ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi, ahubwo rwishimira ukuri; rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose. Urukundo ntabwo ruzashira." 1 Abakorinto 13:4-8.

Umunezero ukomoka mu by'isi urahinduka; ariko amahoro ya Kristo ni ay'ibihe byose kandi ahoraho. Ntabwo ashingira ku kintu cyo ari cyo cyose cyo muri ubu bugingo, haba ku bwinshi bw'ubutunzi bwo mu isi, cyangwa se ku bwinshi bw'incuti zo mu isi. Kristo ni we soko y'amazi y'ubugingo, kandi umunezero umukomokaho ntushobora gushira.

Iyo ubugwaneza bwa Kristo bugaragarijwe mu rugo, bunezeza abo muri rwo, ntibutera intonganya, ntibusubizanya uburakari, ahubwo buhosha umujinya, kandi busakaza ineza igera ku bo mu rugo bose. Igihe ubugwaneza bwimakajwe, butuma imiryango yo ku isi iba umugabane umwe w'umuryango ukomeye wo mu ijuru.

Icyarushaho kutubera cyiza ni uko twagirirwa nabi baturega ibinyoma kuruta kwitera umubabaro wo kurenganya abanzi bacu kubwo kwihorera. Umwuka wo kwangana no kwihorera wakomotse kuri Satani, kandi nta cyo ushobora kuzanira uwuha inteve kitari ikibi. Kwiyyorosha mu mutima, ari ko mbuto y'ubugwaneza ikomoka ku kuguma muri Kristo, ni bwo bwiru nyakuri bw'umugisha. "Azarimbishisha abagwaneza agakiza." Zaburi 149:4.

Abagwaneza "bazahabwa isi." Icyaha cyinjiye mu isi kubw'icyifuzo cyo kwishyira hejuru, kandi ni cyo cyatumye ababyeyi bacu ba mbere banyagwa iyi si nziza yari ubwami bwabo. Kandi kubwo kwigomwa, Kristo yacunguwe icyari cyazimiye. Kandi atubwira yuko duktiriye kunesha nk'uko yanesheje. Ibyahishuwe 3:21. Kubwo kwicisha bugufi no kwitanga, dushobora kuhinduka abazaraganwa na we igihe "abagwaneza bazaragwa igihugu." Zaburi 37:11.

Isi yasezeraniwe abagwaneza ntizaba imeze nk'iyi ibudikiwe n'umwijima w'urupfu n'umvumo. "Kandi nk'uko yasezeranje dutegereje ijuru rishya n'isi nshya, ibyo gukiranuka kuzabamo." "Nta muvumo uzabaho ukundi, ahubwo inteve y'Imana n'Umwana w'Intama izaba muri urwo rurembo, kandi imbata zayo zizayikorera." (2 Petero 2:13; Ibyahishuwe 22:3).

Muri iyo si ntihazaba kubura ibyo umuntu yari yiteze, nta gahinda, nta cyaha, ntawé uzataka indwara, nta guhamba, nta kurira, nta rupfu, nta gutandukana, nta mitima ishengutse, ahubwo hari amahoro kuko Yesu ni ho ari. "Ntibazicwa n'inzara cyangwa inyota; kandi icyokere ntikizabageraho, n'izuba ntirizabica: kuko uwabagiriye imbabazi azabajya imbere, akabajana ku masoko y'amazi." Yesaya 49:10.

**"Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gutunganira Imana kuko ari bo bazahazwa."**  
**Matayo 5:6**

Gukiranuka ni ubutungane, ni ugusa n'Imana, kandi "Imana ni urukundo." (1Yohana 4:16). Gukiranuka ni ugukora ibihu je n'amategeko y'Imana, kuko "ibyo wategetse ari byo gukiranuka." (Zaburi 119:172), kandi "urukundo ni rwo rusohoza amategeko." (Abaroma 13:10). Gukiranuka ni urukundo, kandi uruku-ndo ni umucyo n'ubugingo by'Imana. Gukiranuka kw'Imana kwashyizwe muri Kristo.

***Twakira uko gukiranuka igihe twakiriye Kristo.***

Ntabwo umuntu abona gukiranuka kubw'intambara zibabaje cyangwa umu ruho, ntabwo ari no kubw'impano umuntu atanga cyangwa igitambo, ahubwo guherwa ubantu buri muntu ufite inzara n'inyota byako. "Yemwe abafite inyota nimuze ku mazi, kandi n'udafite ifeza na we naze; nimuze mugure murye,... mudatanze ifeza cyangwa ibindi biguzi." "Kandi uko ni ko gukiranuka kwabo guturuka aho ndi, ni ko Uwiteka avuga, "kandi "iri ni ryo zina azitwa: UWITEKA GUKIRANUKA KWACU." Yesaya 55:1; Yeremiya 23:6.

Nta muntu ushabora gutanga ikimara inzara n'inyota by'umutima. Arikó Yesu aravuga ati: "Dore, mpagaze ku rugi, ndakomanga: umuntu niyumva ijwi ryanje, agakingura urugi, nzinjira iwe, dusangire." "Ni jye mutsima w'ubugingo, uza aho ndi ntazasonza na hato; n'unyizera ntabwo azagira inyota na hato." Ibyahishuwe 3:20; Yohana 6:35.

Nk'uko dukeneye ibyokurya kugira ngo tugire imbaraga z'umubiri, ni ko dukeneye Kristo, we Mutsima waturutse mu ijuru, kugira ngo abesheho ubugi-ngo bw'umwuka, kandi aduhe imbaraga zitubashisha gukora imirimó y'Imana. Nk'uko umubiri uhora wakira ibiwutunga byo kuwubesahaho no kuwukomeza ni ko n'umutima ukwiriye guhora usabana na Kristo, umwubaha kandi ugengwa na we byuzuye.

Nk'uko umugenzi urushye ashaka isoko y'amazi mu butayu, maze yayibona ikamumara inyota, ni ko n'Umukristo azagira inyota kandi akabona amazi meza y'ubugingo, kandi isoko y'ayo mazi ni Kristo.

Nidusobanukirwa ubutungane bw'imico y'Umukiza wacu, tuzifuza guhindura rwose no kugirwa bashya mu ishusho y'ubutungane bwe. Uko turushaho kumenya Imana, ni ko imico yacu izarushaho kugera ku rugero rwo hejuru, kandi ni ko tuzarushaho gushaka gusa nayo. Igihe umutima ushaka Imana, imbuto yayo yifatanya n'umuntu maze umutima wahagira ukabasha kuvuga uti : "Mutima wanjye, turiza Imana yonyine, kuko ari yo ibyiringiro byanje biturukaho." Zaburi 62:5.

Niwumva hari icyo ukennyne mu mutima wawe, niba ufite inzara n'injota byo gukiranuka, icyo ni igihama kigaragaza ko hari icyo Kristo yakoze ku mutima wawe kugira ngo umushakire kugira ibyo agukorera abikoreshje Umwuka Wera, kandi ibyo bintu ntushobora kubyikorera ubwawe. Ntabwo dukeneye kwimara injota tunywa ku masoko mato; kuko isoko ikomeye iri hejuru yacu, kandi dufite umudendezo wo kunywa ku mazi yayo menshi nituramuka twigiye hejuru ho gato mu nzira yo kwizera.

Amagambo y'Imana ni amasoko y'ubugingo. Igihe muzaba muvoma muri ayo masoko y'ubugingo, muzashyikirana na Kristo mufashijwe n'Umwuka Wera. Ukuri mumenyereye kuzagaragarira ubwenge bwanyu mu buryo bushya, imirongo y'Ibyanditswe Byera izabahishurira ubusobanuro bushya imeze nk'emyambi y'umucyo maze mubone isano ukundi kuri gufitanye n'umurimo wo gucungurwa, kandi muza-menya yuko Kristo ari we ubayobora, kandi ko Umwigisha waturutse ku Mana abari iruhande.

Yesu yaravuze ati: "Amazi nzamuha azamuhindukiranamo isoko y'amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho." (Yohana 4:14). Umwuka Wera nabahishuri-ra ukuri, muzuzura ibitekerezo by'akataraboneka, kandi muzifusa kubwira abandi iby'ihumure mwahishuriwe. Nimushyikirana nabo muzababwira ibintu bishya byerekeye imico cyangwa umurimo wa Kristo. Muzagira guhishurirwa gushya k'urukundo rruje impuhwe murusesekaze ku bamukunda n'abatamukunda.

"Mutange, namwe muzahabwa" (Luka 6:38); kuko ijambo ry'Imana ari "iriba ryo hagati yimirima, isoko y'amazi abeshaho, n'imigezi itemba ituruka i Lebanon" (Indirimbo ya Salomo 4:15). Umutima wigeze gusogongera urukundo rwa Kristo, uhora utabaza ngo urushirizweho, kandi uko mutanga ni ko muzarushaho gukungahara no kubona byinshi. Icyo Imana ihishurira ubugingo cyose kibwongerera ubushobozi bwo kumenya no gukunda. Umutima uhora utakamba uti: "Turushirizeho." Kandi Umwuka ahora asubiza ati: "Muzarushaho." (Abaroma 5:9 10). Kuko Imana yacu yishimira gukora "ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose." (Abefeso 3:20). Yesu wisize ubusa kugira ngo akize abantu bazimiye yahawе Umwuka Wera ku rugero rw'ikirenga. Uko ni ko umuntu wese ukurikira Kristo azahabwa Umwuka Wera

amaze kumwegurira umutima we ngo awuturemo. Umwami wacu ubwe yatanze itegeko ati: "Mwuzuzwe Umwuwa" (Abefeso 5:18), kandi iri tegeko ni naryo sezera-no ryo gusohozwa kwaryo. Data wa twese yashimishwaga n'uko muri Kristo haba "kuzura kose," kandi ko "mwuzurira muri we." Abakolosay 1:19; 2:20.

Imana yasutse urukundo rwayo mu buryo buhagije, nk'uko imvura itosa ubu-taka. Iravuga iti: "Wa juru we tonyanza; n'ikirere gisandare gukiranuka kuva mu ijuru; isi nikinguke babonemo agakiza, imeremo no gukiranuka." "Abakene n'abatindi basha-ka amazi bakayabura, ururimi rwabo rukagwa umwuma; jyeweho Uwiteka, nzaba-subiza; jyeho Imana ya Isirayeli sinzabahana. Nzazibura imigezi mu mpinga z'imisozi, n'amasoko mu bikombe hagati; ubutayu nzabuhindura ibidendezi by'amazi, n'igihugu cyumye nzagihindura amasoko." Yesaya 45:8; 41:17, 18.

"Kandi ibimwuzuye akaba ari byo twahawe twese, ni ubuntu bukurikira ubun-di." Yohana 1:16.

***"Hahirwa abanyambabazi kuko ari bo bazazigirirwa." Matayo 5:7.***

Kubwa kamere umutima w'umuntu ni ubutita kandi urijimye ndetse ntugira urukundo. Igihe cyose umuntu agize umwuka w'impuhwe no kubabarira, ntabwo abikora ku bwe, ahubwo abiterwa n'Umwuka w'Imana ugenderera umutima we. "Turayikunda, kuko ari yo yabanje kudukunda." 1 Yohana 4:19.

Imana ubwayo ni isoko y'imbabazi zose. Izina ryayo ni "Imana y'ibambe n'imbaba ibaza ko duktiriye urukundo rwayo, ahubwo iducushumuriraho urukundo rwayo rwinshi, kugira ngo iduhindure abafite agaciro. Ntabwo yitura inabi. Ntabwo ishaka guhana, ahubwo ishaka gucungura. Ndetsse n'ubutabera yerekana mu byo iduko-rrera, ibigira kubw'agakiza k'abayobye. Yifuza cyane korosha imbabaro y'abantu no kubomoza inguma amavuta yayo ahumura neza. Ni iby'ukuri yuko Imana "idatsindi-shiriza na hato abo gutsindwa" (Kuva 34:7), ariko igomba gukuraho igicumuro.

Abanyambabazi ni abantu bafite kamere y'Imana, kandi urukundo rw'Imana rruwe impuhwe rugira umwanya muri bo. Abantu bafite imitimia yomatanye n'umutima wa Rukundo rutagira akagero, bazashaka guhabura abahabye aho kubaciraho iteka. Kristo uba mu bugingo ni isoko idakama. Aho ari hazahora hadudubiza ubugwaneza.

Igihe impabe n'abageragezwa n'abarembejwe n' ubukene n'ibyaha bagize icyo basaba, ntabwo Umukristo yigera abaza ati: 'Mbese baktiriye gufashwa?' Ahubwo aravuga ati: 'Mbese nabafasha nte?' Abashaye mu bibi cyane ndetse bari hanyuma y'a-bandu bose, Umukristo ababonamo abo Kristo yapfiriye kugira ngo abakize, kandi akabona ko ari bo Imana yahereye abana bayo umurimo wo kubunga nayo.

Abanyambabazi ni abagirira impuhwe abakene, n'imbabare n'abare-nganywa. Yobu aravuga ati: « Nakizaga umukene utaka, n'impfubyi nayo itagira gifasha. N'uwendaga gupfa wese yansabiraga umugisha kandi ngatuma umutima w'umupfakazi uririmbishwa no kunezerwa. Nambaraga gukiranuka kukanyambika; kutabera kwanjye kwari kumeze nk'umwitero n'ikamba. Nari amaso y'impumyi, n'ibirenge by'ikirema. Nari se w'umukene; ngakurikirana urubanza rw'ubo nari ntazi." Yobu 29:12-16.

Hariho benshi intambara y'ubu bugingo ikomerera cyane; bumva ko badashyitse, kandi ni abahanya batanizera. Batekereza ko nta kintu na kimwe bafite bawkiriye gushimira. Amagambo y'ineza, kurebanwa impuhwe, n'amagambo y'ishimwe kuri benshi bari mu ntambara y'ubu buzima kandi bari mu bwigunge, yababera nk'igikombe cy'amazi afutse ku muntu wishwe n'inyyota. Ijambo ry'imbabazi n'igikorwa cy'ubugiranze bishobora guterura imitwaro ishengura intugu zitentebutse. Kandi ijambo ryose n'igikorwa cyose cy'ubugwaneza buzira inarijye ni imvugo y'urukundo Kristo akunda inyokomuntu yazimiye.

Umunyambabazi "azazigirirwa." "Umunyabuntu azabyibuha; kandi uvomera abandi na we azavomerwa." (Imigani 11:25). Umuntu ufite umutima w'imbabazi agira amahoro atangaje, kandi uwitangira kugirira abandi neza aranyurwa. Umwuka Wera, uba mu mutima kandi akagaragarira mu mibereho y'umuntu, yorosha imitima ikomeye maze agatera abantu impuhwe no kugwa neza. Ibyo mubiba ni byo muasarura. "Hahirwa uwita ku bakene... Uwiteka azamurinda amukize, kandi azahirwa ari mu isi: kandi ntazamureka ngo abanzi be bamugire uko bashaka. Uwiteka azamwiyegamiza arembeye ku buriri bwe, azamurwaza mu gihe azaba arwaye." (Zaburi 41:1-3).

Uweguriye Imana ubugingo bwe ku bwo gufasha abana bayo aba yifatanije n'utegeka ubutunzi bwose bw'ijuru n'isi. Ubugingo bwe buba bubohewe ku bugingo bw'Imana n'umurunga w'izahabu w'amasezerano adahinduka. Uwiteka ntazamuhana mu gihe cy'umubabaro n'ubukene. "Imana yanje izabamara ubukene bwanyu bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri muri Kristo." (Abafilipi 4:19). Kandi mu isaha y'ubukene buheruka umunyambabazi azabonera ubuhungiro mu mbabazi z'Umukiza w'umunyebambe kandi azakirwa mu buturo buhoraho.

**"Hahirwa abafite imitima iboneye kubo ari bo bazabona Imana." Matayo 5:8.**

Abayuda bakabyaga kuziririza imihango yo kwiboneza, ku buryo amategeko yabo yaremereraga abantu birengeje urugero. Intekerezo zabo zari zuzuyemo amategeko n'imiziro no gutinya kwandura inyuma, nyamara ntibarebaga ikizinga kwikanyiza n'ubugome bizana mu mutima.

Ntabwo Yesu avuga yuko kuziririza imihango ari byo bizatuma abantu binji-  
ra mu bwami bwe, ahubwo yerekanye yuko igikenewe ari ukubonera k'umutima.  
Ubwenge buva mu ijuru, "iryu mbere buraboneye." (Yakobo 3:17). Nta kintu cyanduza  
kizinjira mu murwa w'Imana. Abantu bose bazaturayo bazago-mba guhinduka bagire  
imitima iboneye bakiri hano mu isi. Umuntu wiga ibya Yesu, azagaragaza ko  
ataranganwa ingeso mbi n'amagambo adakwiriye, ndetse n'ibitekerezo bibi. Kristo naba  
mu mutima, hazabamo kwera no gutunganya ibitekerezo n'imibereho.

Ariko amagambo ya Yesu ngo: "Hahirwa abafite imitima iboneye," afite ubu-  
sobanuro bwimbitse. Ntabwo ari ukubonera gusa nk'uko kuzwi n'ab'isi, kutarangwamo  
ikibi no kwifusa kubi, ahubwo kubonera nyakuri ni ukuri mu migambi ihihwe no mu  
bitekerezo by'umutima, ni ukubonera kuzira ubwibone no kwishakira ibyawe ubwawe,  
kubonera mu byo kwicisha bugufi, kutikanyiza, kandi kumeze nk'uk'ukumwana muto.

Ibisa birasabirana. Ntabwo ushabora kumenya Imana keretse gusa uramutse  
wemeye ihame ry'urukundo rwitanga, ari ryo hame ry'imico ya Yesu, akaba ari ryo riba  
mu bugingo bwawe. Umutima washutswe na Satani ureba Imana nk'Imana itwaza igi-  
tugu, itabarira. Imico ya kimuntu yo kwikunda ndetse n'iya Satani ubwe ni yo yitiri-  
ra Umuremyi udukunda. Imana iravuga iti: "Wibwira yuko mpwanye nawe rwose."  
(Zaburi 50:21). Mu byo Imana ikora bavuga ko ica urwa kibera kandi ko kamere yayo  
ari ukwihorera inzigo. Uko ni ko bagenza na Bibiliya, kandi ari yo bubiko bw'ubutu-  
nzi buturuka ku buntu bw'Imana. Ntibasobanukirwa icyubahiro cy'ukuri kwayo  
kireshya n'ijuru kandi kitagira iherez. Ku bantu benshi, Kristo ubwe ni nk'igishyitsi  
cyumburira mu butaka bwumye"; kandi iyo bamurebye ntibamubonamo "ubwiza bwa-  
tuma" bamwifuza." (Yesaya 53:2). Igihe Yesu yari mu bantu, ari we wagagarazaga  
abantu Imana, abanditsi n'Abafarisayo bamuvuzeho aya magambo bat: "Ntitwavuze  
neza yuko ari Umusamariya, kandi ko ufite dayimoni?" (Yohana 4:48.) Ndets  
n'abigishwa be bahumishijwe n'inarijye y'imitima yabo kugeza ubwo batinze kumenya  
uwaje kubereka urukundo rwa Data wa twese. Icyo ni cyo cyatumye Yesu yaragenda-  
genda mu bantu asa n'uri wenyine. Abo mu ijuru bonyine ni bo bamusobanukirwa-  
ga byuzuye.

Ubwo Kristo azaba aziye mu cyubahiro cye, abanyabibi ntibazashobora  
kumwitegereza. Umucyo w'ubwiza bwe, ari bwo bugingo ku bamukunda, ni urupfu ku  
banyabibi. Gutegereza kugarukwa kwe, kuri bo ni "ugutegerezanya ubwoba gucirwa-  
ho iteka." (Abaheburayo 10:27). Ubwo azatunguka, bazasaba kwihsa ngo batabona  
ubwiza bw'wapfiriye kubacungura.

Ariko ku bafite imitima yejejwe n'Umwuka Wera uyibamo, byose birahindu-  
ka. Abo bashobora kumenya Imana. Mose yihishe mu rutare igihe Uwiteka

yamwerekaga ubwiza bwe, Nuko rero igihe duhishwe muri Kristo ni bwo dushobora kwitegerezwa urukundo rw'Imana.

"Ukunda kugira umutima uboneye, akagira imbabazi mu byo avuga, Umwami azaba incuti ye." (Imigani 22:11). Kubwo kwizera, ubu nonaha, tumuhanze amaso. Mu mibereho yacu ya buri munsi twitegerezwa ubugiraneza n'imbabazi bye mu byiza agaragariza mu byo atugirira. Tumenyera Uwiteka mu mico y'Umwana we. Umwuka Wera afata ukuri kwerekeye Imana n'uwo yatumye, maze akaguhishurira ubwenge n'imitima y'abantu. Ababoneye mu mitima bitegerezwa Imana bakayibonamo isano bafitanye n'Umucunguzi wabo, bifuza gusa nayo. Basanga ari Data wa twese wifuza guhobera umwana we wihannye, maze imitima yabo ikuzura ibyishimo bitavugwa n'ishimwe ryinshi.

Abantu bafite imitima iboneye bamenyera Umuremyi ku mirimo y'ukuboko kwe gukomeye; ku bintu byose byiza biri mu ijuru no ku isi. Mu Byanditswe Byera basomamo imirongo igaragaza neza cyane imbabazi ze, ubwiza bwe, n'ubuntu bwe. Ukuri kwahishwe abanyabwenge n'abanyamakenga guhishurirwa abana bato. Ibyiza n'akamaro tubona mu kuri bitamenya n'abanyabwenge mu by'isi, buhora buhabwa abiringira n'abafite icyifuzo nk'icy'abana bato cyo kumenza no gukora ibyo Imana ishaka. Tumenya ukuri igihe duhindutse abasangije kamere n'Imana.

Abafite imitima iboneye babaho nk'aho bibera imbere y'ubwiza bw'Imana mu gihe yabageneye cyo kuba mu isi. Kandi bazayireba imbona nkubone mu gihe kizaza, bafite ubugingo budapfa nk'ubwo Adamu yari afite igihe yari akigendana kandi akiugana n'Imana muri Edeni. "Icyakora none turebera mu ndorerwamo iborirori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso." 1 Abakorinto 13:12.

***"Hahirwa abazana amahoro mu bantu, kuko ari bo bazitwa abana b'Imana."***  
***Matayo 5:9.***

Kristo ni "Umwami w'Amahoro" (Yesaya 9:6), kandi umurimo we ni ukugaruriramu isi n'ijuru amahoro yangijwe n'icyaha. "Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo." (Abaroma 5:1). Umuntu wese wiyemeza kwanga icyaha no gukingurira umutima we urukundo rwa Kristo, ahinduka umwe mu bafite amahoro aturuka mu ijuru.

Nta handi habonerwa amahoro haruta aha. Ubuntu bwa Kristo bwakiriwe mu mutima bunesha urwangano; buhosha amakimbirane maze bukuza urukundo mu mutima. Umuntu ufitanye amahoro n'Imana kandi akayagirana na bagenzi be, ntashobora kuba umuhanya. Igomwa ntirizaba mu mutima we; gukeka ibibi ntibizabonamo

umwanya; urwangano ntirushobora kuwubamo. Umutima ugendana n'ubushake bw'Imana ugira amahoro yo mu ijuru kandi uzakwiza imigisha y'ayo mahoro ahawuzengurutse hose. Umwuka w'amahoro uzamera nk'ikime ku mutima urushye kandi uremerewe n'amakimbirane yo mu isi.

Abayoboke ba Kristo batumwe ku isi bafite ubutumwa bw'amahoro. Umuntu wese uzerekana urukundo rwa Kristo kubw'imibereho ye itunganye kandi ituje, umuntu wese uzayoboza undi amagambo cyangwa ibikorwa mu nzira yo kwanga icyaya no kwegurira Imana umutima we, azaba uzana amahoro mu bantu.

"Hahirwa abazana amahoro mu bantu, kuko ari bo bazitwa abana b'Imana. " Umwuka w'amahoro ni ubuhamya bw'isano bafitanye n'ijuru. Impumuro nziza ya Kristo irabazenguruka. Impumuro y'imibereho n'umuco w'urukundo bihamiriza ab'isi yuko ari abana b'Imana. Abantu bamenya yuko babanaga na Yesu. "Umntu wese ukunda yabyawe n'Imana." "Umntu wese utagira Umwuka wa Kristo, ntaba ari uwe;" ariko "abayoborwa n'Umwuka w'Imana bose ni bo bana b'Imana." (1Yohana 4:7; Abaroma 8:9, 14).

"Abarokotse ba Yakobo bazaba mu moko menshi, bababere nk'ikime kivuye ku Uwiteka, cyangwa nk'имвура y'urujoojo igwa mu byatsi, itagombye kubaza abantu, cyangwa kubishingikirizaho." Mika 5:7.

***"Hahirwa abatotezwa bahorwa gukora ibyo Imana ishaka kuko ubwami bw'ijuru ari ubwabo." Matayo 5:10.***

Ntabwo Yesu aha abayoboke be ibyiringiro byo kugera ku cyubahiro n'ubutunzi by'isi, ndetse no kubaho badahura b'ibigeragezo, ahubwo abaha amahirwe yo kugendana na Shebuja mu nzira zo kwiyanga no gutukwa, kuko ab'isi batabazi.

Uwaje gucungura isi yazimiye yarwanyijwe n'imbaraga zibumbiye hamwe z'abanzi b'Imana n'umuntu. Abantu babi n'abamarayika babi bafatanyirije hamwe kurwanya Umwami w'amahoro. Nubwo ijambo ryose yavugaga n'igikorwa cyose yakoraga byarimo imbabazi z'Imana, kudasa n'ab'isi kwe kwatumye bamwanga urunuka. Kubera ko adashobora gutanga uburenganzira bwo gukurikiza ibyifuzo bibi bya kamere yacu, byatumye bahagurukira kumurwanya no kumwanga. Ni ko bimera rero ku bantu bose babaho imibereho y'abubaha Imana muri Kristo Yesu. Hagati yo gukiranya n'icyaha, hagati y'urukundo n'urwangano, no hagati y'ukuri n'ibinyoma hari intambara idahwema. Igihe umuntu agaragaza urukundo rwa Kristo n'ubwiza bwo

kwera, aba yirukana umuhashya ingabo z'ubwami bwa Satani, maze umwami w'ababi agahagurukira kumurwanya. Gutotezwa no gutukwa bitegereje abantu bose buzuwemo n'Umwuka wa Kristo. Imiterere y'akarengane ihinduka ikurikije ibihe, ariko ihame ryako, ari wo mwuka ugahatse, ni wa wundi wishe intore z'Uhoraho uhereye mu gihe cya Abeli.

Uko abantu bashaka kugendana n'ubushake bw'Imana, ni ko babona ko igicumuro cyo ku musaraba kitashira. Abanyambaraga, abatware n'imyuka mibi yo mu kirere bigambiriye kurwanya abantu bose bumvira amategeko y'ijuru. Kubw'ibyo rero, uretse ko akarengane kababaza, gashobora kunezeza abigishwa ba Kristo, kuko ari ubuhamya bw'uko bagera ikirenge mu cya Shebuja.

Ubwo Umwami Yesu atasezeraniye abantu be ko basonewe ibigeragezo, yabasezeraniye ikirushaho kuba cyiza. Yaravuze ati: "Uko iminsi yawe ingana ni ko intege zawe zizangana," "Kuko aho intege nke ziri, ari ho imbaraga zanjye zuzura." (Gutegeka kwa kabiri 33:25; 2 Abakorinto 12:9). Uramutse uhamagariwe gushyirwa mu itanura ku bwe, Yesu yakuba iruhande nk'uko yabanye na ba bakiranutsi batatu b'i Babuloni. Abakunda Umucunguzi wabo bazishimira ikintu cyose cyatuma basangira n'Umukiza wabo gukozwa isoni no gutukwa. Urukundo bakunda Umwami wabo rutuma kubabazwa ku bwe bibabera byiza.

Mu bihe byose Satani yagiye atoteza abantu b'Imana. Yarabababaje, arabicisha, ariko igihe bapfaga bahindukaga abaneshi. Mu kwizera kwabo kudatezuka bagaragarajemo ukomeye kuruta Satani. Satani yashobora kubabaza umubiri no kuwica, ariko ntiyashobora gukora ku bugingo buhishanywe na Kristo mu Mana.

Yashobora gushyirisha umuntu mu nzu y'imbohe, ariko ntabwo yasho-bora kuboha umwuka w'uwo muntu. Abatotewaga bashoboraga kurenza amaso amakuba maze bakareba ikuzo bakavuga bat: "Mbonye yuko imibabaro y'iki gihe idakwiriyre kugereranywa n'ubwiza tuzahishurirwa." "Kuko kubabazwa kw'igihwayihwayi kw'akanya ka none kwiyongeranya kuturemera ubwiza bw'iteka ryose bukomeye." Abaroma 8:18; 2 Abakorinto 4:17.

Mu gihe cy'ibigeragezo n'itotezwa, ikuzo ryo muco w'Imana, rihihuri-rwa mu bantu yatoranyije. Iyo ab'itorero ry'Imana banzwe kandi bagatotezwa n'ab'isi, baba bigira kandi batorezwa mu ishuri rya Kristo. Bagendera mu nzira zifunganye muri iyi si; batunganyirizwa mu itanura ry'umubabaro. Bakurikira Kristo mu ntambara ikomeye; bihanganira kwigomwa no gukorwa n'isoni; ariko kunyura mu mubabaro bibigisha ubugome n'akaga bizanwa n'icyaha, maze bakireba bakacyanga urunuka. Kubwo gufatanya imibabaro na Kristo; bagenerwa kuzasangira ikuzo rye. Mu iyere-

kwa ryera, umuhanuzi yabonye abantu b'Imana banesha maze abivuga atya ati: "Mbona igisa n'inyanja y'ibirahuri bivanze n'umuriro, mbona n'abatabarutse banesheje, bahagaze kuri iyo nyanja y'ibirahuri, bafite inanga z'Imana baririmba indirimbo ya Mose imbata y'Imana, n'indirimbo y'Umwana w'Intama bati : 'Mwami Imana ishobora byose, imirimo yawe irakomeye, kandi iratangaje mugaba w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri" "Aba ni abavuye muri urya mubabaro mwinshi, kandi bameshe ibishura byabo, babyjesha amaraso y'Umwana w'Intama ni cyo gituma baba imbere y'intebe y'Imana, bakayikorera mu rusengero rwayo ku manywa na nijoro; kandi iyicaye ku ntebe izaturana na bo." Ibyahishuwe : 15:2, 3; 7:14, 15.

**"Namwe muzahirwa, ubwo bazabatuka," Matayo 5:11.**

Uhereye igihe Satani yacuriye, yakomeje gukoresha inzira z'ubushukanyi. Nk'uko yagiye agaragaza Imana uko itari, ni na ko akoresha abayoboke be maze aka-garagaza abana b'Imana uko batari. Umukiza aravuga ati: "Ibitutsi by'abagutuka byaguye kuri jye." (Zaburi 69:9). Uko ni na ko bigera ku bigishwa be.

Nta wigeze abana n'abantu ngo bamusebye kandi bamuvuge nabi bikomeye nk'Umwana w'umuntu. Yarasuzuguwe agirwa urwamenyo kubwo kumvira amahame y'amategeko yera y'Imana adakebakeba. Bamwangiye ubusa. Nyamara yahagaze imbere y'abanzi be atuje, avuga ko gutukwa ari umugabane umwe w'umurage w'Umukristo, agira abigishwa be inama y'uburyo bwo gusakirana n'imyambi y'umurimbuzi, kandi abingingira gushikama mu gihe cyo gutotezwa.

Nubwo gusebya umuntu byaharabika isura ye mu bantu, nyamara ntibisho-bora kwanduza imico ye. Imico irinzwe n'Imana. Igihe tudakoze icyaha, nta mbaraga iyo ari yo yose, yaba iy'umuntu cyangwa iya Satani, ishobora kudutera ikizinga ku mutima. Umuntu ufite umutima ushikamye ku Mana, mu gihe ababazwa n'ibigeragezo n'igihe azengurutswe n'ibimuca intege ameri nk'uko yabaga amaze mu gihe yabaga aguwe neza, igihe umucyo w'Imana n'ubuntu bwayo byasaga nk'ibikimuriho. Amagambo ye, imigambi ye n'ibikorwa bye bishobora kugorekwa kandi bigaharabi-kwa, ariko ntabyitaho, kuko aba afite ibimushishikaje bikomeye aba abona bigeze ahakomeye. Nk'uko Mose yabige-nje, aba yihanganye "nk'ureba Itaboneka" (Abaheburayo 11:27); ntareba "ku biboneka ahubwo ku bitaboneka" 2 Abakorinto 4:18.

Kristo azi neza abantu bose bavugwa uko batari kandi babeshyerwa n'abantu. Uko baba babeshyerwa cyangwa basuzugurwa kose, abana be bashobora gute-gerezanya ituza bihanganye kandi bafite ibyiringiro; kuko ari nta kintu gihishwe kizabura kugaragazwa, kandi abubaha Imana izabubahiriza imbere y'abantu n'imbere y'abamarayika.

Yesu yaravuze ati: "Ubwo abantu bazabatuka kandi bakabarenganya, muzanezerwe kandi muzishime cyane." Kandi yabwiye abari bamuteze amatwi kwerekeza intekerezo zabo ku bahanuzi bari barahanuye mu izina ry'Uwiteka ngo babakureho icyitegererero cyo kurenganywa no kwihangana." (Yakobo 5:10). Abeli, Umukristo wa mbere wo mu bana ba Adamu, yahowe Imana. Enoki yagendanye n'Imana maze ab'isi ntibamumenya. Nowa baramukobye bamwita umuntu ukabya kandi utera abantu ubwoba. "Abandi bakageragereshwa gushinyagurirwa no gukubitwa ibiboko, ndetse no kubohwa no gushyirwa mu mazu y'imbohe." "Abandi baki-cishwa inkoni ntibemere kurokorwa, kugira ngo bahabwe kuzuka kurushaho kuba kwiza." Abaheburayo 11:35, 36.

Buri gihe intumwa zatoranyijwe n'Imana zagiye zitukwa zigitotezw, nya-mara kumenya Imana byagiye bisakaraga mu mahanga ya kure bitewe n'imbabaro yabo. Umwigisha wese wa Kristo akwiriye kwinjira mu murongo w'ingabo ze maze agakomeza uwo murimo, azi neza yuko nta cyo abanzi bawo bashobora gutwara ukuri, ahubwo ko baguhesha ibyiza. Imana ivuga yuko ukuri kuzashyirwa ku ruhembe rw'imbere kandi kughinduka ingingo yo gusuzumwa no kugirwaho impaka ndetse no mu gusuzugurwa kugirirwa. Imitima y'abantu igomba kunyeganyezwa; impaka zose, igitutsi cyose, imbaraga zose zikoreshwa mu kubuza umutimanama umudendezo, niinzira Imana ikoresha ngo ikangure imitima yajyaga guhunikira.

Mbega ukuntu bene ibyo byagiye biboneka kenshi mu mateka y'intumwa z'Imana! Igihe Sitefano, wa muziranenge kandi wavugaga ashize amanga, yicishwaga amabuye biturutse ku kagambane k'urukiko rukuru rw'Abayuda, nta gihombo cyabaye mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza. Umucyo w'ijurwamurasiye mu maso bigatuma harabagirana, n'impuhwe z'Imana zagaragariye mu isengesho yasenze umwuka we ugiye guhera, byose byari nk'umyambi utyaye.

Wemeje umuntu wari mu bagize rwa rukiko wari mudakurwa ku ijambo, wari uhagaze aho. Uwo ni Sawuli, wa Mufarisayo watotezaga abizera, waje guhinduka igikoresho cyatoranijwe cyo kwamamaza izina rya Kristo imbere y'abanyamahanga n'abami n'Abisirayeli. Kandi nyuma y'igihe kirekire, Pawulo wari amaze gusaza yandikiye mu nzu y'imbohe i Roma avuga ati: "Icyakora koko bamwe babwiriza ibya Kristo babitewe n'ishyari no kwirema ibice:... babikorana umutima ubarega, bibwira ko bashobora kunyongererera umubabaro mu ngoyi zanje ... Nta cyo bitwaye, kuko uko bimeze kose, ari mu buriganya cyangwa mu kuri, Kristo yamazwa." (Abafilipi 1:15-18). Kubwo gushyirwa mu nzu y'imbohe kwa Pawulo, ubutumwa bwamamaye hakurya y'inyanja, kandi abantu b'ibwami kwa Kayisari biyeguria Kristo. Kubw'umuhati Satani akoresha agerageza kurimbura imbuto "itabora"

y'ijambo ry'Imana, "rizima kandi rihoraho" (1 Petero 1:23), bituma iyo mbuto ibibwa mu mitima y'abantu. Kubwo gutuka no gutotezwa kw'abana b'Imana, izina rya Kristo irushaho kwamamara kandi abantu bagakizwa.

Abahamya Kristo binyuze mu gutotezwa no gutukwa, bafite ingororano ikomeye mu ijuru. Mu gihe abantu barangamira ubutunzi bwo ku isi, Kristo we abereka ingororano yo mu ijuru. Ariko ntabwo iyo ngororano yose ayirindiriza mu bugingo bw'igihe kizaza; ahubwo itangirira hano. Kera Imana yabonekeye Aburahamu iramu-bwira iti: "Ni jye ngabo igukingira, uzagororerwa ingororano ikomeye cyane." (Itangiriro 15:1). Iyo ni ingororano y'abayoboka Kristo bose. Yehova Imanuweli "muri we ni mo ubutunzi bwose bw'ubwenge bwahishwe," kandi "muri we ni ho hari kuzura k'ubumana kose mu buryo bw'umubiri." (Abakolosayi 2:3, 9) kubwo kugirirwa impuhwe na we, kumumenya no kumugira, uko umutima urushaho gukingukira kwakira imico ye; kumenya urukundo n'imbabazi bye, kugira ubutunzi butaboneka bwa Kristo, gusobanukirwa biruseho "ubugari, n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igi-hagararo n'uburebure bw'ikijyepfo; kandi no kumenya urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa; ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana" (Abefeso 3:18, 19); "ibyo ni byo murage w'abagaragu b'Uwiteka, kandi uko ni ko gukiranuka kwabo guturuka aho ndi; ni ko Uwiteka avuga." Yesaya 54:17.

Ibyo ni byo byishimo byari byuzuye umutima wa Pawulo n'uwa Sila igihe basengaga kandi bakaririmba ishimwe ry'Imana mu gicuku igihe bari babohewe mu kazitiro ko mu nzu y'imbohe i Filipi. Aho ngaho Kristo yari ahari abari iruhande, kandi umucyo w'ubwiza bwe wamurikishije ikuzo ryo mu ijuru muri uwo mwijima barimo. Pawulo utaritaye ku minyururu yari imuboshye, abonye ko ubutumwa bwiza bwamamara, yandikiye i Roma avuga ati: "ibyo ndabyishimiye kandi nzagumya kubyishimira." (Abafilipi 1:18). Kandi amagambo Kristo yavugiye ku musozi yongera kumvikani-ra mu butumwa bwa Pawulo yandikiye itorero ry'i Filipi ubwo barenganywaga ati: 'Mujye mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose: yewe, nongeye kubivuga nti, mwishime!' Abafilipi 4:4.

### **"Muri umunyu w'isi." Matayo 5:13**

Igituma umunyu ugira agaciro ni uko utuma ibintu bitabora; kandi igihe Imana yita abana bayo umunyu, iba ibigisha yuko umugambi wayo wo kubagira abagenewe ubuntu bwayo ari ukugira ngo bahinduke ibikoresho mu guhesha abandi agakiza. Icyatumye Imana itoranya abantu bo guhagarara imbere y'ab'isi bose, ntabwo kwari ukugira ngo ibagire abahungu n'abakobwa bayo gusa, ahubwo kwari ukugira ngo ab'isi bakire ubuntu buzana agakiza binyuze kuri bo. (Tito 2:11). Igihe Imana yatoranyaga

Aburahamu, nti kwari ukugira ngo abe incuti magara y'Imana gusa, ahubwo kwari uku-gira ngo abe umuyoboro unyuzwamo amahirwe yi hariye Uwiteka yifuzaga gusuka ku mahanga yose. Muri rya sengesho riheruka Yesu yasenganye n'abigishwa be mbere yo kubambwa, yaravuze ati: "Kandi nanje niyeza ku bwabo, ngo nabo babe bereshejwe ukuri." (Yohana 17:19). Mu buryo nk'ubu, Abakristo bereshejwe ukuri bazaba basho-bora gukiza kandi ubu bubasha buzarinda isi kugira ngo ingeso z'abantu zitononekara.

Umunyu ukwiriye kuvangwa n'ibyo ushyirwamo; ukwiriye kujyamo bigahwana kugira ngo ibyo bintu bye kubora. Ni na ko bimeze rero, iyo abantu bashyikirana bakabana, babona imbaraga ikiza y'ubutumwa bwiza. Nta bwo bakizwa nk'imba-ga y'abantu nyamwinshi, ahubwo bakizwa umwe umwe ku giti cye. Impinduka zitezwa n'umuntu umwe ku giti cye, ni imbaraga. Tugomba kurushaho kwegerana n'abo twifuza kunganira.

Uburyohe bw'umunyu bushushanya imbaraga ikomeye y'Umukristo igihe urukundo rwa Yesu ruri mu mitima, kandi gukiranku kwa Kristo kukuzura mu bugingo bw'umuntu. Urukundo rwa Kristo rukwira hose kandi rugendana imbaraga. Urwo rukundo miruba muri twe, ruzagera no ku bandi. Tuzabasanga tubane nabo kugeza ubwo imitima yabo izasurutswa no kubitaho n'urukundo rutagamije inyungu. Abizera nyakuri bakwiza imbaraga ikomeye kandi icengera mu bantu bakorera maze ikabashyiramo imbaraga nshya y'imico mbonera. Ntabwo ari imbaraga y'umuntu ubwe, ahubwo ni imbaraga y'Umwuka Wera ihindura.

Yesu yongeyeho umuburo ukomeye ati: "Mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iiki? Nta cyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira."

Igihe abantu bategaga amatwi amagambo ya Kristo, bitegerezaga umunyu ushashagirana mu nzira aho wabaga wajugunywe kubera ko wabaga watakaje ubu-ryohe bwawo bityo ukaba wari utakigira akamaro. Washushanyaga uko Abafarisayo bari bameze n'uburyo idini yabo yari imereye umuryango mugari babarizwagamo. Uwo munyu kandi ushushanya umuntu wavuwemo n'imbaraga y'ubuntu bw'Imana agakonja ntabe akirangwamo Kristo. Icyo umuntu nk'ubo yaba akora cyose, abantu n'abamarayika bamureba nk'udafite akamaro kandi utishimirwa. Ni ku bw'umuntu nk'ubo Kristo yavuze aya magambo ati: "Iyaba wari ukonje cyangwa ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka." Ibyahishuwe 3:15, 16.

Turamutse tufafite kwizera kuzima ko Kristo ari Umukiza w'umuntu ku giti, ntitwashobora kugira impinduka duteza mu isi itizera. Ntidushobora guha abandi icyo tufafite. Urugero twitangamo kandi tukiyeguriramo Kristo, ni na rwo duheshamo

abantu umugisha kandi tukabazahura. Mu gihe ntacyo dukora, ntitugire urukundo nyakuri, tukabura ukuri kw'imibereho yacu; ntidushobora kubafasha, ntituba dufitanye umushyikirano n'ijuru, nta buryohe bwa Kristo buba buri mu bugingo bwacu. Umwuka Wera aramutse adashoboye kudukoresha ngo tubwire ab'isi ukuri nk'uko kuri muri Yesu, tuba tumeze nk'umunyu utagira uburyohe, ndetse umunyu udafite akamaro. Igihe tudagifite ubuntu bwa Kristo, tuba duhamiriza ab'isi yuko ukuri tuvuga ko twizera kudafite imbaraga yeza, bityo rero, igihe dukora dutyo, dutuma ijambro ry'Imana ritagira akamaro. "Nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika, ariko singire urukundo, mba mpindutse nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga. Kandi nubwo nagira impano yo guhanura, nkamenya ibihishwe byose n'ubwenge bwose, kandi nubwo nagira kwizera kose, nkabasha gukuraho imisozi ariko singire urukundo, nta cyo mba ndi cyo. Kandi nubwo natanga ibyanje byose, ngo ngaburire abakene, ndetse nkitanga ubwanjye ngo ntwikwe, ariko singire urukundo, ntacyo byamarira."

1 Abakorinto 13:1-3.

Iyo urukundo rwuzuye umutima, rutemba rugana ku bandi, bidatewe n'uko abo bantu hari ibyo batanze, ahubwo bitewe n'uko urukundo ari rwo nkomoko y'imirimo myiza. Urukundo ruhindura imico, rutegeka ibitekerezo, rutsinda urwangano kandi ruhindura impuhwe igikorwa cy'ubupfura. Ubugari bw'urwo rukundo bungana n'isi n'ijuru, kandi rufatanyije n'urw'abamarayika barinzi. Iyo urwo rukundo rwimitswe mu mutima, ruryoshyia imibereho y'umuntu yose maze rugakwiza umugisha aharuze-njurutse hose. Urwo rukundo rwonyine ni rwo rushobora kuduhindura umunyu w'isi.

**"Muri umucyo w'isi." Matayo 5:14.**

Igihe Yesu yabaga yigisha abantu, yatumaga ibyigisho bye binezeza abantu kandi bigakurura intekerezo z'abamwumvaga akoresheje ingeru yahoraga atanga azikuye mu byaremwe byinshi byari bibazengurutse. Abantu bari bateranye hakiri kare mu gitondo. Uko umucyo urabagirana w'izuba wagumyaga gukwira ikirere ni ko wirukanaga igicucu cyabaga gitwikiriye ibibaya n'ibikombe by'imisozi. Umucyo w'ikirere cy'iburasisrazuba wabaga ugikenkemuye. Umucyo w'izuba wuzuzaga ighugu ubwiza bwawo; amazi atuje y'ikiyaga yarabagirani-shwaga n'uwo mucyo usa n'izahabu ari na wo watumaga ibicu bya mu gitondo bigira ibara nk'iryo. Umugondoro wose n'ururabyo n'ibibabi byashashagiranagaho ikime. Ibyaremwe byanezezwaga n'umugisha w'umunsi mushya, kandi inyoni zaririmbiraga mu biti indirimbo z'agaho- zo. Umukiza yarebye imbaga y'abantu yari imuri imbere, yongera no kureba izuba ryarasaga, maze abwira abigishwa be ati: "Muri umucyo w'isi." Nk'uko izuba rikomeza kujya mbere, risohoza ubutumwa bwaryo bw'urukundo, rigatamurura umwijima w'ijoro, rigakangura ibyo mu isi ngo byongere kubaho, ni ko abayoboke ba Kristo

bagomba kujya ku murimo wabo, bageza umucyo w'ijuru ku bari mu mwijima w'ubuy-obe n'icyaha.

Mu mucyo urabagirana wa mu gitondo, ni mo abantu baboneraga imijyi n'imidugudu biri ku misozi izengurutse aho ngaho bifite ubwiza buhebuje. Yesu yara-biberetse maze aravuga ati: "Umu dugudu wubatswe mu mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha." Arongera ati: "Nta bakongeza itabaza ngo baritwikirize intonga, ahubwo barishyira ku gitereko cyaryo, rikamurikira abari mu nzu hose."

abantu benshi mu bumvise amagambo ya Yesu bari abahinzi n'abarobyi babaga mu mazu aciriritse agizwe n'icyumba kimwe, kandi mu mazu nk'ayo itara ryaterekwaga ku gitereko rikamurikira abari mu nzu bose. Nuko Yesu aravuga ati: "Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahere ko bahimbaze so wo mu ijuru."

Nta wundi mucyo wigeze umurikira cyangwa uzamurikira umuntu waguye mu cyaha uretse umucyo ukomoka kuri Kristo. Yesu, Umukiza, ni we mucyo umwe rukumbi ushobora gutamurura umwijima w'isi irambaraye mu byaha. Kristo yanditsweho aya magambo ngo: "Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu" (Yohana 1:4). Kubwo kwakira ubugingo bwe, abigishwa ba Kristo bambaga guhinduka abatwaramucyo. Iyo ubugingo bwa Kristo buri mu mutima, n'urukundo rwe rukagaragarizwa mu mico, ni byo bibagira umucyo w'isi.

Inyokomuntu ubwayo nta mucyo igira. Tutari muri Kristo twamera nk'uru-tambi rw'itara rudakongejwe, ndetse twamera nk'ukwezi igithe kudateganye n'izuba; nta mucyo na muke dushobora kumurikirishiriza isi. Ariko duhindukiriye Zuba ryo Gukiranuka, tukomatana na Kristo, ubugingo bwose bumerika umucyo urabagirana uturuka ku Mana iri kumwe natwe.

Abayoboke ba Kristo bakwiriye kuba ikirenze umucyo mu bantu. Bakwiriye kuba umucyo umurikira isi yose. Yesu abwira abitirirwa izina rye bose ati: "Mwaranyiyeguriye, kandi nabagize ibisonga byanje mu isi." Yesu avuga atya ati: "Uko Data yantumye mu isi, nanje ni ko nabatumye mu isi." (Yohana 17: 18).

Nk'uko Kristo ari we muyoboro wo guhishura Data wa twese, ni ko duktiriye kuba imiyoboro yo guhishura Kristo. Ubwo Umukiza wacu ari we soko nini y'umucyo, Mukristo ntukibagirwe yuko Kristo ahishurirwa mu bantu. Imigisha y'Imana itangwa inyujijwe mu bantu. Kristo ubwe yaje ku isi ameze nk'Umwana w'umuntu. Kamere ye y'umuntu ifatanyijwe na kamere y'Imana ni yo ishobora kugera ku bantu. Itorero rya Kristo na buri mwigishwa wese wa Kristo, ni umuyoboro

washyizweho n'ijuru Imana ikoresha ngo yihishurire abantu. Abamarayika b'ikuzo bategereje kubanyuzamo umucyo n'imbaraga bishyirwa abantu bagiye kurimbuka. Mbese umuntu azananirwa gusohoza umurimo yatoranyirijwe? Yoo, mbega ukuntu biramutse bigenze bityo isi yose yaba inyazwe Umwuka Wera yasezeraniwe!

Ntabwo Yesu yigeze ategeka abigishwa be ati "Murwanire gutuma umucyo wanyu uboneka;" ahubwo yaravuze ati: "Abe ari ko umucyo wanyu uboneka." Iyo Kristo ari mu mutima, guhisha umucyo umuturukaho ntibyashoboka. Niba abavuga ko ari abayoboke ba Kristo batabera isi umucyo, biterwa n'uko imbaraga y'ubugingo yabavuyemo. Niba badafite umucyo bamurika, biterwa n'uko badafitanye ihuriro na Soko y'umucyo.

Mu bihe byose "Umwuka wa Kristo wari muri bo" (1 Petero 1:11) yahinduraga abana b'Imana umucyo w'abantu bo mu gihe cyabo. Yosefu yari umutwaramucyo mu Misiri. Mu kubonera no kugira neza bye ndetse n'urukundo rwa kivandimwe, yagaragaje Kristo mu mahanga y'abasengaga ibigirwamana. Igihe Abisirayeli bari mu rugendo bava mu Misiri bajya mu Gihugu cy'Isezerano, abari bafite umutima w'ukuri muri bo bari umucyo w'amahanga yari abazengurutse. Imana yahishuriwe ab'isi ku bwabo. Umucyo waturutse kuri Daniyeli na bagenzi be muri Babuloni, no kuri Moridekayi mu Bopersi, wamuritse mu mwijima wo mu ngoro za cyami. Muri ubwo buryo abigishwa ba Kristo bashyirweho kuba abatwaramucyo mu nzira igana mu ijuru; maze muri bo impuhwe no kugira neza by'Imana bikagaragarizwa isi ibundikiwe n'umwijima wo kutamenya Imana. Kubwo kureba imirimbo yabo myiza, bituma abandi bahimbaza Data wo mu ijuru; kuko byagaragaye neza yuko hariho Imana yicaye ku ntebe y'ubwami bw'isi n'ijuru, ari yo Mana ifite imico ikwiriye guhimbazwa no kwiganwa. Urukundo rw'Imana rukurikira mu mutima no gusa na Kristo bigaragarira mu mibereho y'umuntu, ni nko kurabukwa ijuru kwahawwe abantu bo ku isi kugira ngo bishimire ubwiza bwaryo buhebuje.

Uko ni ko abantu babashishwa kwizera "urukundo Imana idukunda." (1 Yohana 4:16). Nuko rero imitima yahoze yuzuwemo n'ibyaha n'ububore ikezwa kandi igahindurwa kugira ngo mubone uko muturwa Imana "mudafite inenge, ahubwo mwishimye bihebuje." Yuda 24.

Amagambo y'Umukiza agira ati: "Muri umucyo w'isi," yerekana ko yahaye abayoboke be umurimo bagomba gukora ku isi yose. Mu gihe cya Kristo, kwikanyiza, ubwibone n'urwikekwe byari byarubatse urukuta rurerure hagati y'abarindishijwe ubwiru bw' Imana n'andi mahanga yose yo ku isi. Ariko Umukiza yazanywe no guhindura ibi byose. Amagambo abantu bumvaga avuga yari atandukanye n'amagambo yavugwaga n'abatambyi n'abigisha b'amategeko. Kristo akuraho urusika rutandukanya

abantu, agakuraho kwikunda, kwigira shyashya kw'amahanga, kandi akgisha ko umuntu akwiriye gukunda inyokomuntu yose. Kristo akura abantu mu kazitiro babo-hewemo no kwikunda; akuraho imipaka yose n'ibitandukanya abantu bishyiriyeho. Nta tandukaniro ashayira hagati y'abaturanyi n'abanyamahanga n'incuti n'abanzi. Atwigisha kureba yuko umuntu wese ukeneye gufashwa ari mugenzi wacu, kandi ko isi yose ari nk'umurima wacu.

Nk'uko imirasire y'izuba igera ku mpera z'isi, ni ko Imana yagenye yuko umucyo w'ubutumwa bwiza uzagera ku muntu wese wo ku isi. Iyaba itorero rya Kristo ryarasohoje umugambi w'Umwami wacu, umucyo uba waramukiriye abicaye mu mwijima bose, n'abari mu gihugu no mu gicucu cy'urupfu. Mu cyimbo cyo kwirunda hamwe, abantu bakanga inshingano no kwikorera umusaraba, abizera b'itorero bakwiriye gukwira mu bihugu byose, bamurikisha umucyo wa Kristo, kandi bagakiza abantu nk'uko Yesu yagenzaga. Kandi "ubu butumwa bwiza bw'ubwami" bugomba kujyanwa mu isi yose bwangu.

Uko ni ko umugambi Imana yari ifite ubwo yahamagaraga abantu bayo, kuva kuri Aburahamu wo mu bibaya by'i Mesopotamiya kugeza kuri twe bo muri iki gihe ukwiriye gusohozwa. Imana iravuga iti: "Nzaguba umugisha, ... kandi uzaba umugisha." (Itangiriro 12:2). Amagambo ya Kristo yavuzwe n'umuhanuzi w'ubutumwa bwiza akongera kuvugirwa mu kibwirizwa cyo ku musozi, ni ayacu twebwe abo muri ibi bihe biheruka. "Byuka urabagirane, kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw'Uwiteka bukaba bukurasiye." (Yesaya 60:1). Niba ubwiza bw'Uwiteka bwararasiye ubugingo bwawe, niba waritegereje ubwiza bwa wa wundi uruta abantu ibihumbi, ari nawe ufite "ubwiza buhebuje," niba umutima wawe wararabagiranishijwe n'ikuzo rye, ni wowe ubwirwa iroyo jambo ry'Umwami wacu. Mbese wigeze uhagararana na Yesu ku musozi yahinduriweho ishusho irabagirana? Mu bibaya hari abantu Satani yagize imbata; bategereje ijambo ryo kwizera n'isengesho ryo kubabatura.

Ntabwo dukwiriye kwitegereza ikuzo rya Kristo gusa, ahubwo dukwiriye no kuvuga iby'ubwiza bwe buhebuje. Ntabwo Yesaya yitegereje ikuzo rya Kristo gusa, ahubwo yavuze n'ibye. Igihe Dawidi yari agitekerezza, umuriro wamuurumanyemo maze avugisha ururimi rwe. Igihe yatekerezaga iby'urukundo rw'Imana rutangaje ntibashije kwiyumanganya ngo areke kuvuga icyo yabonye n'icyo yumvise. Kubwo kwizera ni nde ushobora kwitegereza umugambi wo gucungura umuntu n'icyubahiro cy'Umwana w'Imana w'ikinege maze ntabivuge? Ni nde ushobora kureba no gutekerezza urukundo rutagira akagero rwagaragarijwe ku musaraba w'i Kaluvari mu rupfu rwa Kristo kugira ngo tutarimbuka, ahubwo duhabwe ubugingo buhoraho, ni nde ushobora kureba ibyo maze ntabone amagambo yo gusingiza ikuzo ry'Umukiza?

"Mu rusengero rwe ibantu byose biravuga biti: 'Icyubahiro kibe icyawe.'" (Zaburi 29:9). Umuririmbyi w'umuhanga wo mu Isirayeli yacuranze asingiza Imana avuga ati: "Nzavuga ubwiza bw'icyubahiro cyo gukomera kwave n'imirimo itangaza wakoze. Abantu bazavuga imbaraga z'imirimo yawe iteye ubwoba; nanje nzavuga gukomera kwave. "Zaburi 145: 5, 6.

Umusaraba w'i Kaluvاري ukwiriye kwererezwa hejuru y'abantu, ugatwara intekerezo zabo kandi n'ibitekerezo byabo akaba ari wo bihangwaho. Ni bwo imbaraga zose z'iby'umwuka zizuzuzwa imbaraga mvajuru iturutse ku Mana. Ni nabwo ubushobozi bwose buzarundurirwa mu murimo shingiro w'Umwami Yesu. Abakozi bazohereza umucyo mwinshi ku bo mu isi ari abakozi bazima bo kumurikira isi.

Kristo yakirana umunezero umuntu wese umwiyeguriye. Ahuza umuntu n'Imana, kugira ngo abone uko abwira abo mu isi iby'ubwiru bw'urukundo rw'Imana, rwambaye umubiri wa kimuntu. Mubivuge, mubisenge, mubirimbe; mwamamaze hose ubutumwa bw'ikuzo ry'Imana, kandi mukomeze mujye mbere mu turere twa kure.

Ibigeragezo byihanganiwe, imigisha yakiranywe ishimwe, ibishuko byihanganiwe mu butvari; ubwitonzi n'ubugwaneza n'impuhwe n'urukundo bihora bigaragazwa, ni byo mucyo umurika uturutse mu mico, ukaba umyuranye n'umwijima wo mu mutima w'inarijye, kandi utari warasirwa n'umucyo w'ubugingo.

## KWERA KW'AMATEGEKO

*"Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikura, ahubwo naje kubisohoza." Matayo 5:17.*

Kristo ni we watangarije amategeko cumi ku musozi Sinayi, mu mirabyo no guhinda kw'inkuba. Ikuzo ry'Imana ryasaga n'umuriro ukongora ryahagaze mu mpinga y'umusozi, maze umusozi uhindira umushitsi imbere y'Uwiteka. Abisirayeli barambaraye hasi bubamye, maze batega amatwi amabwiriza yera y'amategeko bafite ubwoba. Mbega ukuntu ibyabereye kuri uwo musozi byari bitandukanye n'ibyabereye ku musozi w'umugisha! Igihe Yesu yatangazaga amahame y'ubwami bwe, hari mu gihe cyo mu cyi, ijuru ryari rikeye, hari hatuje kandi ari nta kindi cyumvikana keretse indirimbo z'inyoni. Nyamara uwavuganaga n'abantu uwo munsi afite ijwi ry'urukundo, yabagaragarizaga amahame y'amategeko yavugije ku musozi wa Sinayi.

Igihe amategeko yatangwaga, Abisirayeli bari baraheneberejwe n'uburetwa bwo mu Misiri, bari bakeneye kumenya imbaraga n'igitinyiro by'Imana; nyamara Imana yabiyeretse ari Imana yuje urukundo.

"Uwiteka yaturutse kuri Sinayi,  
Yabarasiye atungutse kuri Seyiri  
Yabaviriye atungutse ku musozi Parami,  
Ava hagati mu bera inzovu nyinshi;  
Mu kuboko kwe kw'iburyo haturuka  
Amategeko yaka umuriro,  
Ni ukuri akunda amahanga,  
Abera be bose bari mu kuboko kwe.  
Bicaye imbere y'ibirenge bye,  
Umuntu wese muri bo azemera amagambo ye."  
Gutegeka kwa kabiri 33:2, 3.

Mose ni we Imana yahishuriye icyubahiro cyayo muri ayo magambo atangaje yashyinguwe nk'umurage w'ibihe byose: "Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi; igumanira abantu imbabazi, ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe ihihumbi, ibabarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibaya." Kuva 34:6, 7.

Amategeko yatangiwe ku musozi Sinayi kwari ugutangaza amahame y'urukundo, kandi yahishuriraga isi uko amategeko y'ijuru ateye. Yejejwe n'ibiganza by'Umuhuza, avugwa na we, kandi imbaraga ye ni yo ituma imitima y'abantu itanyuza

ukubiri n'amategeko. Imana yagaragaje umugambi w'amategeko igithe yatangarizaga Abisirayeli iti: "Muzambere abera." Kuva 22:31.

Ariko Abisirayeli ntabwo bari barumvise neza kamere yera y'amategeko, kandi akensi ingirwakumvira kwabo kwari uko kuziririza imihango mu cyimbo cyo kwegurira Imana imitima y'urukundo. Nubwo Yesu yagaragarije abantu kwera no kugira neza bya kamere y'Imana Data wa twese, akerekana akamaro gake ko kumvira imihango, abayobozi b'Abayuda ntibakiriye amagambo ye haba no gusobanukirwa nayo. Batekereje yuko atitaga cyane ku by'amategeko ategeka, maze igithe yabagaragarizaga ukuri kw'inkoramutima k'umurimo Imana yabatoranyirije, kubwo kureba ibigaragara gusa, bamureze yuko yashakaga kuyakuraho.

Nubwo amagambo ya Yesu yavuganywe ituza, yumvikanye neza kandi afite imbaraga maze anyeganyeza imitima y'abantu. Bajyaga batega amatwi abanditsi basomaga amategeko y'imihango yasubirwagamo kenshi, ariko ntihagire ikibinjiramo. "Batangajwe no kwigisha kwe: kuko yabigishaga nk'ufite ubutware, ntase n'abanditsi babo." (Matayo 7:28, 29). Abafarisayo babonye neza itandukaniro rinini ryari hagati y'inigisho zabo n'iza Kristo. Babonye ukuntu ubushobozzi no kwera n'ubwiza by'ukuri byareshyaga abantu cyane mu bugwaneza, byari bimaze gusingira imitima ya benshi. Urukundo rw'Umukiza no kwiyorosha kwe byamuherejeho imitima y'abantu. Abigisha b'amategeko babonye yuko ibyo yigishaga abantu kandi bakabyitaho byatumye inyigisho bo babigishaga zihinduka ubusa. Yasenyaga urusika rwa gatanya rwashyeshyengaga ubwibone bwabo no kuvangura abantu; maze batinya ko aramutse adakomwe mu nkokora, ashobora kubamaraho abantu. Nuko bagambirira kumukurikira nk'ababisha bamugenza, biringira gushaka uburyo bwo kubona icyamuteranya n'abantu kugira ngo babone icyatuma Urukiko rw'Ikirenga rw'Abayuda rumuciraho iteka ryo gupfa.

Igihe Yesu yari ku musozi, abatasi bamwogaga runono bamugenza; ubwo yigishaga amahame y'ubutungane, Abafarisayo barongoreranaga bakabihwiwisa mu bantu bavuga ko inyigisho ze zidahuje n'amategeko Imana yatangiye ku musozi Sinayi. Nta cyo Umukiza yigeze avuga cyo guhungabanya kwizera kw'idini n'imihango byaryashyizweho na Mose; kuko umucyo wose uturutse mu ijuru uwo muyobozi ukomeye w'Abisirayeli yagejeje ku bantu be, yari yarawuhawe na Kristo. Igihe abenshi bariho bibwira mu mitima yabo yuko yaje gukuraho amategeko, Yesu yagaragaje mu mvugo ye izira inenge ibitekerezo bye ku byerekeye amategeko y'Imana. Yaravuze ati: "Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe."

Uwaremye abantu kandi agatanga amategeko, ni we uvuga yuko umugambi we utari uwo gukuraho amategeko. Ikintu cyose cyo mu byaremwe, kuva ku kantu gato

kugeza ku bantu byo mu mibumbe yo hejuru bigengwa n'amategeko. Kandi gahunda no guhuza kw'ibyaremwe byo ku isi bigengwa no kumvira ayo mategeko. Bityo rero, hari amahame yo gukiranuka akomeye cyane agenga imibereho y'ibiremwa bifite ubwenge byose, kandi gukurikiza aya mahame ni byo bituma isanzure ryose rigubwa neza. Iyi si itari yaremwa, amategeko y'Imana yahozezo.

Abamarayika bategekwaga nayo; kandi kugira ngo ab'isi bakore ibihuje n'ibyo mu ijuru, abantu nabo baba bakwiriye gukurikiza amategeko y'Imana. Kristo yamenyeshereje umuntu muri Edeni uburyo bwo kwitondera amategeko "igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiraga hamwe n'abana b'Imana bose bakarangurura ijwi ry'ibyishimo." (Yobu 38:7). Ntabwo umurimo wa Kristo wo ku isi wari uwo gukuraho amategeko, ahubwo kubw'ubuntu bwe wari uwo kugira ngo umuntu yongere kumvira amahame y'amategeko.

Umwigishwa ukundwa, wumvise amagambo ya Yesu ku musozi, akayandika nyuma y'igihe kirekire ashorewe n'Umwuka Wera, avuga yuko "icyaha ari bwo bugome" ko kandi "umuntu wese ukoze icyaha aba agomye." (1 Yohana 3:4). Yasobanuye neza yuko itegeko yavugaga ari itegeko rya kera, "iryo mwahoranye mbere na mbere." (1 Yohana 2:7). Avuga iby'amategeko yahozezo mu irema kandi akongera gusubwirwaho ku musozi Sinayi.

Yesu yavuze iby'amategeko agira ati: "Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohoza." Ahangaha yakoresheje ijambo nk'iryo yakoresheje igihe yabwiraga Yohana Umubatiza umugambi we "ngo dusohoze gukiranuka kose" (Matayo 3:15); ibyo ni ukuzuza urugero rw'ibishakwa n'amategeko, no gutanga icyitegererezero cyo gukora ibyo Imana ishaka.

Umurimo we wari uwo "kogezza amategeko ye no kuyubahiriza." (Yesaya 42:21). Yagombaga kwerekana kamere itunganye y'amategeko, n'amahame yayo, kandi agasobanura uko agomba kubahirizwa ibihe byose.

Ubwiza mvajuru bw'imico ya Kristo, ari bwo butabasha kugereranywa n'ubw'abantu barusha abandi kugwa neza, ni bwo Salomo yanditse ashorewe n'Umwuka Wera avuga ati : "Ni inyamibwa iruta abantu inzovu, . . . ni ukuri ni mwiza bihebuje" (Indirimo ya Salomo 5:10, 16). Ni we Dawidi yabonye mu iyerekwa ry'abanu akavuga ati : "Uruta ubwiza abana b'abantu" (Zaburi 45:2);

Yesu, usa na Data wa twese, icyubahiro cy'ubwiza bw'Imana; Umucunguzi witanze, igihe yari umugenzi ku isi, imibereho ye y'urukundo yagaragaje byuzuye kamere yamatageko y'Imana. Mu mibereho ye, byagaragaye yuko urukundo rukomo-

ka mu ijuru ndetse n'amahame ya Kristo ari byo shingiro ry'amategeko y'ubutungane bw'iteka ryose.

Yesu yaravuze ati: "Kugeza aho ijuru n'isi bizashirira, amategeko ntazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira." Kubwo kumvira amategeko, Kristo ubwe yahamije yuko amategeko adahinduka, kandi ahamya yuko kubw'ubuntu bwe agomba kumvirwa rwose na bene Adamu bose, baba abahungu n'abakobwa. Yesu yavugiye ku musozi yuko nta n'agace gato kagomba kuva ku mategeko kugeza aho byose bizarangirira. Ibyo ni ibintu byose byerekeye inyokomuntu ndetse n'ibifitanye isano n'inama y'agakiza. Ntabwo yigisha yuko amategeko azagira ubwo akurwaho, ahubwo yitegerezza ku iherezo aho abantu badashobora kureba, akaduhamiriza yuko nubwo ibyo byageza aho bishiriraho, amategeko yo azaguma ubushobozi bwayo kugira ngo hatagira n'umwe wigera akeka yuko umurimo wa Yesu wari uwo gukuraho amategeko. Igihe cyose ijuru n'isi bigikomeje kubaho, amategeko y'Imana azagumaho. Gukiranuka kw'Imana "guhwanye n'imisozi miremire" (Zaburi 36:6), kuzakomeza, kumere nk'isoko y'umugisha yohereza imigezi kugarurira isi ubuyanja.

Kubera ko amategeko y'Uwiteka atunganye rwose, kandi akaba adahi-nduka, ni ikidashoboka kugira ngo abanyabyaha ubwabo babashe kugera kubyo amatageko ategeka. Icyo ni cyo cyatumye Yesu aza kuducungura. Wari umurimo we gutuma abantu bagira kamere y'Imana no gutuma bakora ibihuje n'amategeko yo mu ijuru. Iyo turetse ibayaha byacu maze tukakira Kristo ho Umukiza wacu, amategeko arubahirizwa. Intumwa Pawulo irabaza iti : "Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza."Abaroma 3:31.

Isezerano rishya ni iri ngo: "Nzashyira amategeko yanjye mu mitima yabo, kandi mu bwenge bwabo ni ho nzayandika." (Abaheburayo 10:16). Kubera ko gahunda y'ibyerekanaaga Kristo UMWANA w'Intama w'Imana ukuraho ibayha by'abari mu isi yagombaga kurangirana n'urupfu rwe, amahame yo gukiranuka yari akubiye mu mategeko cumi yari ahamye ameze nk'intebe y'ubwami y'ibihe byose. Nta tegeko na rimwe ryakuweho, nta mateka yahawe umuntu muri Paradiso ari yo mategeko akomeye agenga imibereho y'abana b'abantu azahoraho adahinduka muri Paradiso tuzahabwa. Igihe Edeni izongera kuba ku isi, amategeko y'Imana y'urukundo azubahirizwa n'abatuye mu nsi y'izuba bose.

"Uwiteka, iteka ryose ijambo ryawe rihora mu ijuru rihamye." 'amategeko ye yose arahamye. Yakomerejwe guhamma iteka ryose, yategekeshejwe umurava no gutungana." "Uhoreye kera namenyeshejwe n'ibyo wahamije yuko wabikomeje iteka ryose." Zaburi 119:89; 117:7, 8; 119:152.

"Uzica rimwe muri ayo mategeko naho ryaba ryoroheje hanyuma y'ayandi, akigisha abandi kugira batyo, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mutoya." Matayo 5:19.

Ni ukuvuga yuko atazabonayo umwanya. Kuko uwica itegeko rimwe nkana, mu mwuka no mu kuri, atigera akurikiza na rimwe muri yo. "Umuntu witondera amategeko yose, agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose." Yakobo . 2:10.

Nta bwo icyaha ari igikorwa cyo kutumvira itegeko rikomeye, ahubwo ni ugukora ibinyuranye n'ibyo Imana ishaka nubwo byaba ibintu byoroheje; kuko ibyo biba byerekana ko hari ubwumvikane hagati y'umutima n'icyaha. Umutima uba wiciyemo ibice mu bikorwa byawo. Haba hari ukwhihakan Imana no kugomera amategeko y'ubutegetsi bwayo.

Iyo abantu baza kugira umudendezo wo kureka ibyo Imana isaba ngo bishyirireho amategeko agenga ibyo bakora, hari kubaho amategeko atari amwe akwiranye n'imigirire y'abantu itari imwe maze ubutegetsi ntibube bukiri mu maboko y'Uwiteka. Ubushake bw'umuntu buba bwarashiyizwe hejuru, maze ubushake bwera bw'Imana n'umugambi w'urukundo ikunda ibyo yaremye bikagawa kandi bigasuzugurwa.

Igihe abantu bihitiyemo inzira yabo bwhite, baba barwanya Imana. Bene abo ntibazagira umwanya mu bwami bwo mu ijuru kuko barwanya umahame yo mu ijuru. Igihe birengagije gukora ibyo Imana ishaka, baba bahagaze mu ruhande rwa Satani umwanzi w'Imana n'abantu. Ntabwo umuntu azabeshwaho n'ijambo rimwe cyangwa amagambo menshi, ahubwo azabeshwaho n'ijambo ryose Imana yavuze. Ntabwo dushobora kwirengagiza ijambo rimwe, uko ryaba ryoroheje kuri twe kose ngo tube amahoro. Nta tegeko na rimwe ryo mu mategeko cumi ritari irizamira umuntu ibyiza no kumuhesha umunezero muri ubu bugingo no mu bugingo buzaza. Iyo umuntu yumviye amategeko y'Imana, aramukingira maze ukamurinda umubi. Umuntu ushenye icyo gihome cy'Imana abaarimbuye imbaraga yacyo yo kumurinda, kuko aba yugururiye umwanzi inzira kugira ngo ashobore kwinjira maze yangize kandi arimbure.

Kubwo guhangara gusuzugura ubushake bw'Imana ku kintu kimwe gusa, ababyeyi bacu ba mbere bugururiye umwuzure w'umuvumo amarembo maze winjira mu isi. Kandi umuntu wese ukurikiza icyitegererezo cyabo azasarura ingaruka zisa zityo. Urukundo rw'Imana ni rwo shingiro ry'amategeko yayo yose, kandi umuntu wese uteshuka inzira y'amategeko, aba yishakira umubabaro no kurimbuwa.

*"Gukiranuka kwanyu nikutaruta ukw'abanditsi n'Abafarisayo ntumuzinjira mu bwami bwo mu ijuru." Matayo 5:20.*

Abanditsi n'Abafarisayo ntibaregaga Kristo gusa, ahubwo baregaga n'abigishwa be ko ari abanyabyaha kuko batitaga ku migenzo y'abigishwa bakuru n'imiziririzo yabo. Akensi abigishwa bajaga guhagarikwa umutima no kubuzwa amahoro no gufatwa ndetse no kuregwa ku bigisha b'iby'idini buba-hwaga cyane. Yesu yashyize ahagaragara ubushukanyi bwabo. Yavuze yuko gukiranuka Abafarisayo bahaga agaciro gakomeye nta cyo kwari kumaze. Ubwoko bw'Abayuda bwavugaga ko ari ubwoko budasanzwe, bukiranuka kandi bwatoneshejwe n'Imana; ariko Kristo yavuze yuko idini yabo idafite kwizera gukiza. Uko bagaragazaga ko intungane kose, iby'ubuvumbuzi bwa kimuntu bageragaho byose n'imigenzo yabo yose, ndetse no kwirata gukurikiza ibisabwa n'amategeko ariko ari ibigaragara inyuma, ntibyagombaga kubahindura abera. Ntabwo bari bafite imitima iboneye kandi ntibari bafite ingeso ziboneye nk'iza Kristo.

Idini y'imihango ntihagije kugira ngo itume umutima uhuza n'ibyo Imana ishaka. Imihango yemewe n'Abafarisayo itagira kwiyorosha no kwicisha bugufi cyangwa urukundo yari ibuye risitaza abanyabyaha. Bari bameze nk'umunyu washizemo uburyohe; kuko ibyo bakoraga bitari bifite imbaraga yo kurinda isi ngo ye kononekara. Kwizera nyakuri ni kumwe gusa, ni ukwizera "gukorera mu rukundo," (Abagalatiya 5:6) ari na ko kweza umutima. Kumeze nk'igitubura gihindura imico.

Ibyo byose Abayuda bagombaga kuba barabyigije mu nyigisho z'abahanuzi. Mu myaka amagana mbere yaho, umutima watakishwaga no gushaka gutsindishirizwa n'Imana, wumvise ijwi n'igisubizo cyawo mu magambo y'umuhanuzi Mika avuga ngo: "Mbese nditwara ku Uwiteka ngapfukamira Imana isumba byose, nyituye iki? Nayitwaraho njyanje ibitambo byoswa, n'inyana zimaze umwaka? Aho Uwiteka yakwemera amapfizi y'intama ibihumbi, cyangwa imigezi y'amavuta ya elayo inzovu? ... Yewe, mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari cyo. Icyo Uwiteka agushaka-ho ni iki: ni ugukora ibyo gukiranuka, no gukunda kubarira, no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi." Mika 6:6-8.

Umuhanuzi Hoseya yerekanye ibyari bigize imibereho ya gifarisayo muri aya magambo: "Isiraeli ni uruzabibu rurumbuka, rwera imbuto zarwo" Hoseya 10:1. Abayuda bavugaga yuko mu murimo wabo bako-icra Imana nyamara bakoreraga inarijye. Gukiranuka kwabo kwari imbuto z'imirimo yabo yo gukomeza amategeko bakurikije ibitekerezo byabo bwite n'inyungu yabo ku bw'inarijye. Ntibari gushobora kugira imibereho iruta iyo bari bafite. Mu kugerageza kwigira abera kwabo,

bageragezaga kuvana ikintu kiboneye mu kintu cyanduye. Amategeko y'Imana ni ayera nk'uko Imana ari iyera, kandi atunganye nk'uko Imana itunganye. Amategeko agaragariza abantu gukiranuka kw'Imana. Ntibishoboka ko umuntu ubwe akurikiza ayo mategeko; kuko kamere y'umuntu ari mbi, yarangiritse, kandi iranduye ntigira amahuriro n'imico y'Imana. Imirimo y'umutima wuzuye inarijye ni nk'ibantu byanduye; "kandi n'ibyo twakiranutse byose bimeze nk'ubushwambagara bufite ibizinga." Yesaya 64:6.

Nubwo amategeko ari ayera, ntabwo Abayuda baragashobora gukiranuka ku bw'imihati yabo bwite yo kubahiriza amategeko. Niba abigishwa ba Kristo bashaka kwinjira mu bwami bw'Imana, bakwiriye kugira gukiranuka gutandukanye n'ukw'Abafarisayo. Imana yabahereye mu Mwana wayo gukiranuka gushyitse kw'amategeko. Baramutse bakinguye imitima yabo neza ngo bakire Yesu, ni bwo imibereho y'Imana, n'urukundo rwayo byaba muri bo, bikabahindura bagasa nayo; kandi kubw'impano y'Imana, bagira gukiranuka gusabwa n'amategeko. Ariko Abafarisayo banze Kristo; "kuko ubwo bari batazi gukiranuka kw'Imana uko ari ko, bagerageje kwihangira gukiranuka kwabo ubwabo" (Abaroma 10:3), ntibashoboye kwiyegurira gukiranuka kw'Imana.

Kristo yakomeje kwereka abamwumvaga ubusobanuro bwo kubahiriza amategeko y'Imana yuko ari ko kubashyiramo imico ya Kristo. Kuko muri we ari ho Imana yabiyerekeraga buri munsi.

### **"Umuntu wese urakarira mugenzi we, azashyirwa mu rubanza." Matayo 5:22**

Uwiteka yavugije muri Mose ati: "Ntukangire mwene wanyu mu mutima wawe, ntugahore, ntukagirire inzika abo mu bwoko bwawe, ahubwo ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." (Abalewi 19:17, 18). Ukuri Yesu yerekanye kwari guhwanye n'uko abahanuzi bigishije, ariko kwahindutse umwijima ku bw'umutima unangiye no gukunda icyaha.

Amagambo y'Umukiza yagaragarije abamwumvaga yuko igithe bacira abandi ho iteka ngo ni abanyabyaha, nabo baba bahwanyije nabo igicumuro kuko nabo ari imbata z'ubugiranabi n'urwangano.

Hakurya y'inyanja, ahateganye n'aho bari bateraniye, hari igihugu cy'i Bashani, ahantu hari honyine, ahantu hari imyoma n'ibihuru byahoze ari ubuvumo bw'abagome b'abicanji b'uburyo bwose. Inkuru zivuga iby'ubujura n'ubwicanyi byaberaga aho hantu zahoraga mu bwenge bw'abantu, kandi abantu benshi bakoraga uko bashoboye kose bakerekana izo nkozi z'ibibi. Kandi nabo ubwabo bari indakoreka

na ba gashozantambara. Bangaga urunuka Abaroma bari barabagize imbata bakiyummamo ko bagomba kubanga no gusuzugura abandi bantu ndetse n'abo mu gihugu cyabo badahuje nabo ibitekerezo mu bintu byose. Muri ibyo byose bicaga itegeko rivu-ga ngo, "ntukice."

Umwuka w'urwangano no kwihorera watangiriye kuri Satani, kandi watumye yicisha Umwana w'Imana. Umuntu wese wimika ubugizi bwa nabi n'ubugome, aba yimika umwuka wa Satani kandi ingaruka yabyo ni urupfu. Mu bitekerezo byo guhora, burya haba harimo ubugizi bwa nabi butagaragara nk'uko umumero uboneka ku mbuto. "Umuntu wese wanga mwene se ni umwicanyi: kandi muzi yuko ari nta mwicanyi ufite ubugingo buhoraho muri we." Yohana 3:15.

"Uzatuka mwene se ati: 'wa mupfu we', akwiriye guhanirwa mu rukiko." Ubwo Imana yatangaga impano y'Umwana wayo ku bwo kuducungura, yerekanye agaciro gakomeye yahaye buri muntu, kandi nta bwo yigera iha umuntu uburenganira bwo kuvuga undi nabi. Tubona ibicumuro n'intege nke mu bo turi kumwe, ariko Imana ivuga yuko umuntu wese ari uwayo. Ni uwayo kuko yamuremye, kandi ni uwayo ubwa kabiri kuko yaguzwe amaraso y'igiciro ya Kristo. Bose baremwe ku ishusho yayo, ndetse n'abantu bari hanyuma y'abandi bakwiriye kugirirwa neza bubashywe kandi bitaweho. Imana izatubaraho n'ijambo ry'agasuzuguro ribwiwe umwe wo mu bo Kristo yatangiye ubugingo bwe.

"Mbese ni nde wabatandukanyije n'abandi? Kandi icyo mufite mutahawe ni iki? Ariko niba mwaraghawé ni iki gituma mwirata nk'abataghawé?" "Uri nde, wowe ucira umugaragu w'abandi urubanza, kandi imbere ya Shebuja ari ho ahagarara cyangwa akaba ari ho agwa ?" 1 Abakorinto 4 :7; Abaroma 14 :4.

"Umuntu wese uvuga ati wa mupfu we, azashyirwa mu kaga k'umuriro w'ikuzimu." Mu Isezerano rya Kera, ijambo umupfu ryakoreshejwe bavuga umuhakanyi cyangwa umuntu wiyeguriye gukora ibibi. Yesu avuga yuko umuntu wese ushinja mwene se ubuhakanyi cyangwa gusuzugura Imana aba yerekana yuko na we akwiriye gucirwaho iteka nk'iryo.

Igihe Kristo ubwe yatonganaga na Satani bajya impaka z'umurambo wa Mose, "ntiyahangaye kumucira urubanza amuvuma." (Yuda 9). Iyo abigenza atyo, aba yarishyize mu ruhande rwa Satani, kuko gucira umuntu ho iteka, ari intwaro y'umubi. Ibyanditswe Byera bimwita "umurezi wa bene Data." (Ibyahishuwe 12:10). Yesu ntagomba kugira n'imwe yo mu ntwaro za Satani akoresha. Yaramubwiye ati: "Umwami Imana iguhane." Yuda 9.

Yesu yaduhaye icyitegererero. Igihe turwana n'abanzi ba Kristo, ntacyo tugomba gukora nk'abihorera cyangwa se kugaragara nk'abarega abandi mu burakari. Umuntu uvugira Imana ntakwiriye kuvuga amagambo na Nyiricyubahiro wo mu ijuru atakoreshje igihe yajyaga impaka na Satani. Umurimo wo guca imanza n'amateka dukwiriye kuwuharira Imana.

**"Wikiranure na mwene so." Matayo 5:24.**

Urukundo rw'Imana ni ikintu kitoroshye; ni igikorwa cy'ihame cy'ingirakamaro, n'isoko idakama, ihora idudubiza ku bwo guhesha abandi umugisha. Urukundo rwa Yesu rugumye muri twe, ntitwarwara inzika bagenzi bacu, ahubwo twashaka uko dushoboye kose tukabagaragariza ko tubakunda.

Yesu yaravuze ati: "Nujyana ituro ryawe ku gicaniro ukahibukira mwene so ko afite icyo mupfa, usige ituro ryawe imbere y'igicaniro, ubanze ugende wikiranure na mwene so, uhereko ugaruke uture ituro ryawe." Ibitambo byagaragazaga yuko umuntu yizera ko muri Kristo ariho utambye igitambo abonera imbabazi n'urukundo by'Imana. Ariko kugira ngo umuntu yerekane ko yizera ko Imana y'urukundo ibabarira, mu gihe agifite umutima w'urwango, ibyo biba ari ukwakinira.

Igihe umuntu avuga ko akorera Imana agiriye mugenzi we nabi cyangwa se amufudikiye; aba akwiriye kwatura ifuti rye, kandi akwiriye kumenya yuko iryo futi ari icyaha, kugira ngo abone uko yiyinga n'Imana. Mugenzi wacu ashobora kudufudikira bikomeye kuruta uko twamufudikiye, ariko ibyo ntibigabanya inshingano dufite. Igihe tuje imbere y'Imana maze tukibuka yuko hari uwo tugira icyo dupfa, dukwiriye gusiga ituro ryacu ry'amasengesho, ituro ryo gushima cyangwa ituro ry'ubushake, tugasanga mugenzi wacu tugira icyo dupfa, maze tukamwicuzaho icyaha cyacu twicishije bugufi kandi tumusaba imbabazi.

Turamutse twarariganyije mugenzi wacu mu buryo runaka cyangwa twaramugiriye nabi, tuba tugomba kumuriha. Turamutse twaramugayishije mu buryo ubwo ari bwo bwose, tuba tugomba gusanga abantu twaganiriye ibye, maze tukagorora ibyo twavuze byose bidakwiriye.

Mbega ukuntu inabi yakomwa mu nkokora bene data na bashiki bacu baramutse bikemuriye ingorane zabo ubwabo mu mwuka w'ukuri kandi w'urukundo rwa Gikristo, batazijyanye mu ruhame! Muri ubwo buryo na none, hashobora kurandurwa imizi ingana iki y'inzangano, ari nayo yanduza benshi, kandi mbega ukuntu abayoboke ba Kristo bakwibumbira mu rukundo rwe baramutse bashyikiranye kandi bakiyoroshy!

*"Umuntu wese ureba umugore akamwifusa, aba amaze gusambana na we mu mutima we." Matayo 5:28.*

Abayuda barataga umuco wabo wo gutegeka umubiri wabo, maze bakarebana agasuzuguro abanyamahanga biyandarikaga mu byo kunezeza umubiri. Abategetsi b'Abaroma boherejwe n'ubutegetsi bwa Roma muri Palesitina baberaga abantu ikigusha, kuko abo banyamahanga bazanye imico ya gipagani, irari no kwinezeza mu ngeso mbi. Muri Kapernaumu, abategetsi b'Abaroma ntibasibaga mu ngendo z'imyidagaduro kandi akenshi n'urusaku rw'ibirori byabo rwumvikanaga mu biyaga by'amazi atuje uko amato yabo yo kwinezeza yagendaga ku mazi. Abantu bari biteguye kumva uko Yesu avuga nabi abo bantu, ariko icyabatangaje ni uko bumvise ububi bwo mu mitima yabo bwite ari bwo avuga!

Yesu yaravuze ko igihe gutekereza ikibi bigikunzwe kandi bikimikwa, nubwo byaba byihishe, byerekana ko icyaha kiba kighawe intebi mu mutima ngo gitegeke. Umutima uba ucyuzuyemo inzangano n'uburakari kandi warabaswe no gukiraniirwa. Umuntu wishimira kuguma mu bibi, akanezezwu n'ibitekerezo bibi, agahora yifuza ibibi, azabona icyaha ku mugaragaro, n'umutwaro w'isoni zizanwa na cyo n'agahinda gashengura umutima ari byo mbaraga nyakuri y'ikibi yari yarahishe mu mfuruka z'umutima. Mu gihe cyo kugeragezwa, igihe umuntu agwa mu cyaha giteye agahinda, nta bwo ari cyo gihe icyo cyaha kigaragaye kiba kibayeho, ahubwo kiba kigaragaje icyari gihishwe kandi kibitswe mu mutima.

Kuko uko umuntu "atekereza mu mutima ari ko ari;" kuko umutima "ari wo iby'ubugingo bikomokamo." Imigani 23:7; 4:23.

*"Niba ikiganza cyawe cy'iburyo cyakugusha mu cyaha, ugice ugite." Matayo 5:30.*

Ku bwo kubuza indwara gukwira umubiri wose cyangwa se kurimbura ubugingo, umuntu ashobora guhara ndetse n'ikiganza cye cy'iburyo. Ikirenze ibyo cyané akwiriye kwemera guhara rwose ibyashobora kurimbura ubugingo bw'umutima.

Ku bw'ubutumwa bwiza imitima yaheneberejwe no kubatwa na Satani ikwiriye gucungurwa kugira ngo ibone umudendezo utangaje w'abana b'Imana. Umugambi w'Imana si ugukiza umuntu ububabare bw'ingaruka y'icyaha gusa, ahubwo ni ukumukiza icyaha ubwacyo. Umutima wanduye, ukaremara, ukwiriye kwezwa ugahindurwa, kugira ngo wambikwe "ubwiza bw'Uwiteka Imana yacu," "ushushanywe n'ishusho y'Umwana wayo." Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose Imana yabite-guriye abayikunda." (Zaburi 90:17; Abaroma 8:29; 1 Abakorinto 2:9).

Imana yonyine ni yo ishobora kugaragaza imibereho yuje ikuzo umuntu ashobora kugeraho igihe yagaruwemo ishusho y'Imana. Kugira ngo tugere kuri urwo rugero rwo hejuru, igisitaza umutima gikwiriye kurekwa. Ubushake ni bwo butuma icyaha kitatuvirira. Kurekura ubushake biggereranywa no kunogora ijisho cyangwa guca ikiganza. Kenshi bigaragara yuko kwegurira Imana ubushake ari nko kwemera kubaho udafite ikiganza cyangwa gucumbagira. Yesu avuga yuko ari byiza ko inarijye yacika nko gucika ikiganza, ko yakomerekwa cyangwa se ikamugara bibaye ari byo byatuma ubona ubugingo. Ibyo ubona ko ari ibyago biba ari inzira yo kubona inyungu ikomeye.

Imana ni isoko y'ubugingo, kandi dushobora kubona ubugingo turamutse dushyikiranye nayo gusa. Dutandukanye n'Imana twabaho igihe gito, ariko ntitubone ubugingo. "Ariko uwidamararira aba apfuye ahagaze" (1 Timoteyo 5:6).

Iyo tweguriye Imana ubushake bwacu, ni bwo ishobora kuduha ubugingo. Yesu yavuze yuko iyo tubonye ubugingo bwe tubuhawe no gucika ku narijye, ari bwo ibyaha yavuze bihishwe bibasha gutsindwa. Birashoboka yuko mwabihamba mu mitima yanyu maze ntimubirebe, ariko se muzabasha mute guhagarara imbere y'Imana?

Igihe ukomemeje kwihambarira ku narinjye, ukanga kwegurira Imana ubushake bwawe, uba uhitamo urupfu. Imana ni umuriro ukongora icyaha aho kiboneka hose. Uramutse uhisemo icyaha, ukanga kwitandukanya na cyo, ubwiza bw'Imana bukongoraicyaha bubasha kugukongora.

Kugira ngo wiyegurire Imana bigomba kwitanga; ariko ni ugutanga ibiciye bugufi kugira ngo ubone ibyo hejuru, ni ukugurana iby'isi iby'umwuka, no kugurana ibyangirika ibihoraho iteka ryose. Nta bwo Imana ishaka yuko ubushake bwacu bwarimburwa, kuko ari bwo butuma dushobora gusohoza ibyo idushakira gukora. Dukwiriye kwegurira Imana ubushake bwacu, kugira ngo tubone kubugarurirwa buboneye kandi butunganijwe, kandi ngo tubone uko twegerana n'Imana maze ku bw'impuhwe zayo idusukeho urukundo n'imbaraga byayo. Nubwo kwitanga kwagaragarira umutima wawe ko kuwushaririye kandi kuwubabaje, "nyamara kuba kugufitiye akamaro."

Yakobo amaze kugwa mu gituza cya marayika w'isezerano, yavunaguritse kandi aguye agacuho, ni bwo yamenye kunesha gukomeoka ku kwizera gutsinda kandi ni bwo yahawe icyubahiro cy'igikomangoma cy'Imana. Igihe yacumbagizwaga n'ikibero cye (Itangiriro 32:31) ni bwo ingabo za Esawu zari imbere ye zahagaritswe, kandi Farawo wari umuragwa w'intebe y'ubwami, ni bwo yamwunamiraga amusaba

umugisha. Bityo rero Umugaba w'agakiza kacu "yatunganishijwe kubabazwa" (Abaheburayo 2:18), n'abana bo kwizera nabo "bakwe mu ntege nke bahabwa imbaraga nyinshi" no "kunesha ingabo z'abanyamahanga" (Abaheburayo 11:34). Ndetse n'abacumbagira bajyana iminyago" (Yesaya 33:23), kandi n'abanyantegenke bahinduka "nka Dawidi," kandi "inzu ya Dawidi. . . iba nka marayika w'Uwiteka" Zekariya 12:8.

**"Mbese amategeko yemeza ko umuntu asenda umugore we?" Matayo 19:3**

Mu Bayuda umugabo yari afite uburenganzira bwo gusenda umugore we ku bw'amafuti menshi adakomeye, kandi umugore yari afite umudendezo wo kongera gushaka. Uwo mugenzo wazanye imibabaro myinshi n'icyaha. Mu kibwirizwa Yesu yabwiririje ku musozi, yasobanuye neza yuko nta gikwiriye gutandukanya abashyingi-rannye, uretse kwica amasezerano yo gushyingirwa. Yaravuze ati: "Umuntu wese uza-senda umugore we, atamuhora gusambana, akarongora undi, azaba asambanye. Kandi ucyura uwasenzwe, na we aba asambanye."

Ubwo nyuma yaho Abafarisayo bamubazaga ibyerekeye kwahukana n'iby'itegeko rya gatanya, yabwiye abari bamuteze amatwi iby'umuhamgo wo gushyingirwa wejejwe mu irema. Yaravuze ati: "Kuko imitima yanyu inangiyе, Mose yabemereye gusenda abagore banyu: ariko uhereye mbere hose ntibyari bimeze bityo." (Matayo 19:8). Yibukije iby'iminsi ihiriwe yo muri Edeni, igihe Imana yavugaga yuko ibyaremwe byose ari "byiza cyane." Ubwo ni bwo isabato n'ubukwe byatangiye imihango ibiri yerekana icyubahiro cy'Imana mu byo kunganira abantu. Nuko Umuremyi afatanya abo bantu bombi bashyingiranywe, aravuga ati: "Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata bombi bakaba umubiri umwe." (Itangiriro 2:24). Yavuze ibyo gushyingirwa kw'abana ba Adamu bose kugeza ku iherezo ry'ibihe.

***Icyo Uwiteka Data wa twese yivugiyе ko ari cyiza cyabaye itegeko ryo guhesha abantu umugisha ukomeye no gutuma bajya mbere.***

Kimwe n'izindi mpano Imana yahereye abantu kubabeshaho, gushyi-ngirwa kwahinduwe n'icyaha; ariko ni umugambi w'ubutumwa bwiza kuvugurura kubonera n'ubwiza bwo gushyingirwa. Mu Isezerano rya Kera n'Irishya, ubukwe bugaragaza isano nziza kandi yera iri hagati ya Kristo n'abantu be abo yacunguje ikiguzi yatangiyе i Kaluvari. Yaravuze ati: "Witinya . . . kuko Umuremyi wawe ari we Mucunguzi wawe, Uwiteka Nyiringabo ni ryo zina rye, Uwera wa Isirayeli ni we Mucunguzi wawe."

"Nimugaruke, bana basubiye inyuma mwe, ni ko Uwiteka avuga; kuko mbabereye umugabo." (Yesaya 54:4, 5; Yeremiya 3:14). Mu ndirimbo za Salomo twumva umukwe avuga ati: "Umukunzi wanje ni uwanje ubwanje, nanje ndi uwe." Kandi n'umukunzi we avuga kuwo yatoranyije ati: "Uri inyamibwa iruta abantu inzovu, uri mwiza bihebuje mukunzi wanje; nta nenge ufite." Indirimbo za Salomo 2:26; 5:10; 4:7.

Mu bihe byakurukiye, ubwo intumwa Pawulo yandikiraga Abakristo bo mu Efeso, yavuze ko Uwiteka yagize umugabo umutwe w'umugore, ngo arinde umugore we, abe umurunga w'inzu, uhambirira ab'umuryango hamwe, nk'uko Kristo ari umutwe w'itorero n'Umukiza w'iryo tsinda rifite ubwiru buhebuje. Maze aravuga ati: "Ariko nk'uko itorero rigandukira Kristo, abe ari ko abagore bagandukira abagabo babo muri byose. Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze itorero, akaryitangira, ngo aryeye, umaze kuryogesha amazi n'ijambo rye, aryishyre rifite ubwiza ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo, ahubwo ribe iryera ridafite inenge. Uko ni ko abagabo bakwiriye gukunda agore babo." Abefeso 5:24-28.

Ubuntu bwa Kristo bwonyine bushobora gutuma uwo muhango washyizweho n'Imana uba uko yabigennye, ukaba ikintu cyo kubera abantu umugisha no kubahesha agaciro. Ubwo ni bwo imiryango yo mu isi, ishyize hamwe mu mahoro no mu rukundo, ishobora gushushanya umuryango wo mu ijuru.

Muri ibi bihe, nk'uko byari bimeze mu gihe cya Kristo, uko ab'isi bameze ni ikintu giteye agahinda ku byerekeye uko ijuru rireba uwo muhango. Nyamara kandi n'abo baboneye ibyago kandi bagakorerwa n'isoni aho biringiraga kubonera incuti n'umunezero, ubutumwa bwa Kristo burabahumuriza. Kwihangana n'ubugwaneza bitangwa n'Umwuka wa Kristo bishobora guhumuriza abababaye.

Umutima Kristo abamo uzuzurwa kandi uzanyurwa n'urukundo rwe rudashobora kumarwa no kwikunda no kwihangiraho. Ku bwo kwegurira Imana umutima, ubwenge bwayo bushobora gusohoza ibyo ubwenge bw'umuntu bwananiwe gukora. Ku bwo guhishurwa k'ubuntu bw'Imana, imitima yahoze itagira icyo yitaho cyangwa uwo yitaho ishobora gufatanywa n'imirunga ikomeye kuruta iyo ku isi, ari yo mirunga y'izahabu y'urukundo rushobora kwihanganira ikome ry'ibigeragezo.

### ***"Ntimukarahire rwose." Matayo 5:34***

Impamvu y'iri tegeko yaratanzwe: Ntidukwiriye kurahira "naho ryaba ijuru, kuko ari ryo ntebe y'Imana; cyangwa isi, kuko ari yo ntebe y'ibirenge byayo; cyangwa Yerusalem kuko ari ururembo rw'Umwami ukomeye. Kandi ntukarahire umutwe wawe, kuko utabasha kweza agasatsi kamwe cyangwa kukirabuza."

Ibuntu byose bituruka ku Mana. Ntacyo dufite tutahawe; ndetse nta kintu na kimwe dufite kitaguzwe amaraso ya Kristo. Ikintu cyose dutunze kitugeraho kiriho ikimenyetso cy'umusaraba, cyaguzwe amaraso y'igiciro kitabasha kuge-reranywa n'ikintu cyose, kuko ari ubugingo bw'Imana. Ku bw'ibyo rero, nta kintu dufiteho urutabi nk'aho ari icyacu bwite kuko tubyishakiye.

Abayuda basobanukiwe yuko itegeko rya gatatu ribuzanya kuvugira ubusa izina ry'Imana; ariko batekereje yuko bafite umudendezo wo gukoresha izindi ndahiro. Kurahira kwari ikintu rusange muri bo. Mose yababujije kurahira ibinyoma, ariko bari bafite uburyo bwinshi bwo guhunga itegeko ryo kutarahira. Ntabwo batinyaga kuba batukana, cyangwa se bakica isezerano igihe cyose babaga bibwira ko birinze kwica itegeko.

Kristo yagaye ibikorwa byabo, avuga yuko akamenyero kabko kurahira kwari ukwica amatageko y'Imana. Nyamara nta bwo Umukiza wacu yigeze abuzanya kurahirira imbere y'abacamanza, aho Imana ihamagarirwa kuba umuhamba. Iyo ndahiro ni uguhamya yuko ikivuze ari ukuri kutagira amakemwa. Igihe Yesu ubwe yari imbere y'urukiko rukuru rw'Abayuda, ntianze guhamisha indahiro. Umutambyi mukuru yaramubwiye ati: "Nkurahirije Imana ihoraho, tubwire niba ari wowe Kristo Umwana w'Imana." Yesu yaramusubije ati: "Wakabimene." (Matayo 26:63, 64). Iyo Kristo aza guciraho iteka indahiro yo mu bucamanza mu Kibwirizwa cye cyo ku Musozi, igihe yacirwaga urubanza aba yarahakaniye umutambyi mukuru, ariko kubwo gufasha abayoboke be, yashimangiye inyigisho ze.

Hariho abantu bensi cyane badatinya kubeshya bagenzi babo, nyamara barigishijwe kandi bagahamirizwa n'Umwuka w'Imana yuko kubeshya Umuremyi wabo ari ikintu giteye ubwoba. Igihe barahizwa, bumvishwa yuko badahamiriza imbere y'abantu gusa ko ahubwo ari imbere y'Imana; kandi yuko igihe bihamije ibinyoma, baba babeshye Imana isoma imitima ikamenya ukuri kuzuye. Kumenya ingaruka iteye ubwoba izakurikira icyo cyaha bituma bifata.

Ariko niba hariho umuntu ushabora guhamisha ukuri indahiro, nta wundi utari Umukristo. Imibereho ye ihora iri imbere y'Imana, aba azi ko igitekerezo cye cyose gisomwa n'amaso y'Imana turahirira, nuko rero asabwe kurahira mu buryo bwe-mewe n'amategeko, birakwiriye guhagarara imbere y'Imana nk'urnuhamba uvuga yuko ibyo avuga ari ukuri kudahinyuka.

Yesu yakomeje kwerekana amahame yo gutuma indahiro zitaba ngombwa. Yigisha yuko imvugo yose igomba kugenwa n'amategeko y'ukuri yuzuye. "Ahubwo ijambo ryanyu ribe, Yee, yee, Oya, oya; ibirenze ibyo bituruka ku mubi."

Aya magambo aciraho iteka imvugo zose z'amahomvu kandi z'uburakari n'ibitutsi. Aciraho iteka amagambo y'uburiganya, guteshuka ku kuri, amagambo yo gushyeshya, gukabya, no guhenda mu bucuruzi, ari byo kintu cyabaye rusange mu bantu no mu bucuruzi bwo ku isi. Aya magambo kandi yigisha ko nta muntu ugerageza kwigaragaza uko atari, cyangwa uvuga amagambo atamatuturutse ku mutima ushobora kwitwa umunyakuri.

Iyo aya magambo ya Kristo aza kwitabwaho, aba yaragabanuye ububi bwiyongera no kunegurana; kuko mu byo gusobanura ibikorwa n'ibitekerezo by'undi muntu, ni nde ushobora guhamya ko avuga ukuri kutagira amakemwa? Mbega ukuntu ubwibone, uburakari n'umujinya bitabura kugaragara nk'uko bivuze uku! Kwica ijisho, guca amarenga, ndetse n'imvugo, bishobora gukoreshwa mu kinyoma. Ndetse n'ibantu by'ukuri bishobora gukoreshwa ku bwo guhamya ibinyoma. "Kandi ibitari iby'ukuri byose, bituruka ku mubi".

Ikintu cyose Abakristo bakora gikwiriye kujya ahabona kikagaragara nk'umucyo w'izuba. Ukuri ni ukw'Imana; ikinyoma cyose mu binyoma ibihumbi byinshi, ni icya Satani, kandi umuntu wese, uteshuka akava mu nzira itunganye y'ukuri mu buryo ubwo ari bwo bwose, aba yigambanira kandi yishyira mu butware bw'umubi. Nyamara ntibyoroshye kuvuga ukuri gushyitse. Igihe tutazi ukuri ntidushobora kuvuga ukuri. Mbega ukuntu kwishuka mu bitekerezo, kubogamira uruhande rumwe, ubwenge buke, no guca imanza z'amafuti bitubuza gusobanukirwa neza n'ibyo dukora! Ntabwo dushobora kuvuga ukuri igihe ubwenge bwacu budahora buyoborwa n'Imana yo Kuri.

Kristo adutegekera mu ntumwa Pawulo ati: "Ijambo ryanyu rifatanye iteka n'ubuntu." "Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo, mujye muvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi, kugira ngo riheshe abaryumvise umugisha." (Abakolosayi 4:6; Abefeso 4:29). Ayo masomo atwereka ko amagambo ya Kristo yavugiye ku musozi aciraho iteka amashyengo, amatakaragasi, n'ibiganiro bibi. Amagambo yacu ntakwiriye kuba ay'ukuri gusa ahubwo akwiriye no kuba atunganye. Abigishirijwe kuri Kristo, "ntibafatanya nimirimo y'ab'umwijima itagira umumaro." (Abefeso 5:11). Mu mvugo, no mu mibereho, bazaba abantu borohje, badakebakeba kandi b'abanyakuri, kuko bitegurira kuzabana n'abera bafite akanwa "katabonetsemo ibinyoma." Ibyahishuwe 14:5.

*"Ntimukabuze umuntu mubi kubagirira nabi: ugukubise urushyi mu musaya w'iburyo, umuhindurire n'uw'ibumoso." Matayo 5:39.*

Abayuda bahoraga barakazwa no guhura n'abasirikari b'Abaroma. Ingerero z'ingabo z'Abaroma zari ahantu hatari hamwe i Yudeya n'i Galilaya, kandi guhorana nabo byibutsaga Abayuda ko nk'ishyanga bahenebereye. Iyo impanda yavuzwaga maze abasirikari b'Abaroma bakazenguru ka ibendera ryabo bubitse imitwe imbere y'icyo kimenyetso cy'ubushobozi bw'igihugu cyabo, byababazaga Abayuda. Hahoraga amakimbirane hagati y'abaturage n'abasirikari maze ibyo bikabyutsa urwangano. Iyo umutegetsi w'Abaroma yabaga ashagawe n'abasirikari agiye ahantu runaka, yashoboraga gufata Abayuda babaga bari mu mirima bahinga akabategeka kubikorerera imitwaro bayitereza imisozi cyangwa kubakorera icyo bashakaga cyose. Ibyo byari bihuje n'amategeko n'imico by'Abaroma. Iyo bangaga gukora ibyo babategetse babaga bashaka gukozwa isoni no kugirirwa nabi. Umunsi wose wazanaga igitsika umutima cyo gutuma Abayuda bifusa kuba bakira uburetwa bw'Abaroma. Cyane cyane umwuka nk'uwu wari gikwira mu bantu b'intwari b'i Galilaya. Kubera ko i Kaperinawumu hari ku mupaka, ni ho hari icyicaro cy'ingabo z'Abaroma, ndetse n'igihe Yesu yigisha-ga, agatsiko k'abasirikari kibutsaga abari bamuteze amatwi ibitekerezo bibi cyane by'ukuntu Isirayeli yari isuzuguritse. Abantu barebanaga Kristo uwuzu, biringiye yuko ari we wagombaga gucisha bugufi uwibone bw'Abaroma.

N'agahinda kenshi, Yesu yitegereje mu maso h'abantu bari imbere ye hari hijimye. Areba umwuka wo kwihorera wari warashyize ikimenyetso cy'ububi kuri bo, maze amenya ukuntu abo bantu bifuzaga imbaraga yatuma bamenagura ababarenganyaga. N'agahinda kenshi, abasaba atya ati : "Ntimukabuze umuntu mubi kubagirira nabi: ahubwo ugukubise urushyi mu musaya w'iburyo, umuhindurire n'uw'ibumoso."

Aya magambo yari ugu-subira mu nyigisho zo mu Isezerano rya Kera. Ni iby'ukuri yuko ni tegeko ngo : "Ijisho rihorerwe irindi, iryinyo rihorerwe irindi" (Abalewi 24:20), ryari itegeko ryo mu mategeko Mose yahawe, ariko ryari itegeko ryo kuyobora abantu icyo gihe. Ntabwo bigeze batsindishirizwa no kwihorera, kuko bari bafite amagambo y'Uwiteka avuga ngo : "Ntukavuge uti nzihorera." "Ntukavuge uti ibyo yankoreye nzabimwitura." « Ntukishime umwanzi wawe aguye" "Umwanz wawe nasonza, umugaburire, nagira inyota umuhe amazi yo kunywa." Imigani 20:22; 24:17; 29; 25:21, 22.

Imibereho yose ya Yesu kuri iyi isi yagaragazaga iri hame. Icyatumye Umukiza wacu ava mu ijuru kwari ukugira ngo ahe abanzi be umutsima w'ubugingo. Nubwo kuva mu buhinja bwe kugeza ku rupfu rwe yarahoraga avugwa nabi kandi

akarenganywa, bavugaga yuko ahorana urukundo n'imbabazi. Avugira mu muhanuzi Yesaya ati: "Abakubita nabategeye umugongo, n'imisaya nyitegera abamfura uruziga; kandi mu maso hanjye sinahahishe gukorwa n'isoni no gucirwa amacandwe." "Yararenganye, ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanwa ke, ameri nk'umwana w'intama bajyana kubaga, cyangwa nk'uko intama icecekera imbere y'abayikemura, ni ko atabumbuye akanwa ke." (Yesaya 50:6; 53:7). Kandi ari ku musaraba w'i Kaluvari, yasabiye abamwicaga, ayo masengesho ahora yibukwa ndetse yahaye n'ubutumwa bw'ibyiringiro igisambo cyari hafi yo gupfa.

Ubwiza bwa Data wa twese bwagose Kristo ku buryo ibyamubayeho byose ari ibyo Imana yemeye byagombaga guhesha abo mu isi umugisha. Aho ni ho hari isoko yo guhumurizwa kwe n'ukwacu. Ufite umwuka wa Kristo aguma muri Kristo. Ibyago bimubangiriye umugeri bigwa ku Mukiza uhora amuri iruhande. Ikimugeraho cyose kiba kinyuze kuri Kristo. Ntakeneye kurwanya umubi, kuko Kristo ari we umurwanirira. Ntagishobora kumukoraho Umwami atabyemeye, "Kandi ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza." Abaroma 8:28.

**"Umuntu nashaka kukuburanya ngo agutware ikanzu yawe, umuhe n'umwitero. Ugutegetse kujyana nawe mu gikingi kimwe umujyane no mu cya kabiri."**

Yesu yategetse abigishwa be yuko mu cyimbo cyo kurwanya ibyo abategeka bababaza, ko bakwiriye ndetse no gukora ibirenze ibyo babategetse. Kandi uko bishobotse kose ko bakora icyo bategetswe cyose, ndetse nubwo cyaba ikirenze amategeko y'ighugu. Mu mategeko yahawé Mose harimo ayo kwita ku bakene. Iyo umukene yatangaga umwambaro we ho ingwate cyangwa ubwishingizi, umwishiya ntiyari yemerewe kwinjira mu nzu ngo abikuremo; yagombaga gутегереза mu nzira kugira ngo bamuzanire ingwate. Kandi uko byabaga bimeze kose iyo ngwate yagombaga gusubizwa nyirayo izuba rirenze.

(Gutegeka 24:10-13). Mu gihe cya Kristo, ayo mategeko yo kugira ibambe ntiyari acyitabwaho cyane; ariko Yesu yigishije abigishwa be gutanga ibyategetswe n'urukiko nubwo byaba bibasaba umugabane w'imyambaro yabo, bagombaga kwe-mera. Ikirenze ibyo, bagombaga kwishyura uwabagurije ubwishiyo bwe, ndetse bibaye ngombwa bakamuha ibirenze ibyo ubutegetsi bwamubwiye guhabwa. Yaravuze ati: "Umuntu nashaka kukuburanya ngo agutware ikanzu yawe, umuhe n'umwitero." Ugutegetse kujyana nawe mu gikingi kimwe, umujyane no mu cya kabiri.

Yesu yongeye kuvuga ati: "Ukwaka umuhe, kandi ushaka kugutira ntukamwerekaze umugongo." Icyo cyigisho cyigishirijwe rnu byo Mose yavuze ati: "Ntuzanangire umutima wawe, ntuzagundire ibywae ngo ubyime mwene wanyu

w'umukene; ahubwo ntuzabure kumuramburira iminwe, ntuzabure kumuguriza ibimumaze ubukene bw'icyo akeneye." (Gutegeka 15:7, 8). Ibi byanditswe bisobanuye neza amagambo y'Umukiza. Ntabwo Umukiza atwigisha gupfa guha abantu tutarebye ko bakeneye guhabwa; ahubwo aravuga ati: "Uzamugurize ibimumaze ubukene;" kandi ibyo bizaba nk'impano, atari ukumuguriza; kuko dukwiriye "kuguriza abantu tudate-kereza ko bazatwisyura." Luka 6:35.

"Utanze ibye ngo afasha abakene aba agaburiye  
batatu, aba yigaburiye, aba agaburiye umuturanyi  
we, nanjye aba angaburiye."

#### ***"Mukunde abanzi banyu." Malayo 5:44***

Iki cyigisho cy'Umukiza ngo: "Ntimukabuze umuntu mubi," cyari imvugo ikomeye ku Bayuda bakundaga kwihorera, kandi cyatumye bitotomba. Ariko Yesu yongeye kuvuga irirushaho gukomera ati: "Mwumvise ko byavuzwe ngo, 'Ukunde mugenzi wawe, wange umwanzi wawe. Ariko jyeweho ndababwira nti:  
'Mukunde abanzi banyu, musabire ababatoteza ni bwo muzaba abana ba So wo mu ijuru."

Ngiyo imiterere y'amategeko abigisha b'Abayuda basobanuraga nabi maze abantu bakabona abaremereye. Batekerezaga ko baruta abandi bantu ubwiza, bakiyita ko ari abantu batoranyijwe n'Imana kuko ari Abisirayeli. Ariko Yesu agaragaje yuko bakwiriye kugira umutima w'urukundo rw'imbabazi rugaragaza yuko baruta abakore-sha b'ikoro n'abanyabyaha basuzuguraga.

***Yeretse abamwumvaga Umutegetsi w'ijuru n'isi yise izina rishya ari ryo: "Data wa twese." Yifuzaga yuko bamenya ukuntu Imana ibitaho ikabahozaho umutima.***

Yesu yigishije yuko Imana yita ku muntu wese wazimiye ati: "Nk'uko se w'abana abagirira ibambe, ni ko Uwiteka arigirira abamwubaha." (Zaburi 103:13). Uretse idini ya Bibiliya nta yindi dini yigeze kumenyesha ab'isi yuko Imana imeze ityo. Idini ya gipagani yigisha abantu kureba Nyirubushobozi nk'aho ari ikintu giteye ubwoba kitaranganwa urukundo, yuko ari Imana y'inkazi imarwa uburakari n'amaturo mu cyimbo cyo kuba Umubyeyi ukunda abana be cyane. Ndetse n'Abisirayeli bararindagiye ntibasobanukirwa n'inyigisho nziza z'abahanuzi zerekana Imana maze bituma uku kwerekana k'urukundo rwayo rwa kibyeyi kubabera ikintu gishya n'impano nshya isi ihawé.

Abayuda bavugaga yuko Imana ikunda abayikorera, abasohoza ibyategetswe n'abigisha babo, naho abandi bose bo ku isi ikabahozaho igitsure n'umuvumo. Yesu yavuze yuko atari ko bimeze; ahubwo yahamije ko izuba ry'urukundo rwayo rirasira ababi n'abeza bo ku isi yose. Uko kuri mugomba kuba mwarakwigiye ku byaremwe.

"Kuko Imana itegeka izuba ryayo kurasira ababi n'abeza, kandi abakiranuka n'abakiranira ibavubira imvura."

Ntabwo ari imbaraga y'isi ubwayo yifitemo ituma yera umwero wayo buri mwaka kandi ikomeze kuzenguruka izuba. Ukuboko kw'Imana ni ko kuyobora amazi n'ibiva byo mu kirere kandi kugatuma bigumya kugendera muri gahunda. Imbaraga zayo ni zo zituma icyi n'urugaryi, igihe cy'ibiba n'icy'isarura, n'amanywa n'ijoro bikurikirana nk'uko gahunda yabyo iri. Ijambo ryayo ni ryo rituma ibimera birabya uburabyo, ibibabi bikamera n'uburabyo bukumbura. Ikintu cyiza cyose dufite, buri murasire w'izuba na buri gitonyanga cy'imvura, buri kamanyu k'ibyokurya na buri kanya ko mu mibereho y'umuntu byose ni impano y'urukundo.

Igihe twari dufite imico idakunda kandi idakundwa "yanga kandi yangana," Data wa twese wo mu ijuru yatugiriye ibambe. "Nyamara kugira neza kw'Imana Umukiza wacu n'urukundo ikunda abantu bibonetse, iradukiza, itabitewe n'imirimio yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo." (Tito 3:3-5). Nitwakira urukundo rwayo ruzaduhindura abagwaneza n'abantu boroheje tutabigiriye abantu batunezeza gusa, ahubwo n'abanyamafuti kuruta abandi, n'inzimizi n'abanyabyaha.

Abana b'Imana ni abasangiye nayo kamere yayo. Ntabwo icyubahiro cyo ku isi bafite, cyangwa ubwenegihugu, cyangwa amahirwe mu by'idini ari byo bihamya yuko turi abo mu muryango w'Imana. Ahubwo ni urukundo, urukundo rukunda abantu bose. Ndetse n'abanyabyaha bafite imitima idasabana n'Umwuka w'Imana, bahinduka abagwaneza, nubwo bakwanga ababanga, urukundo barwitura urundi. Ariko Umwuka w'Imana gusa ni we utuma umuntu akunda umwanga. Kugirira neza indashima n'umuntu mubi, no kugira neza utiringira inyituranu, ni ikimenyetso cy'ukuri abana b'Isumba byose berekanisha ko bafite imibereho yo mu rwego rwo hejuru.

**"Namwe rero mube mukiranutse, nk'uko So wo mu ijuru akiranuka." Matayo 5:48.**

Iri jambo "namwe rero" ni ijambo ryerekana 'umwanzuro, ryerekeje ku byamaze kuvugwa mbere. Yesu yari yamaze kubwira abamwumvaga iby'imbabazi n'urukundo byinshi by'Imana? Kandi abasaba kuba intungane. Kubera ko So wo mu ijuru "agirira neza indashima n'abagizi ba nabi" (Luka 6:35), kuko yicishirije bugufi kugira ngo abaheshe icyubahiro, ni cyo cyatumye Yesu avuga ati: "mugire imico nk'iyayo, maze muhagarare mudafite ifuti imbere y'abamarayika."

Ibihakwa kugira ngo umuntu agire ubugingo buhoraho, kubw'ubuntu, ni nk'ibyariho mu murima wa Edeni: ari byo gukiranuka kutagira amakemwa, gushyikirana n'Imana, no gukora ibihuje n'amategeko yayo. Urugero rw'imico agaragajwe mu

Isezerano rya Kera ni rwo rwagaragajwe no mu Isezerano Rishya. Urwo rugero si urwo tudashobora kugeraho. Mu itegeko ryose cyangwa iteka Imana itanga, hagiye habamo icyo Imana yateganyije kugira ngo duhinduke nka yo, kandi izabisohoreza abantu bose badacisha ukubiri n'ubushake bwayo kandi batabuza ubuntu bwayo gusohozwa.

Imana yadukunze urukundo rutavugwa, kandi iyo tugize icyo tumenya cyerekeye uburebure bw'umurambararo, ubugari, uburebure bw'ikijyepfo n'uburebure bw'igihagararo bw'urwo rukundo rutarondoreka, urukundo rwacu rukangukira kuyikunda. Ku bwo guhishurirwa urukundo rwa Kristo rutwireherezaho, no kumenya uko yadukunze tukiri abanyabyaha, umutima wibonaga wicisha bugufi ugategekwa, maze umunyabyaha agahindurwa, akaba umwana w'ijuru. Ntabwo Imana ikoresha agahato; ikoresha urukundo kugira ngo yirukane icyaha mu mutima. Ni rwo ikoresha guhindura agasuzuguro kwicisha bugufi, n'urwangano no kutizera ikabihindura urukundo no kwizera.

Abayuda bari bararushye cyane bahihibikanira kugera ku gukiranuka kubw'imbaraga zabo bwhite, ariko byarabananiye. Kristo yari yaramaze kubabwira yuko gukiranuka kwabo kudashobora kwinjira mu bwami bw'ijuru. Ubwo yariho abereka gukiranuka abantu bose bazinjira mu ijuru bagomba kugira, mu kibwirizwa cye cyo ku Musozi, yavuze imbuto zo gukiranuka, none mu ijambo rimwe arerekana isoko na kamere byako ati: "Mube indakemwa nk'uko So wo mu ijuru ari indakemwa." Amategeko ni ishusho y'imico y'Imana. Mwitegerezze uko gukiranuka kw'amategeko kugaragarira muri So wo mu ijuru, ari ko rufatiro rw'ubutegetsi bw'Imana.

Imana ni urukundo. Nk'uko imirasire y'umucyo ituruka ku izuba, ni ko urukundo n'umucyo n'umunezero bitemba bituruka ku Mana bigana ku byo yaremye byose. Gutanga ni kamere yayo. Imibereho yayo isesuve n'urukundo ruzira ubwika-yize.

**"Icyubahiro cyayo ni uguha abana bayo ibyiza; ibyishimo byayo ni ukuba Umubyeyi w'imbabazi."**

Imana itubwira kuba indakemwa nk'uko nayo ari indakemwa. Dukwiriye kuba iremezo ry'umucyo rl'umugisha ku bantu bake turi kumwe, nk'uko Imana imereye ab'isi yose ityo. Ntacyo dufite twita icyacu, ahubwo umucyo w'urukundo rwayo uratu-vira, maze, tukagaragaza kurabagirana kwayo. "Mu bwiza bwe dutira" ni ho dushobora guherwa gukiranuka mu mibereho yacu nk'uko Imana ikiranuka mu yayo.

Yesu yaravuze ati "Namwe mube indakemwa nk'uko So wo mu ijuru ari

indakemwa." Niba muri abana b'Imana, musangiye kamere yayo, kandi mushobora kumera nka yo. Umwana wese abaho imibereho isa n'iya se. Niha muri abana b'Imana, babyawe n'Umwuka wayo, mubaho imibereho y'Imana. "Erega ibyuzuye mu Mana byose biba muri Kristo wabaye umuntu!" (Abakolosayi 2:9); kandi ubugingo bwa Yesu "bugaragarira mu mibiri yacu ipfa" (2 Abakorinto 4:11). Ubwo bugingo nibubabamo buzabatera kugira imirimo nk'yo bwateye Yesu. Nibwo muzashobora gukora ibihuje n'amategeko ye, kuko "amategeko y'Uwiteka atunganye rwose, asubiza intege mu bugingo." (Zaburi 19:7). Ku bw'urukundo, "gukiranuka kw'amtegeko kuzasohorezwa muri twe, abadakurikiza ibya kamere y'umubiri, ahubwo bakurikiza iby'Umwuka." Abaroma 8:4.

## **IMPAMVU NYAKURI ITERA UMUNTU GUKORA UMURIMO**

**"Mwirinde, ntumugakorere ibyiza byanyu imbere y'abantu, kugira ngo babarebe."**  
**Matayo 6:1**

Amagambo Kristo yuvugije ku musozi, yari icyigisho cyigishirijwe bucece mu mibereho ye, ariko abantu bari barananiwe kugisobanukirwa. Ntabwo bashoboye gusobanukirwa n'icyatumye yari afite imbaraga zingana zityo, ariko akirengagiza kuzikoresha kugira ngo agere ku cyo bibwiraga ko ari cyo kiruta ibindi. Umwuka wabo, impamvu zabateraga kugira icyo bakora ndetse n'uburyo bakoreshaga byari bitandukanye n'ibye. Mu gihe bavugaga yuko bafite ifuhe ryo kubahiriza amategeko, cyane cyane bari bagendereye kwihesha icyubahiro; Kristo yagombaga kubagaragiriza yuko umuntu ukunda irarinje aba yica amategeko.

Amahame Abafarisayo bari barimitse ateye nk'ibiranga abantu bo mu bihe byose. Umwuka wa Gifarisayo ni wo mwuka wa kamere y'umuntu; kandi Umukiza yerekanaganita itandukaniro ryari riri hagati y'umwuka we n'imigirire ye n'uw'abigisha b'Abaferisayo n'imigirire yabo. Inyigisho ze zikwiriye abantu bo mu bihe byose.

Mu bihe bya Kristo Abafarisayo bahoraga bagerageza gukora uko bashoboye kose ngo bakundwe n'Imana kugira ngo babone uko bibonera ingororano y'ubutungane. Ubwo rero bagashyira ku murongo ibikorwa by'ubugiraneza ngo babyereke abantu bityo babikurireho kandi ngo bashimirwe ko ari intungane.

Yesu yacyashye gukorera ijisho kwabo, avuga yuko Imana itishimira igikorwa nk'icyo kandi yuko uburyarya no gushimwa n'abantu, ari byo bashakaga, ari yo ngororano imwe rukumbi bazahabwa.

Yesu yaravuze ati: "Ahubwo wehoho nugira ubuntu, ukuboko kwawe kw'ibumoso kwe kumenya icyo ukw'iburyo gukora; ahubwo ugire ubuntu bwawe wiherereye; nuko So ureba ibyherereye azakugororera."

Ntabwo muri aya magambo Yesu yigishije yuko ibikorwa by'ubugiraneza bigomba guhorabihishwe. Ubwo intumwa Pawulo yandikaga ashorewe n'Umwuka Wera, ntabwo yahishe iby'amaturo y'ubwitange yatanganywe ubuntu n'Abakristo b'i Makedoniya, ahubwo yavuze ibyo Kristo yakoreye muri bo, maze bigatuma n'abandi bagira umwuka nk'uwabo. Yandikiye n'ab'itorero ry'i Korinto ati: "Guhirimbanwa kwanyu kwateye abenshi umwete." 2 Abakorinto 9:2.

Amagambo ya Kristo yonyine ni yo yasobanuye ibyo yashakaga kuvuga, yuko umugambi w'ibikorwa by'ubugiraneza utagomba kuba uwo guhesha abantu

ishimwe n'icyubahiro. Ntabwo kubaha Imana nyakuri kwigera gutera umuntu kurwanira kwigaragaza. Abifuza amagambo yo kubashima no kubogeza, bigahora ari byo bibatunze nk'ibyokurya biryoshye, ni Abakristo ku izina gusa.

Kubw'imirimo yabo myiza, ntabwo abayoboke ba Kristo bagomba kwihesha ikuzo, ahubwo barihesha wa wundi nyiri ubuntu n'imbaraga wabakoresheje. Igikorwa cyose cyiza gikorwa kubwa Mwuka Wera, kandi Mwuka atangirwa guhesha ikuzo Rugaba, ari we utanga, ntabwo ari uguhesha ikuzo uhabwa. Igihe umucyo wa Kristo umurikiye umutima, iminwa yuzurwa n'ibyishimo no guhimbaza Imana. Amasengesho yanyu, imirimo mukora, kwigomwa kwanyu, si byo bizaba insanganyamatsiko y'ibitekereo n'ibiganiro byanyu. Kristo azashyirwa hejuru, inarijye izahishwa, maze Kristo agaragarizwe rwose muri byose.

Dukwiriye gutanga tubikuye ku mutima atari ukwerekana ibikorwa byacu byiza, ahubwo tubitewe no kugirira impuhwe imbabare no kuzikunda. Umugambi nyakuri, n'ubugwaneza bwo mu mutima ni byo mpamvu ijuru riha agaciro. Umutima ukunda iby'ukuri n'umutima witanga by'ukuri Imana ibirutisha izahabu nziza ya Ofiri.

Ntidukwiriye gutekereza iby'ingororano ahubwo dukwiriye gutekereza iby'umurimo; nyamara ubugwaneza bugaragarijwe mu mwuka nk'uko ntibuzabura ingororano zabwo. "So ureba ibyihererereye azakugororera ku mugaragaro." Ni iby'ukuri yuko Imana ubwayo ari yo ngororano ikomeye, iyo ngororano izana n'izindi zose, maze umutima uko urushaho kugira imico isa n'iyyayo, ukakira Imana kandi ukayishimira yo yonyine. I bisa birasabirana. Igihe twiteguriye Imana ngo dukorere bagenzi bacu ni bwo nayo itwiyegurira.

Nta n'umwe ushobora gutanga umwanya mu mutima we no mu bugingo bwe ngo abe isoko y'imigisha y'Imana itembera ku bandi, atabanje kwakira ingororano ikomeye. Imicyamu y'imisozi n'ibibaya aho imigezi igana mu nyanja ituruka n'aho inyura nta cyo bihomba. Icyo bitanga bicyiturwa incuro ijana. Aho imigezi inyura itemba ihasiga impano y'itoto n'uburumbuke. Ubwatsi bwo ku nkcombe yaho buratoha cyane, ibiti bikagira ibibabi byinshi n'uburabyo bwinshi. Igihe ubutaka ari uruharambuga kandi bugakakazwa n'amapfa kubw'ubushyuhe bwo mu cyi, ahakikiye inkcombe z'umugezi haba hatoshye; kandi ibibaya imigezi ijya mu nyanja inyuramo bihora bitoshye kandi bitatswe ubwiza, ni ibihamya by'ingororano y'ubuntu bw'Imana iha abayiyegurira ngo babe imiyoboro yo kuvomera isi. Uwo ni umugisha w'abagirira abakene impuhwe. Umuhanuzi Yesaya aravuga ati: "Ugatanga ibyokurya byawe, ukagburira abashonji, ukazana abakene bameneshejwe, ukabashyira mu nzu yawe: wabona uwambaye ubusa, ukamwambika, ntiwirengagize bene wanyu. Maze rero umucyo wawe uzaherako utambike nk'umuseke, ubukire bwawe buzatoha vuba, . . .

Uwiteka azajya akuyobora, azahaza ubugingo bwawe mu bihe by'amapfa, . . . Uzamera nk'urutoke rruhirwa, kandi uzaba nk'isoko y'amazi idakama." Yesaya 58:7-11.

Umurimo w'ubugwaneza uhirwa kabiri. Igihe uha abakene aha abandi umugisha, na we ubwe ahabwa umugisha biruseho cyane. Iyo ubuntu bwa Kristo buri mu mutima bukuza imico cyane. Bukuza imico idahuje no kwikunda, imico izagorora, igakuza kandi igakungahaza ubugingo. Ibikorwa by'ubugwaneza bikorewe mu ibanga bizahuriza imitima hamwe maze birusheho kuyegereza umutima w'Uwo imigezi y'ubuntu yose ikomokaho. Kwita ku bandi mu tuntu duto, ibikorwa byoroheje bikoranwe urukundo no kwitanga, bitemba bituruka mu bugingo bituje bimeze nk'impumuro ituruka mu rurabyo - bihesha ubugingo imigisha n'umunezero. Kandi amaherezo bizagaragara yuko kwiyanga ku bwo gushakira abandi ibyiza n'umunezero, uko byaba byoroheje kandi bidashimije kose kuri iyi si, ijuru ribyemera nk'aho ari ikimenyetso cy'uko dufatanyije n'Umwami w'icyubahiro, wa wundi wari umukire nyamara agahinduka umukene ku bwacu.

Ibikorwa by'ubwaneza bishobora gukorerwa mu rwihihisho, ariko ingaruka ku mico y'ubikora ntishobora kwihihsa. Turamutse dukoze tubyitayeho; nk'abayoboke ba Kristo, imitima yacu izomatana n'Imana kandi Umwuka w'Imana ugenderera imitima yacu kwemera gukora ibyo Imana ishaka.

Uwongera impano z'abakoreshje neza ibyo bashinzwe anezezwu no kwishimira umurimo w'abantu be bamwizezwu n'Umwana we akunda ari we wabahesheje ubuntu n'imbaraga byababashishije gukora umurimo wabo. Abantu bashatse gukuza gukiranuka kw'imico ya Gikristo ku bwo gukoresha ubushobozi bwabo imirimyo myiza, mu isi izaza bakazasarura ibyo babibye. Umurimo watangiwe mu isi, uzarangizwa n'imibereho iboneye kandi itunganye cyane ishobora kwihangana kugeza iteka ryose.

### **"Nimusenga ntimukamere nk'indyarya." Matayo 6:5.**

Abafarisayo bari barashyizeho amasaha yo gusenga; kandi nk'uko byabagaho kensi, igihe babaga bari mu rugendo, iyo icyo gihe cyagenwe cyabaga kigeze, bagombaga guhagarara aho babaga bageze hose, haba mu nzira cyangwa mu isoko, hagati y'abantu benshi maze bakubama ahongaho Umufarisayo akanamiza, akarangurura ijwi agatera amasengesho. Gusenga nk'uko, gutewe no kwiimbaza gusa, Yesu yarakugaye. Nyamara ntabwo ari amasengesho yo mu ruhame yagaye, kuko na we ubwe ari kumwe n'abigishwa be basengeraga imbere y'abantu benshi. Ariko yigishije yuko isengesho ry'umuntu ubwe ridakwiriye gusengerwa mu ruhame. Nta wundi

amasengesho yacu yo mu rwiherero akwiriye kugeraho, uretse ko agomba kugera mu matwi y'Imana yumva amasengesho. Nta matsiko y'ugutwi uko ari ko kose akwiriye kwakira umutwaro w'amasengesho nk'ayo.

"Wehoho nusenga, ujye winjira mu nzu yawe." Mugire ahantu hiherereye ho gusengera amasengesho yo mu rwiherero. Yesu yari afite ahantu hihere-reye yabonani-raga n'Imana. Ni ko natwe dukwiriye kubigenza. Akensi tuba dukeneye kugira ahanntu dushobora kujya kuruhukira, ahantu horoheje dushobora kwihererana n'Imana.

"Usenge So mwihereranye." Tugomba kuza imbere y'Imana mu izina rya Yesu dufite ibyiringiro nk'iby'umwana. Ntihakenewe umuntu wo kuba umuhuza. Dukwiriye gukingurira Imana imitima yacu tubinyujije muri Yesu, Imana iratuzi kandi iradukunda.

Ahantu hiherereye ho gusengera, aho nta jisho ritureba uretse iry'Imana, aho nta gutwi kumva uretse ukwayo, ni ho dushobora kubwirira Data wa twese w'impu-hwe ibyifuzo byacu bihishwe n'ibyo dushaka byose, kandi muri urwo rwiherero n'ituza byo mu mutima, rya jwi ritananirwa gusubiza gutaka k'ubukene bw'abantu rizavugana n'imitima yacu.

"Umwami Imana ifite imbabazi nyinshi n'impuhwe," (Yakobo 5:11). Itegerezanya urukundo kumva kwifuza kw'impabe no kwhiana kwayo. Itwitaho ireba uko tuyishima nk'uko umubyeyi yita ku mwana we akunda igihe amumwenyurira. Ishaka yuko dusobanukirwa n'uko idukunda kandi ikaduhozaho umutima. Iturarikira kujyana ibigeragezo byacu ku mpuhwe zayo, imibabaro yacu ku rukundo rwayo, inguma zacu ku muti wayo, intege nke zacu ku mbaraga zayo, ubukene bwacu ku bukire bwayo. Nta wayisanze wigeze akorwa n'isoni. "Bamurebyeho, bavirwa n'umucyo, mu maso habo ntihazagira ipfunwe iteka."

Zaburi 34:5.

Abashakira Imana mu rwiherero bakabwira Uwiteka ubukene bwabo bamwingingira kubafasha, ntibazingira ubusa. "So we ureba ibyherereye, azaku-gororera ku mugaragaro." Nitugira Kristo incuti yacu ya buri munsi, tuziyumvamo yuko imbaraga z'isi itagaragara zituzengurutse; kandi kubwo gutumbira Yesu tuzasa na we. Ku bwo kumwitegereza turahinduka. Imico yacu iroroha, ikavungururwa maze igatunganirizwa ubwami bwo mu ijuru. Ingaruka y'ukuri yo kubonana no gushyikirana n'Umwami wacu izaba kongererwa ubwiza, kubonera no kugirirwa ubuntu. Mu mase-ngesho hazaba ubwenge bujya mbere.

Twakira ubwenge buturuka ku Mana, kandi bugaragarizwa mu buggingo bw'ubwitonzi n'umwete.

Ummuntu ugana ku Mana kugira ngo ashake ubufasha, n'ubwishingizi, n'imbaraga, abikoresheje gusenga buri munsi, azahabwa ibyiza yifuza byose, azamenya ukuri n'inshingano y'umurimo we, azagira imigambi y'ikirenga yo gukora umurimo kandi azahorana inzara n'inyota byo gukiranuka. Ku bwo guhorana n'Imana, tuzashobora kugeza ku bandi umucyo, amahoro, n'ituza biganje mu mitima yacu. Ibyo kandi twabishobozwa no gushyikirana nabo. Iyo imbaraga ikomoka mu gusenga Imana ifatanijwe n'imihati idatezuka yo kujijura ubwenge mu byo gutekereza neza no kwita ku bantu, itegurira umuntu inshingano za buri munsi no gukomereza umwuka mu mahoro mu bintu byose.

Nitwegera Imana, izadushyira mu kanwa amagambo yo kuyivugira, ndetse n'ayo gusingiza izina ryayo. Izatwigisha indirimbo y'abamarayika ndetse n'ishimwe rya Data wa twese wo mu ijuru. Umucyo n'urukundo by'Umukiza uba mu mutima bizaragararira mu gikorwa cyose cyo mu mibereho y'umuntu. Akaga turebesha amaso ntikazashobora kugera ku buggingo bw'umuntu ubeshwaho no kwizera Umwana w'Imana.

*"Namwe nimusenga, ntimukavuge amagambo muyasubiramo hato na hato, nk'uko abapagani bagira." Matayo 6:7.*

Abapagani babonaga yuko amasengesho yabo arimo ikintu gituma ibyaha byabo bihongerwa. Kandi babonaga yuko amasengesho maremare ari yo yemerwa cyan. Iyo bashobora kuba abera ku bw'imihati yabo bagombaga kubyishimira bakabona n'icyo birata. Amasengesho nk'ayo yo kwitsindishiriza ni yo rufatiro rw'amadini yose y'ibinyoma. Abafarisayo bari barafashe uburyo bwa gipagani bwo gusenga. Ni nako bimeze no muri iyi minsi yacu ndetse no mu biyita Abakristo. Gusubira mu magambo by'umuhangano igithe umutima wumva ko udakeneye Imana, ni kimwe na kwa "gusubira mu magambo gusa" by'abapagani.

Ntabwo isengesho ari ryo rikuraho icyaha; ntacyo ryo ubwaryo ryabasha kudukorera. Amagambo meza tuvuga ntabwo ahwanye n'icyifuzo kimwe cyera. Amasengesho avuzwe neza ariko atavuye ku mutima w'ukuri aba ameze nk'amaga-

mbo y'amahomvu. Ariko isengesho riturutse ku mutima ushaka, igihe ibyifuzo biturutse ku mutima, nk'uko twagira icyo dusaba incuti yo mu isi, twiringiye ko tugihabwa – iryo ni ryo sengesho ryo kwizera. Ntabwo Imana yifuza ko dusenga by'umugenzo, ahubwo umuniho w'umutima umenetse kandi ubabajwe n'icyaha cyawo n'integenke zawo, ni wo wemerwa na Data wa twese w'imbabazi.

**"Kandi nimwiyiriza ubusa, ntimukabe nk'indyarya." Matayo 6:16.**

Kwiyiriza ubusa kuvugwa n'ijambo ry'Imana ni ikintu kitari umuhango gusa. Ntabwo kwiyiriza ubusa kugizwe no kwigomwa kurya, no kwambara ibigunira no kwisiga ivu mu mutwe gusa. Umuntu wiyiriza ubusa ababajwe n'icyaha koko, ntabwo yigera yigaragaza mu giterane cy'abantu.

Umugambi wo kwiyiriza ubusa Imana itubwira ntabwo ari ukubabaza umubiri ku bw'icyaha cyo mu mutima, ahubwo ni ukudufasha kugira ngo turebe ububi bw'icyaha twicishije bugufi imbere y'Imana no kwakira imbabazi z'ubuntu bwayo. Imana yategetse Abisirayeli iti: "Imitima yanyu abe ari yo mutanyura mureke imyenda yanyu, maze muhindukirire Uwiteka Imana yanyu." Yoweli 2:15.

Kubabaza imibiri yacu cyangwa kwishuka ngo imirimo yacu ishobora kugira icyo itumarira cyangwa ngo ibasha kudushoboza kuraganwa n'abera, ntacyo byatumarira. Igihe babazaga Kristo bati: "Tugire dute, ngo dukore imirimo y'Imana?" yarabasubije ati: "Umurimo w'Imana nguyu, ni uko mwizera uwo yatumye." (Yohana 6:28, 29). Kwhana ni ukureka inarijye ukagarukira Kristo; kandi igihe twakiriye Kristo kugira ngo ku bwo kwizera ashobore kuba muri twe, ni bwo twakora imirimo myiza.

Yesu yaravuze ati: "Weho niwiyiriza ubusa, wisige amavuta mu mutwe, wiyuhamire mu maso; kugira ngo abantu batamenya ko wiyirije ubusa, keretse So uri ahiherereye, kandi So ureba ibyihererereye azakugororera." (Matayo 6:17, 18). Ikintu cyose gikorerwa guhesha Imana icyubahiro, kiba gikwiriye gukoranwa umunezero, ntigikoranwe agahinda cyangwa ubwihebe. Nta kintu cy'ubwihebe gikwiriye kuba mu itorero rya Yesu. Iyo Abakristo bagaragarashije amaganya ko bakojejwe isoni ku bw'Umwami wabo, baba bamugaragaje uko atari, kandi baba bahaye abanzi urwitwazo rwo kutamuyoboka. Nubwo bavugisha akanwa yuko ari abana b'Imana, ariko kubw'ubwihebe n'agahinda, baba bereka ab'isi yuko ari impfubyi.

Kristo ashaka yuko twerekana ko umurimo we ushimishije, nk'uko uri koko. Mureke Umukiza w'umunyambabazi abe ari we twereka kwibabaza kwacu n'ibige-

ragezo bihishwe mu mitima yacu. Murambike imitwaro yanyu munsi y'umusaraba, maze mukomeze urugendo rwanyu mwishimira mu rukundo rw'Uwabanje kubakunda. Abantu bashobora kutamenya umurimo ukorwa rwihihswa hagati y'umuntu n'Imana, ariko ingaruka y'umurimo Umwuka akora ku mutima izagaragarira bose, kuko "Ureba ibyiherereye, azakugororera ku mugaragaro."

**"Ntimukibikire ubutunzi mu isi." Matayo 6:19.**

Ubutunzi burundanyijwe ku isi ntibuzaramba; abajura baracukura bakabwiba; inyenzi n'ingese birabwangiza; umuriro n'umwuzure bitsembaho ubutunzi bwanyu. Kandi "aho ubutunzi bwawe buri, ni na ho uzahoza umutima." Ubutunzi bubitswe mu isi buniga ibitekerezo ntibibashe gutekereza ibyo mu ijuru.

Gukunda amafaranga ni cyo cyifuzo cyarutaga ibindi mu gihe cy'Abayuda. Gukunda iby'isi kwatwaye umwanya w'Imana n'uw'idini mu mitima. Uko ni ko bimeze n'ubu. Umururumba w'ubukire ni wo ukurura abantu, maze ukabunjika ntibabe baki-ranganwa ikinyabupfura, imico yabo ikangirika kugeza ubwo biroha mu irimbukiro. Umurimo wa Satani wuzuyemo kwitabwaho, guhangayika no gukora by'agahanyu, kandi ubutunzi abantu baruha barundanya ku isi ni ubw'akanya gato.

Yesu yaravuze ati: "Mwibikire ubutunzi mu ijuru, aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abajura ntibacukure ngo babwibe, kuko aho ubutunzi bwawe buri, ari ho n'umutima wawe uzaba."

Amabwiriza duhabwa ni "ukwibikira ubutunzi mu ijuru." Kugira ubutunzi mu ijuru ni inyungu zacu ubwacu. Ibyo byonyine ni byo byatuma ibyo mufite byose biba ibyanyu. Ubutunzi bubitswe mu ijuru twibwangirika. Nta muriro cyangwa umwuzure bishobora kubwangiza, nta bajura bashobora kubwiba, nta n'inyenzi n'ingese zabwangiza, kuko buba bubitswe n'Imana.

Ubwo butunzi Yesu ashima avuga ko buhebuje ubutunzi bwose, ni "n'umurage yateganyirije intore ze." (Abefeso 1:18). Abigishwa ba Kristo bitwa amabuye y'igiciro cyinshi n'ubutunzi bwe butangaje. Aravuga ati: "Bazamera nk'amabuye meza atatse ku ikamba." "Nzatubya abantu babe ingume kurusha izahabu nziza, ndetse umuntu azaba ingume arushe izahabu nziza ya Ofiri." (Zekariya 9:16; Yesaya 13:12). Kristo areba abantu be baboneye kandi batunganye nk'ingororano y'imbabaro ye yose, kwicisha bugufi kwe, urukundo rwe no kuzura kw'icyubahiro cye, we Sangano ikuzo ryose rirabagirana riturukaho.

Twemererwa gufatanya na we mu murimo ukomeye wo gucungura abantu no gusangira na we ubutunzi bukomoka ku rupfu rwe n'umubabaro we. Intumwa Pawulo yandikiye Abakristo b'Abatesalonike ati: "Ibyiringiro byacu ni iki, cyangwa ibyishimo, cyangwa ikamba ryo kwirata? Si mwebwe se mu maso y'Umwami wacu Yesu, ubwo azaza? Kuko ari mwe cyubahiro n'ibyishimo byacu." (1 Abatesalonike 2:19, 20). Ubwo ni bwo butunzi Kristo adutegeka gukorera. Ingeso nziza ni zo musaruro ukomeye wo muri ubu bugingo. Ku bw'ubuntu bw'Imana, ijambo ryose n'igikorwa cyose bituma umuntu ubibonye yifuza kujya mu ijuru, n'umuhati wose wo guharanira kugira imico nk'iya Kristo ni ukwibikira ubutunzi mu ijuru.

Aho ubutunzi bwawe buri, ni na ho uzahoza umutima. Mu kintu cyose dukorera kunganira abandi, tuba twiyunganira. Umuntu utanga amafaranga cyangwa igihe cye ku bwo kwamamaza ubutumwa, aba ashizye umutima we n'amaseshgo ye mu murimo, no ku bantu bizageraho, aba afitiye abandi urukundo n'ishyaka ryo gukorera Imana, kugira ngo arusheho gukora neza.

Kandi ku munsi uheruka, ubwo ubutunzi bwo mu isi buzashiraho, umuntu wibikiye ubutunzi mu ijuru azibonera icyo ubugingo bwe bwungutse. Niba twarumviye amagambo ya Kristo, igihe tuzaba tuzengurutse intebi y'ubwami yera, tuzareba abantu bakijije ku bwacu, kandi abakijije abandi bazamenyana n'abo bakijije. Azaba ari imbagi nini ije mu ijuru kuharuhukira, ari umusaruro w'imihati yacu. Bazarambika amakamba yabo ku birenge bya Yesu, maze bamuhimbaze ibihe bidashira. Mbega ukuntu umukozi wa Kristo azanezezwia no kureba abacunguwe basangira ikuzo n'Umucunguzi wabo! Mbega ukuntu ijuru rizabera ihozo abazaba barakiranutse mu murimo wo gukiza imitima!

"Nuko rero, niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru, aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana." Abakolosayi 3:1.

**"Ijisho ryawe nirireba neza, umubiri wawe wose uzaba ufite umucyo." Matayo 6:22.**

Umugambi umwe, no kwiyegurira Imana bivuye ku mutima ni byo Umukiza yerekanaganaga mu magambo ye. Mureke umugambi wo kumenya ukuri no kukumvira uko byamera kose ube umugambi uvuye ku mutima kandi ube udatezuka, bityo muzabasha kumurkirwa n'Imana. Ubutungane nyakuri butangira iyo umuntu amaze gutandukana n'icyaha. Icyo gihe ni bwo imvugo yo mu mutima izamera nk'iy'intumwa Pawulo wavuze ati: "Ariko kimwe cyo, nibagirwa ibiri inyuma, ngasingira ibiri imbere, ndamaranira kugera aho dutanguranwa, ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu kwavuye mu ijuru." "Ndetse n'ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo kubw'ubutunzi butagira akagero, ni bwo kumenya Yesu Kristo [Umwami wanjiye]. Kubw'uwo nahombye ibyanje byose, ndetse mbitekereza ko ari amase kugira ngo ndonke Kristo." Abafilipi 3:13, 14, 8.

Ariko igihe ijisho rihumishijwe no gukunda inarijye, haba umwjjima gusa. "Ariko ijisho niriba ribi, umubiri wawe wose uba ufite umwjjima." Uwo mwijima uteye ubwoba ni wo waro waraboheyeye Abayuda mu kutizera barinangira, utuma badashobora kwishimira imico n'umurimo by'Uwaje kubakiza ibyabo.

Gutsindwa n'igishuko bitangirira mu kwemera ko ibitekerezo bikora hiryo no hino, maze umuntu ntakomeze kwiringira Imana. Iyo tudahisemo kwiyegurira Imana byuzuye tuba turi mu mwijima. Turamutse tutabyitondeye dushobora gukingura urugi maze Satani akabona uko yinjira ngo adushore mu bishuko bye. Satani azi yuko aramutse ashoboye kukurindagiza, kugira ngo amaso yo kwizera atareba Imana, ntihaba hakiraho icyo kudukingira icyaha.

Kumenyera icyifuzo cy'icyaha, byerekana ubuyobe bw'umutima. Guha icyo cyifuzo intebi kose byongererera umutima imbaraga zo kwimura Imana. Iyo dukurikiye inzira Satani aduhitiyemo, tuba tugoswe n'ibicucu by'umubi, kandi intambwe yose iba ituganisha mu mwijima w'icuraburindi, maze ikarushaho kongera ubuhumyi bw'umutima.

Iri hame ryigaragaza mu by'umwuka nk'uko riri mu bisanzwe bya hano ku isi. Umuntu uhora mu mwijima, amaherezo arahuma ntabe akibasha kureba. Aba akingiraniwe mu mwijima uruta uw'igicuku; maze ntashobore kumurikirwa n'umucyo w'amanywa. "Kandi agendera mu mwijima; ntazi aho ajya, kuko mwijima wamuhumye." (1 Yohana 2:11). Iyo umunyabyaha akomeza gukurikirana ikibi, ntityita ku rukundo rw'Imana rumwinginga, ntabwo aba agikunda ibyiza, ntabwo aba acyifusa Imana, kandi ari byo byamubashisha kwakira umucyo wo mu ijuru. Kurarika kw'impuhwe kuba kucyzuye urukundo, umucyo uba ukimurikira umutima we nk'uko wahoze umurika ubwa mbere; ariko ijwi riba rimeze nk'irigwa mu matwi y'igipfamatwi, n'umucyo umeze nk'uko umera ku maso y'impumyi.

Iyo umuntu agifite ibyiringiro byo gukizwa ntabwo Imana yigera iva mu mutima we cyangwa ngo umutima we urundurirwe mu nzira ze bwite. "Umuntu ni we wimura Imana, ntabwo Imana ari yo imureka." Data wo mu ijuru adukurikira aduhamagara atuburira kandi aduhumuriza adufitiye imbabazi, kugeza ubwo uko kwinginga guhindurwa ubusa rwose. Ahasigaye haba ari ah'umunyabyaha. Mu gihe arwanyije Umwuka w'Imana none, aba yitegura kurwanya umucyo wa kabiri mu gihe uzaba uzanye imbaraga ikomeye. Nuko akava ku ntambwe imwe yo kwinangira ajya ku yindi, kugeza ubwo umucyo uzaba utakimukoraho, maze akaba atagishobora kwitaba Umwuka w'Imana. Nuko "umucyo ukurimo ugahinduka umwjjima." Ukuri tuzi kurahinduka maze ubuhumyi bw'umutima bukiyongera.

**"Nta mugaragu ushabora gukorera ba shebuja babiri." Matayo 6:24.**

Ntabwo Kristo avuga yuko umuntu atazakorera cyangwa se atakorera ba shebuja babiri, ahubwo avuga yuko atabishobora. Kurangamira Imana no kurangamira amafaranga ntibigira aho bihurira. Aho umutimanama w'Umukristo umuburira, umuhana, umusaba kwiyanga no kwigomwa, ni ho umutima w'iby'isi umukururira kurenga umurongo no kwirundurira mu byo kamere ye irarikira. Ku ruhande rumwe rw'umurongo hari umuyoboke wiyangwa Kristo; naho ku rundi ruhande hari umuntu wikunda n'incuti y'iby'isi, imbata y'ibyifuzo bibi, wishyira mu by'ubupfapfa, no kwita ku binezeza by'isi byabuzanyijwe. Umukristo ntashobora kujya muri urwo ruhande.

Nta n'umwe ushabora kutagira uruhande abamo; nta rwego rwo hagati ruba-ho rw'abadakunda Imana cyangwa abadakorera umwanzi wo gukiranuka. Kristo akwiriye kuba mu bamukorera maze agakorera mu bushobozi bwabo no mu mbaraga zabo. Ubushake bwabo bukwiriye kumwegurirwa; bakwiriye gukoreshwa n'Umwuka we. Ubwo rero sibo baba bariho, ahubwo ni Kristo uba ariho muri bo. Utiyegurira Imana byuzuye, aba ayoborwa n'iyyindi mbaraga, aba yumva irindi jwi rimuha inama zo kugira izindi ngeso. Gukora umurimo igice bishyira umuntu mu ruhande rw'umwanzi nk'umuntu wifatanyije n'ingabo z'umwijima. Iyo abantu bavuga ko ari abasirikari ba Kristo bifatanyije na Satani, bakaba bamushyigikiye, baba bahamije ko ari abanzi ba Kristo. Baba bagambanira ukuri kwera. Baba bashyize icyungo hagati ya Satani n'abasirikari nyakuri, kugira ngo muri bo umwanzi abone uko ahora yiba imitima y'abasirikari ba Kristo.

Uruzitiro rukomeye rw'ibibi byo mu isi yacu ntabwo ari imibereho yo gukiraniwa y'umunyabyaha ruharwa cyangwa w'akahebwé; ahubwo ni imibereho y'u-muntu ugaragara ko ari umunyakuri; yubaha, kandi yitonda ariko akagira icyaha yikun-zeho n'umuco mubi yanze kureka. Ku muntu urwana n'icyaha rwihihwa, akaba arwana n'igishuko gikomeye, kandi ahindira umushyitsi hafi y'imanga, akwiriye kuzirikana uko icyaha cyifatira umuntu. Umuntu wahawe kumenya iby'ukuri n'iby'icyubahiro, kandi akarenga akica itegeko ryera ry'Imana abigambiriye, aba ahinduye impano nziza z'Imana igikoresho cyo gukora icyaha.

Ubuhangwa, impano, impuhwe ndetse n'ibikorwa byiza by'ubugwaneza, bishobora kuba ibikoresho bya Satani akururisha abandi bantu abaganisha ku gacuri ko kurimbura ubu bugingo n'ubugingo buzaza.

"Ntimugakunde iby'isi, cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby'isi, gukunda Data wa twese ntokuba kuri muri we; kuko ikiri mu isi cyose ari irari ry'umubiri, ari irari ry'amaso, cyangwa kwibona ku by'ubugingo, bidaturuka kuri Data wa twese, ahubwo bituruka mu isi." 1 Yohana 2:15, 16.

**"Ntimukiganyire." Matayo 6:25.**

Uwaguhaye ubugingo azi yuko ukeneye ibyo kurya byo kubutunga. Uwaremye umubiri ntabwo yirengagiza yuko ukeneye umwambaro. Mbese uwatanze impano ikomeye ntazatanga n'igikenewe kugira ngo itungane rwose?

Yesu yetetse abantu bamwumvaga ukuntu iyo inyoni ziririmba zisingiza, zitrigira igitekerezo cyo guhangayika, kuko "zatabiba kandi ntizisarure"; nyamara Data wa twese ukomeye aziha ibyo zikennye. Yesu yarababajije ati: "Mwebwe ntimuziruta cyane?"

"Nta gishwi kigwa hasi ngo gipfe atabizi,  
Nta n'umwe ugera ku butaka Yesu atabizi;  
Kuko ari kumwe natwe ahantu hose,  
Kandi akareba n'amarira yose adushoka ku matama.  
Kandi ntabwo azigera na rimwe, haba na rimwe,  
Areka umuntu uhora amwiriringira."

Imicyamu y'imisozi n'imirima byari bitatswe uburabyo, nuko Yesu abubereka bugitonzweho n'ikime cya mugitondomaze aravuga ati: "Mutekereze uburabyo bwo mu gasozi, uko bumeru." Abantu b'bahanga bashobora kwigana bagakora amabara meza y'ibimera n'uburabyo, ariko se ni nde washobora guha akarabyo cyangwa akatsi ubugingo? Buri kintu cyose cyumbura kibeshejweho n'imbaraga y'Iyahanitse amasi mu kirere. Ibantu byose byaremwe bibeshwaho n'ubugingo bukomoka ku Mana. Uburabyo bwo mu gasozi bwambikwa n'ukuboko kw'Imana imyambaro myiza abami bahiriwe bo ku isi batigeze bambara. "Ariko ubw'Imana yambika ubwatsi bwo mu gasozi ityo, buriho none ejo bukajugunyuwa mu muriro, ntizarushaho kubambika, mwe abafite kwizerwa guke mwe?"

Uwaremye uburabyo n'uwaitumye ibishwi biririmba ni we uvuga ati: "Mwigire ku burabyo," "Mwitegerezee inyoni." Mushobora kwigira mu bwiza bw'ibyaremwe iby'ubwenge bw'Imana biruta iby'abigisha bo mu mashuri bazi. Ku mwumba w'ururabyo Imana yahakwandikiye ubutumwa, mu rurimi rushobora gusomwa n'umutima wawe gusa igihe wibagirwa ibygisho byo kutiringira, kwikunda no kwihiugiraho. Icyatumye uhabwa indirimbo z'inyoni, n'ubwiza bw'uburabyo, si uku-gira ngo urukundo rusendereye mu mutima wa Data wa twese rukumurikire mu nzira unyuramo. Ibyo kubaho gukeneye byagombaga kuba ibywae udashyizeho uburabyo n'inyoni, nyamara ibyo byose ntwabwo Imana yabiremeye ubusa. Yujuje isi n'ikirere n'ijuru ibyiza byo kukumenyesha yuko igukunda. Ubwiza bw'ibyaremwe byose ni

ibikezikezi by'ubwiza bw'Imana burabagirana. Niba Imana yarerekaniye ubuhanga bwayo butangaje ku byaremwe kubwo kugushakira umunezero n'ibyishimo, mbese ushobora gushidikanya ko izaguha imigisha yose ukeneye?

"Mutekereze uburabyo." Ururabyo rwose rwumburira munsi y'izuba rwumvira amategeko akomeye ategeka inyenyeri. Mbega ukuntu ubugingo bwarwo bworoheje ari ubw'igikundiro kandi bukaba bushimishije! Imana ishaka kutwerekera ubwiza bw'imico isa n'iya Kristo ku burabyo. Iyahaye ururabyo ubwiza nk'ubwo yifuza biruseho yuko umutima wakwambikwa ubwiza bw'imico ya Kristo.

Yesu aravuga ati: "Mutekereze" uko uburabyo bukura; uko bumera mu butaka bukonje kandi bucuze umwijima, cyangwa mu byondo by'aho uruzi rwuzurira, maze bukavamo ibimera byiza kandi bihumura neza. Ni nde ushobora kurota yuko ururabyo rugipfunditse rwakumbura ururabyo rufite ubwiza butangaje? Ariko iyo ubugingo bw'Imana buhishwe muri bwo butegetse imvura n'izuba kububeshaho, abantu butangarira ubwiza bwabwo. Ni ko ubugingo bw'Imana buhishwe mu mutima w'umuntu wiyegurira gukoreshwa n'ubuntu bwayo butangirwa ubuntu nk'imvura n'izuba, bugerana n'umugisha wabwo ku bantu bose. Ijambo ry'Imana ni ryo rirema uburabyo, kandi iryo jambo ni ryo rizabashiyamo ubuntu bw'Umwuka wayo.

Amategeko y'Imana ni amategeko y'urukundo. Yabagotesheje ubwiza bwo kubigisha yuko mutashyiriwe mu isi kwikunda, guhinga no kubaka, kuruha no kuboha, ahubwo kwari ukugira ngo ubugingo burabagirane bubitewe n'urukundo rwa Kristo nk'uko uburabyo bumeze, mukanezeza abandi, mubikoresheje urukundo.

Babyeyi b'abagabo n'abagore, mureke abana banyu bigire ku burabyo. Mubajyane mu mirima no mu gasozi no munsi y'ibibabi by'ibiti, maze mubigishe gusomera ku byaremwe ubutumwa bw'urukundo rw'Imana. Mureke inyonni n'uburabyo n'ibiti bitume batekereza Imana. Mutume abana babona yuko ikintu cyose cyiza kinejeje kibereka urukundo rw'Imana. Mubashimire idini yanyu ku bw'ibiza byayo. Mureke itegeko ry'ubugwaneza ribe ku minwa yanyu.

Mwigishe abana ko ku bw'urukundo rw'Imana rukomeye, kamere zabo zishobora guhindurwa nk'iyayo. Mubigishe yuko Imana ishaka yuko ubugingo bwamera neza bukaba bushimishije nk'uburabyo. Igihe basoroma uburabyo mubigishe yuko iyaremye uburabyo iburuta ubwiza. Ubwo ni bwo imibereho yabo ikiri mitoto izomatana n'Imana. "Umwiza bihebuje" azabahindukira Mugenzi wabo wa buri munsi n'incuti imenyeranye nabo, kandi imibereho yabo izahindurwa imere nk'iy'Imana.

### **"Mubanze mushake ubwami bw'Imana." Matayo 6:33**

Abantu bumvaga amagambo ya Kristo bari bagitegerezanyije amatsiko kumva ko atangaza ingoma ye yo ku isi. Ubwo Yesu yabakingurira ubutunzi bwo mu ijuru, abenshi baribazaga bati mbese kwifatanya na we kuzaduteza imbere mu byo dushaka byo mu isi gute? Yesu yagaragaje yuko igithe barushaho guhagarikwa umutima n'iby'isi baba bameze nk'amahanga y'abapagani abazengurutse, nk'aho ari nta Mana ibaho irinda ibiremwa byose.

Yesu yaravuze ati: "Ibyo bintu byose amoko yo ku isi arabishaka." "So wo mu ijuru azi ko mubikennye byose. Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongerwa," (Luka 12:30; Matayo 6:32, 33. Nazanywe no kubereka ubwami bw'urukundo no gukiranuka n'amahoro. Mukingure imitima yanyu kugira ngo mwakire ubwo bwami, kandi mwite cyane ku bukorera. Nubwo ari ubwami bw'iby'umwuka, ntimutinye ko ibyifuzo byo muri ubu bugingo bitazitabwaho. Niwiyegurira umurimo w'Imana yo ifite ubushobozi bwose mu ijuru no mu isi izaguha ibyo ukennye byose.

Ntabwo Yesu atubuza kwihatira gushaka ibikwiriye, ahubwo atwigisha ko dukwiriye kumugira uwa mbere n'ucheruka n'uruta bose mu kintu cyose. Nta murimo dukwiriye gukora, nta kindi dukwiriye gukurikirana, nta wundi munezero dukwiriye gushaka bikwiriye kutubuza gushaka gutunganira Imana mu mico no mu mibereho yacu. Icyo dukora cyose dukwiriye kugikorana umutima ukunze nk'aho gikorerwa Umwami wacu.

Igihe Yesu yari ku isi yubahirije imibereho mu nzego zayo zose, yerekanye icyubahiro cy'Imana imbere y'abantu, abyerekanisha gukora ikintu cyose akurikije ubushake bwa Se. Nidukurikiza icyitegererezo cye aduhimiriza yuko ibantu byose dukeneye byo muri ubu bugingo "tuzabyongerwa." Ubukene cyangwa ubukire byose bitangirwa mu isezerano ry'ubuntu bwe.

Amaboko y'Imana ihoraho aramira umuntu uyiganaho ashaka gufashwa nubwo yaba ari umunyanterge nke cyane. Ibantu by'igiciro cyinshi byo mu isiizarim-buka, ariko umuntu wubaha Imana azagumana nayo. "Isi irashirana no kwifusa kwayo; ariko ukora ibyo Imana ishaka azahoraho iteka ryose." (1 Yohana 2:17). Umurwa w'Imana uzakingurira amarembo yawo y'izahabu kwakira umuntu wigie mu isi kwisunga Imana ngo imuyobore kandi imuhe ubwenge, ngo imukomeze kandi imutere ibyiringiro, mu kaga no mu mubabaro. Uwo mutu azakirwa n'indirimbo z'abamarayika, kandi igitu cy'ubugingo kizamwerera imbuto. "Imisozi izavaho, n'udusozi tuzaku-rwaho; ariko imbabazi zanje ntizizavaho, kandi n'isezerano ry'amahoro nagusezerani-je ntirizakuvaho, ni ko Uwiteka ukugirira ibambe avuga." Yesaya 54:10.

**"Ntimukiganyire mutekereza iby'ejo . . umunsi wose ukwiranye n'ibibi byawo."**  
**Matayo 6:34**

Niba wariyeguriye Imana, ngo ukore umurimo wayo, ntukwiriye kuganyi-shwa n'iby'ejo. Uwo ukorera, amenyera iherezó mu itangiriro. Ibizaba ejo, udashobora kureba, bigaragarira amaso y'Ishoborabyose.

Igihe twirundarundiraho ibyo dukwiriye gukora, maze tukishingikiriza ku bwenge bwacu bwite n'ubushobozi bwacu, tuba twihaye umutwaro tutategetswe n'Imana, tukagerageza kuwikorera tudafashijwe nayo. Tuba twishyizeho inshingano y'Imana, tukaba twishyize mu mwanya wayo rwose. Dushobora guhagarika umutima tukagira ibyago n'imbabaro kuko bitabura kutugeraho. Ariko igihe twiringira rwose yuko Imana idukunda kandi yishimira kutugirira neza, tuzareka kuganyishwa n'iby'igi-he kizaza. Tuziringira Imana nk'uko umwana yiringira umubyeyi umukunda. Nibwo amagorwa yacu n'ibiturushya bizashira, kuko ubushake bwacu buzamirwa n'ubushake bw'Imana.

Ntabwo Yesu yasezeranye kudufasha mu gihe uyu munsi twikorera imitwaro twagombaga kwikorera ejo. Yaravaze ati: "Ubuntu bwanjye buraguhagije." (2Abakorinto 12:9). Kandi nk'uko manu yatangwaga mu butayu, ubuntu bwe butang-wa buri munsi, ku bikenewe uwo munsi. Nk'uko ingabo z'Abisirayeli zari zimeze mu rugendo rwazo, dushobora kubona umutsima wo mu ijuru buri gitondo ku bikwiriye uwo munsi.

Umunsi wacu ni umwe gusa, kandi muri uwo munsi dukwiriye kuwushyira mu maboko ya Kristo. Umurimo wera, imigambi yacu yose n'inama zacu, ibyacu byose tubimushyireho, kuko yita kuri twe. "Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira, ni amahoro si ibibi, kugira ngo mbareme umutima w' ibyo muzabona hanyuma, ni ko Uwiteka avuga," "Nimugaruka mugatuza, muzakizwa; mu ituza no mu byiringiro ni mwo muza-herwa imbaraga." Yeremiya 29:11; Yesaya 30:15.

Nushaka Uwiteka kandi ugahinduka buri munsi, niwihitiramo iby'umwuka no kunezerwa mu Mana, niwitaba guhamagara kwe, ukemera kuzana umutwaro ukure-mereye kuri Kristo, ukishimira kumvira no kumukorera, amaganya yawe azashiraho, amagorwa yawe azakurwaho, ibiguagarika umutima byose bizabonerwa igisubizo.

## **ISENGESHO RY'UMWAMI WACU YESU KRISTO**

**"Nuko musenge mutya muti." Matayo 6:9.**

Isengesho ry'Umwami ryatanzwe kabiri n'Umukiza wacu. Ubwa mbere ryabwiwe imbaga y'abantu mu kibwirizwa cyo ku Musozi, ryongera kubwirwa abigishwa be bari bonyine nyuma y'amezi runaka. Abigishwa bari bamaze igihe gito batari kumwe n'Umwami wabo, ubwo bari bagarutse ni bwo basanze ahuze yihereranye n'Imana. Yakomeje gusenga aranguruye ijwi, asa nk'aho atazi ko bamuri iruhande. Mu maso h'Umukiza harabagiranishwaga n'ubwiza bwo mu ijuru. Yasaga n'uri imbere y'itagaragara, kandi mu magambo ye harimo imbaraga nk'iy'umuntu uvugana n'Imana koko.

Imitima y'abigishwa bari bamuteze amatwi yarakabakabwe cyane. Babonaga ukuntu yamaraga amasaha menshi ari wenyine yihereranye na Se. Yamaze iminsi akorera imbaga y'abantu yabaga iniganira aho ari, kandi yerekana uburiganya bw'abigisha b'Abayuda. Iyo mihiati yose yasigaga imumazemo intege, kugeza ubwo nyina na bene se n'abigishwa be babonaga yuko bishobora kumuhitana. Ariko igihe yabaga avuye mu masaha yo gusenga yaherukaga imiruho y'uwo munsi, babonaga arebana amahoro, bikabagaragariza yuko agaruye ubuyanja. Mu masaha yamaranaga n'Imana buri gitondo, yahavaga azaniye abantu umucyo wo mu ijuru. Abigishwa be basanze yuko amasaha yo gusenga afitanyi isano n'imbaraga y'amagambo ye n'imirimo ye. Nuko bumvise gusenga kwe, baratangara kandi bicisha bugufi. Ubwo yari amaze gusenga, ni bwo bamenye ubukene bwabo maze baravuga bati: "Databuja, twigishe gusenga." Luka 11:1.

Yesu ntイヤbahaye uburyo bushya bwo gusenga. Ahubwo yasubiye mu ryo yabigishije mbere, nk'aho yavuze ati mukeneye gusobanukirwa n'ibyo namaze kuvuga. Bifite ubusobanuro bwimbitse mutari mwamenya.

Nyamara Umukiza ntatubuza gukoresha amagambo y'iryo sengesho nk'uko ari. Yagaragaje uburyo bwe bwo gusenga nk'uri kumwe n'abantu maze akoresha amagambo yoroshye umwana muto ashobora kumenya. Nyamara nubwo yoroshye, n'abantu bafite ubwenge bwo hejuru ntabwo bashobora kumenya ubusobanuro bwayo. Twigishwa gusanga Imana tuzanye amaturo y'ishimwe, kuyimenyesha ibyo dushaka, kwicuza ibyaha byacu, no gusaba imbabazi zayo mu buryo buhuje n'amasezerano ryayo.

**"Nimusenga mujye muvuga muti: Data wa twese." Luka 11:2.**

Yesu atwigisha kwita Se Data. Ntakorwa n'isoni zo kutwita bene Se, (Abaheburayo 2:11). Umukiza wacu ariteguye kandi afite ubwuzu bwo kutwakira ngo tube mu muryango w'Imana. Amagambo abanza dukwiriye gukoresha twegera Imana aduhamiriza yuko dufitanye isano n'Imana, "Data."

Iri ni jambo ry'ukuri guteye ubwuzu, ryuzuye amagambo yo kutwongera intäge kandi yo kudukomeza, yuko Imana idukunda nk'uko ikunda Umwana wayo. Icyo ni cyo Yesu yavuze mu isengesho rye riheruka asabira abigishwa be ati: "Ukabakunda nk'uko wankunze." (Yohana 17:23).

Kubw'igikorwa kimwe gikomeye, isi Satani yanyaze kandi akayitwaza igitugu n'ubukana, Umwana w'Imana yayigotesheje urukundo rwe maze yongera kuyihuza n'inteve y'ubwami y'Uwiteka. Igihe uko kunesha kwagaragazwaga, Abakerubi n'Abaserafi, n'ingabo zitarabika zo mu mibumbe itaracumuye, baririmbye indirimbo zo gusingiza Imana n'Umwana w'Intama. Banejewe n'uko inzira y'agakiza yari ikinguriwe ubwoko bwacumuye kandi ko isi ishobora kubaturwa mu muvumo w'icyaha. Mbega ukuntu abakunzwe urwo rukundo rutangaje bagombaga kurushaho kwishima!

Mbese dushobora dute guhora dushidikanya, tdatekanye, kandi twumva ko turi impfubyi? Icyateye Yesu kwambara kamere y'umuntu ni abantu bagomeye amategeko; yahindutse nkatwe kugira ngo tubashe kubona amahoro n'ubwishingizi by'iteka ryose. Dufite Umurengezi mu ijuru, kandi umuntu wese wemera ko amubera Umukiza ntabwo arekwa nk'impfubyi ngo yikorere umutwaro w'ibyaha bye.

"Bakundwa ubu turi abana b'Imana." "Kandi ubwo turi abana bayo, turi n'abaragwa; ndetse turi abaragwa b'Imana, turi abaranaganwa na Kristo, niba tubabarana na we, ngo duhanwe ubwiza na we." "Uko tuzamera ntikurerekawa: icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekawa, tuzasa na we, kuko tuzamureba uko ari." 1 Yohana 3:2; Abaroma 8:17.

Intambwe ya mbere na mbere yo kwegera Imana ni ukumenya no kwizerwa urukundo idukunda (1 Yohana 4:16); kuko urukundo rwayo ari rwo rutureshya rukatugeza kuri yo.

Kumenya urukundo rw'Imana ni ko gutera kuzinukwa inarijye. Igihe twita Imana Data, tuba twemera yuko abana bayo bose ari abavandimwe bacu. Twese turi umugabane w'urukiryi rukomeye rw'abana b'abantu, twese turi abo mu muryango umwe. Mu gihe dusenga dukwiriye gusengera abaturanyi bacu nk'uko twisengera.

## **Ntawe usenga mu kuri wishakira guhirwa wenyine.**

Yesu yaravuze ati: 'Imana ihoraho ibahe amahirwe yo kuyegera mu izina rya Data.' Mukwiriye gusobanukirwa n'ibi. Nta mubyeyi wo ku isi wigeze yingingira cyane umwana we w'ikirara nk'uko Uwabaremye asabira abanyabyaha. Nta munyarukundo n'umwe wigeze akurikirana umuntu utihana ngo amurarike neza atyo. Imana iba ahantu hose; yumva buri jambo rivugwa, itega amatwi isengesho ryose, isuzuma agahinda no gucogora bya buri muntu, yita ku biba ku mugabo, n'umugore, n'umukobwa, n'umuhungu n'umuturanyi. Yita ku bidukwiriye, kandi urukundo n'impuhwe n'ubuntu byayo ntibihwema guhaza ubukene bwacu.

Ariko igihe mwita Imana So muba namwe mwemera yuko muri abana bayo, ngo muyoborwe n'ubwenge bwayo kandi mube abantu bumvira mu bintu byose, mumenza neza yuko urukundo rwayo rudahinduka. Mwemere inama zayo mu mibereho yanyu. Nk'uko abana b'Imana babigenza, mukomeze icyubahiro cyayo, imico yayo, umuryango wayo, n'umurimo wayo, abe ari byo murushaho kwishimira cyane. Munevezwe no kumenya no kubaha isano mufitanye na So n'iyo mufitanye na buri muntu wo mu muryango we. Munevezwe no gukora ikintu cyose nahoh cyaba cyoroheje, cyo kuiyihesha icyubahiro n'icyo gituma abanyu bamererwa neza.

"Uri mu ijuru." Uwo Kristo adutegeka guhangam amaso nka "Data" "ari mu ijuru; kandi 'Yakoze ibyo yashatse byose." Kubwo kwitabwaho nayo dushobora kuruhukira muri yo maze tukavuga tuti: "Uko ntinya kose, nzakwiringira." Zaburi 115:3; 56:3.

### **"Izina ryawe niryubahwe." Matayo 6:9.**

Kubaha izina ry'Uwiteka bisaba ko amagambo dukoresha tuvuga Ishoborabyose dukwiriye kuyavugana icyubahiro. "Izina rye ni iryera ni iryo kubahwa." (Zaburi 11:9). Ntabwo dukwiriye gukerensa na gato amazina akoreshwu ku Mana. Iyo dusenga tuba twinjiye mu cyumba Isumbabyose ibonaniramo n'abantu, tuba dukwiriye kuza imbere yayo. Abakerubi n'Abaserafi barabagirana kandi bera begera intebi yayo y'ubwami bicishije bugufi cyane. Mbega ukuntu twebwe ibiremwa byoroheje kandi b'abanyabyaha dukwiriye kubaha cyane igihe tuje imbere y'Uwiteka Umuremyi wacu!

Ariko kubaha izina ry'Uwiteka birenze ibyo cyane. Dushobora kumera nk'Abayuda bo mu gihe cya Kristo, bagaragarizaga hanze ko bubashye Imana, nyamara bagahora batuka izina ryayo. "Izina ry'Uwiteka ni "Imana y'ibambe n'imbabazi itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi. . . . ibabarira gukirani-

rwa n'ibicumuro n'ibyaha." (Kuva 34:5-7). Itorero rya Kristo ryanditsweho aya magambo ngo: "Kandi iri ni ryo zina hazitwa: Uwiteka Gukiranuka Kwacu." (Yeremiyah 33:16). Iri zina ryandikwa ku muyoboke wa Kristo wese. Ni umurage w'umwana w'Imana. Ab'umuryango bitirirwa Se. Mu gihe cy'ubwihebe n'umubabaro by'Abisirayeli umuhanuzi Yeremiyah yarasenze ati "Twitirirwa izina ryawe; ntutireke." Yeremiyah 14:9.

Iryo zina ryubahwa n'abamarayika bo mu ijuru, n'abaturage bo mu mibumbe itaraguye mu cyaha. Igihe usenga ngo "izina ryawe ryubahwe," uba usaba ngo ryubahwe muri iyi si, ryubahwe no muri wowe. Imana yahamirije imbere y'abantu n'imbere y'abamarayika ko uri umwana wayo. Saba kugira ngo udasuzuguza "izina mwitirirwa." (Yakobo 2:7). Imana yakohereje mu isi ngo ube igisonga cy'izina ryayo. Muri buri gikorwa cyose cyo mu mibereho ukwiriye kugaragaza izina ry'Imana. Uko gusenga kukwingingira kugira imico y'Imana. Ntushobora kubaha izina ryayo, ntushobora kuyigaragaza mu isi utari wagira ubugingo n'imico by'Imana mu bugingo bwawe no mu mico yawe. Ibyo ushobora kubikora gusa uramutse wemeye ubuntu no gukiranuka bya Kristo.

#### **"Ubwami bwawe nibuze." Matayo 6:10.**

Imana ni Data wa twese, udukunda kandi utwitaho kuko turi abana be; ni Umwami ukomeye w'isanzure ryose. Ibyiza by'ubwami bw'Imana ni byo twishimira. Dukwiriye gukorera kubaka ubwami bwayo.

Abigishwa ba Kristo bashakaga ko ubwami bwe bw'icyubahiro bwimikwa ako kanya, ariko igihe Yesu yabigishaga iryo sengesho yabigishaga yuko ubwami bwe butari bwimikwa. Bagombaga kubusabira nk'ikintu kizaza. Ariko uko gusenga kwari n'ubwishingizi kuri bo. Kuko batarebaga kuza k'ubwo bwami mu gihe cyabo, ni cyo cyatumye Yesu ababwira kubusabira kugira ngo bibahamirize ko buzaza mu gihe Imana ubwayo ishaka nta kabuza.

Uko imitima yahoze yuzuwemo n'icyaha n'ubugome igenda yiyegeurira ubushobozi bw'urukundo rwayo uko bukeye n'uko bwije, ni ko ubwami bw'ubuntu bw'Imana bugenda bwimikwa. Ariko kwimikwa kuzuye k'ubwami bw'ikuzo ryayo ntikuzabaho Kristo atari yagaruka kuri iyi si. "Maze ubwami n'ubutware n'icyubahiro cy'ubwami bwose buri munsi y'ijuru bizahabwa ubwoko bw'abera b'Isumbabyose." (Daniyeli 7:27). Bazaragwa ubwami bwabateguriwe "uhereye isi ikiremwa." (Matayo 25:34). Nuko rero Kristo azafata ubushobozi bwe bukomeye kandi yime.

Amarembo y'ijuru azongera akinguke, maze abera ibihumbi bitabarika baze, kandi n'Umukiza wacu azane nabo ari Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware. Yehova Imanweli "azaba Umwami w'isi yose; uwo munsi Uwiteka azaba umwe; n'izina rye rizaba rirnwe." "Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu, kandi izaturana nabo, bazaba abantu bayo, kandi Imana ubwayo izabana nabo, ibe Imana yabo." Zekariya 14:9; Ibyahishuwe 21:3.

Ariko mbere y'uko kuza, Yesu yaravuze ati: "Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamba bwo guhamiriza amahanga yose." (Matayo 24:14). Ubwami bwe ntibuzaza, inkuru nziza y'ubuntu bwe itari yagezwa ku bantu bo mu isi yose. Nuko rero igithe twiyegurira Imana kandi tukagira abandi tuyigarurira, tuba dutebutsa kuza k'ubwami bwayo. Abantu bitangira gukorera Imana bavuga bati : "Ni jye ba ari jye utuma" (Yesaya 6:8), bakitangira guhumura impumyi, no guhindura abantu ngo "bave mu mwijima, bagere mu mucyo; bave no mu butware bwa Satani, bagarukire Imana, kugira ngo nibamenyera, babarirwe ibyaha, kandi bahabwe ku murage wagenewe abatsindishirijwe" (Ibyakozwe 26:18)- bene abo ni bo basenga mu kuri bati: "Ubwami bwawe nibuze."

***"Ibyo ushaka bibeho mu isi, nk'uko biba mu ijuru." Matayo 6:10.***

Ubushake bw'Imana bugaragarizwa mu mahame y'amategeko yayo yera, kandi amahame y'amategeko yayo ni yo mahame y'ijuru. Nta bundi bumenyi bwo ku rwego rwo hejuru abamarayika bo mu ijuru bageraho burenze kumenya ubushake bw'Imana, kandi gukora ibyo ishaka ni wo murimo wo hejuru bakoresha imbaraga zabo.

Ariko mu ijuru, ntibakorana umwuka wo gutekerezza ko hari amategeko. Igihe Satani yigomekaga ku mategeko y'Imana, igitekerezza cy'uko hariho amategeko cyageze ku bamarayika nk'ikintu gikangura intekerezza zabo batajyaga batekerezza. Mu murimo bakora, ntabwo abamarayika bakora nk'abagaragu, ahubwo bakora nk'abana. Bafitanye ubumwe bushyitse n'Umuremyi wabo. Kumvira si ikintu bahatirwa. Gukunda Imana bituma imirimo yabo ibabera umunezero. Mu mutima Kristo arimo habamo "ibyiringiro by'icyubahiro", humvikanamo aya magambo ye ngo: "Nishimira gukora ibyo ukunda, ni koko, amategeko yaye ari mu mutima wanje." zaburi 40:8.

Iri sengesho ngo: "Ibyo ushaka bibeho mu isi, nk'uko biba mu ijuru," ni ugusaba ngo ubwami bw'umubi ku isi burangire, icyaha gitsembweho buheriheri maze ubwami bwo gukiranya bwimikwe. Ubwo ni bwo ku isi hazasohora "imyifurize myiza yose n'imirimo . . . iva ku kwizerwa" nk'uko bimeze mu ijuru. (2Abatesalonike 1:11).

**"Uduhe none ibyokurya byacu by'uyu munsi." Matayo 6:11.**

Umugabane wa mbere w'isengesho Yesu yatwigishije werekeye ku izina n'ubwami n'ubushake by'Imana - kugira ngo izina ryayo ryubahwe, ubwami bwayo buze, ibyo ishaka bikorwe. Igihe rero umaze kugira umurimo w'Imana nyambere, ni bwo ushabora gusabana ibyiringiro guhabwa icyo ukeneye. Igihe wamaze kuzinukwa inarijiye maze ukiyegurira Kristo, uba uri uwo mu muryango w'Imana, kandi ikintu cyose cyo mu nzu y'Imana kiba icyawe. Ubutunzi bw'Imana bwose buragukingurirwa, ubwo mu isi yo muri iki gihe n'ubwo mu isi izaza. Umurimo w'abamarayika, impano y'Umwuka w'Imana, n'imirimo y'abagaragu b'Imana -byose ni ibywae. Isi yose n'ibantu byose biyirimo ni ibywae, igihe cyose bishobora kukugirira akamaro. Ndetse n'urwangano rw'ababi ruzaguhesha umugisha ku bwo kugucishaho akanyafu ngo ube umuntu ukwiriye ijuru. "Namwe muri aba Kristo," "ibantu byose ni ibyanyu." 1 Abakorinto 3:23, 22.

Ariko muba mumeze nk'umwana utari wahabwa uburenganzira bwo gutege-ka umunani we. Ntabwo Imana ikwegurira ubutunzi bw'igiciro gikomeye, Satani atari yagushukisha ubuhanga bw'ubushukanyi bwe, nk'uko yabigenje muri Edeni ku babyeyi bacu ba mbere. Kristo aracyabugufatiye, buri aho budashobora kugira ikibwangiza. Nk'uko umwana agenzwa, uzajya uhabwa ikigutunga buri munsi. Buri munsi ukwiriye gusenga uti: "Uduhe none ifunguro ridukwiriye." Ntugacike intenge igihe udafite ibihagije by'ejo hazaza. Ufite ubwishingizi bw'isezerano ngo: "Uzaguma mu gihugu, kandi uzagaburirwa rwose." "Guma mu gihugu, ukurikize umurava." Dawidi aravuga ati: "Nari umusore, none ndashaje, ariko sinari nabona umukiranutsi aretswe, cyangwa urubyaro rwe rusabiriza ibyokurya." (Zaburi 37:3, 25). Imana yohereje ibikona kugaburira Eliya ku mugezi wa Kereti, ntizareka umwana wayo n'umwe witanze kandi ukiranuka. Umuntu ugenda akiranuka yanditsweho aya magambo ngo "Azahabwa ibyokurya bimutunga, n'amazi yo kunywa ntazayabura." "Ntibazakorwa n'isoni mu gihe cy'ibago, mu minsi y'inzara bazahazwa." "Mbese ubwo itimanye Umwana wayo, ikamatanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n'ibindi byose?" (Yesaya 33:16; Zaburi 37:19; Abaroma 8:32). Uwafashije nyina akamworohereza guhagarika umutima kandi akamuha ibitungira urugo rwe i Nazareti, agirira ibambe umubyeyi wese urwana no kubona ibyo agaburira abana be. UWagiriye impuhwe abantu benshi kuko bari "bashobewe kandi bananiwe" (Matayo 9:36), aracyafitiye impuhwe abakene bababaye. Arambuye ibiganza bye ngo abahe umugisha; kandi mu isengesho yahaye abigishwa be, atwigisha kwibuka abakene.

Igihe dusaba ngo: "Uduhe none ifunguro ridukwiriye," tuba twisabira kandi dusabira n'abandi. Kandi tuzi yuko ibyo Imana iduhaye bitari ibyacu twenyine. Imana

iduhana yiringiye ko tugomba kugaburira abashonji. Kubw'ubuntu bw'Imana yagize icyo itegurira abakene. (Zaburi 68:10). Kandi abwira uwamuraritse ati: "Nurarika abantu ngo musangire ku manywa cyangwa nijoro, ntukararike incuti zawe, cyangwa bene so cyangwa bene wanyu cyangwa abaturanyi b'abatunzi... Ahubwo nurarika, utumire abakene n'ibirema n'abacu-mbagira n'impumyi: ni bwo uzahirwa, kuko bo badafite icyo bakwitura, ahubwo uziturwa abakiranutsi bazutse." Luka 14:12-14.

"Kandi rero Imana ishobora kubasazaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose." "Ubiba nke, azasarura nke naho ubiba nyinshi azasarura nyinshi." 2 Abakorinto 9:8, 6.

Ntabwo isengesho ryo gusaba ibyokurya bya buri munsi rivuga ibyokurya byo gutunga umubiri gusa, rivuga n'ibyokurya by'umwuka bizatunga umutima kugeza ku bugingo buhoraho. Yesu aradutegeka ati: "Ntimukorere ibyokurya bishira, ahubwo mukorere ibyokurya bigumaho kugeza ku bugingo buhoraho. (Yohana 6:27). Yesu aravuga kandi ati: "Nijye mutsima wavuye mu ijuru, umuntu narya uwo mutsima, azabaho iteka ryose." (Yohana 6:51). Umukiza wacu ni umutsima w'ubugingo, kandi igithe twitegerezza urukundo rwe, n'igithe turwakira mu mutima wacu, nibwo turya umutsima wavuye mu ijuru.

Twakira Kristo binyuze mu ijambo rye, kandi Umwuka Wera atangirwa kutwumvisha ijambo ry'Imana no gusohoza ukuri kwaryo mu mitima yacu. Dukwiriyе kujya dusenga buri munsi kugira ngo igithe dusoma ijambo ry'Imana, ibashe kutwoherereza Umwuka wayo wo kuduhishurira ukuri ko kuzakomeza imitima yacu ku bw'ibyo dukenera buri munsi.

Mu kutwigisha gusaba ibyo dukeneye buri munsi kubw'imigisha y'iby'umubiri n'iby'umwuka, Imana ifite umugambi wo kudusohoreza ibyiza. Imana ishaka yuko dusobanukirwa n'uko ari yo itubeshaho, kuko ishaka kutwiyegerezza ngo dusabane nayo. Nidusabana na Kristo ku bwo gusenga no kwiga ukuri gukomeye kandi gutangaje ko mu ijambo rye, ni bwo imitima yacu ishonje izahazwa n'isoko y'amazi y'ubugingo nk'uko abafite inyota bahembukira ku isoko y'ubugingo.

***"Utubarire ibyaha byacu, kuko natwe ubwacu tubabarira abatugiriye nabi bose." Luka 11:4.***

Yesu yigisha yuko Imana ishobora kutubabarira, mu gihe natwe tubabariye abandi. Urukundo rw'Imana ni rwo ruyitureherezaho, kandi urwo rukundo ntirushobora gukora ku mitima yacu rutaduteye gukunda bagenzi bacu.

Ubwo Yesu yari arangije isengesho ry'Umwami, Yesu yongeyeho ati: "Kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na So wo mu ijuru azababarira namwe, ariko nimutabarira abantu, na So na we ntazababarira ibyaha byanyu." Umuntu utagira imbabazi aba aciyemo kabiri umuyoboro umwe rukumbi ashobora kuboneraamo imbabazi z'Imana. Ntidukwiriye gutekereza yuko dushobora gutsindishirizwa tutababariye abandi, ngo ni uko batadusabye imbabazi kuko ari bo batugiriye nabi. Si ugushidikanya, guca bugufi mu mitima yabo bakihana kandi bakicuza, ni umurimo wabo; ariko dukwiriye kugira umwuka w'imbabazi ku baducumuyeho baba batwicujijeho cyangwa se batatwicujijeho. Nubwo baba baradukomerekeje bimeze bite, ntabwo dukwiriye guha icyicaro imibabaro yacu ngo twigirire impuhwe kubwo kugirirwa nabi; ahubwo uko twiringira kubabarira ibyo twakiraniwe ku Mana ni ko dukwiriye kubabarira abantu bose batugiriye nabi.

Ariko kubabarira gufite ubusobanuro burenze uko abenshi babitekereza. Igihe Imana isezerana yuko " izababarira rwose, " igaragaza uburyo iryo sezerano rirenze uko tubisobanukirwa ivuga iti : "Erega, ibyo nibwira si byo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n'izanje, ni ko Uwiteka avuga. Nk'uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanje zisumba izanyu, n'ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira." (Yesaya 55 :8, 9). Kubabarira kw'Imana si igikorwa cy'ubucamanza idukirisha gúcirwaho iteka. Ntabwo ari ukubabarirwa ibyaha gusa, ahubwo ni ukudukura mu byaha. Ubwinshi bw'urukundo rw'Umucunguzi ni bwo buhindura umutima. Dawidi yari asobanukiwe neza n'imbabazi ubwo yasengaga ati: "Mana, undememo umutima wera, unsubizemo umutima ukomeye." (Zaburi 51:10). Arongera aravuga ati: "Nk'uko aho izuba rirasira hitaruye aho riengera, uko ni ko yajyanye kure yacu ibicumuro byacu." Zaburi 103:12.

Imana yitangiye muri Kristo ku bw'ibyaha byacu. Yapfuye urupfu rubi rwo ku musaraba, yikoreye urnutwaro w'ibyaha byacu, "Umukiranutsi yazize abakiranirwa," kugira ngo atugaragarize urukundo rwe kandi atwireherezeho.

Kandi aravuga ati: "Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha, nk'uko Imana yababariye muri Kristo." (Abefeso 4 :32). Mureke Kristo, we Bugingo bw'Imana, abe muri mwe kandi abagaragarizemo urukundo rwo mu ijuru ruzahesha ibyiringiro abatabigira n'amahoro yo mu ijuru umutima wakomerekejwe n'ibyaha. Uko turushaho kwegera Imana, ikintu gikwiriye guhamya yuko twababariwe n'Imana ni uko natwe dukwiriye kubabarira abandi.

Ikintu kimwe cy'ingenzi kidukwiriye, kugira ngo tubashe kubabarirwa n'Imana kandi ngo natwe tubabarire abandi ni ukumenya no kwizera urukundo Imana idukunda. (1 Yohana 4 :16). Satani akoresha ubushukanyi bwe uko ashoboye kose kugira ngo twe gusobanukirwa n'urwo rukundo. Azatuma dutekereza yuko ibyaha byacu

n'ibicumuro byacu bikabije cyane ku buryo bizatuma Uwiteka atita ku gusaba kwacu ndetse ko atabasha no kuduha umugisha ngo adukize. Ntacyo dushobora kwibonamo kitari intege nke gusa, nta cyiza twabona ko Imana yadushimira, kubw'ibyo Satani akatubwira ko turushya n'ubusa, ko imico yacu idashobora kugira ikiyitunganya. Igihe tugerageza gusanga Imana, umwanzi ajya atwongorera ati: "Ntacyo bikumariye gusenga"; kandi ati: 'Si wowe wakoze cya kintu kibi? Ntiwagomeye Imana kandi ugakiranirwa no ku mutimanama wawe?" Dushobora kubwira umwanzi yuko "amara-so ya Yesu Kristo Umwana wayo atweza akatumaraho icyaha cyose." (1Yohana 1:7). Igihe twiyumvamo yuko twakoze icyaha kandi yuko tudashobora gusenga, icyo ni cyo gihe tuba dukwiriye gusenga. Nubwo twaba dukozwe n'isoni kandi tunyinyiriwe, tuba dukwiriye gusenga kandi tukizerwa. "Iri jambo ni iryo kwizerwa, rikwiriye kwemerwa rwose, yuko Kristo Yesu yazanywe mu isi no gukiza abanyabyaha; muri ibo ni jye w'imbere." (1 Timoteyo 1:15). Kubabarirwa n'Imana no guhuzwa nayo ntbitugeraho nk'ibihembo by'imrimo myiza, ntabwo bitangirwa yuko bikwiriye abantu b'abanyabyaha, ahubwo ni impano duhabwa ikomoka mu gukiranuka kutagira ikizinga kwa Kristo.

Ntabwo dukwiriye kugerageza gupfobya ibicumuro byacu dushakira ibyaha akanzu. Dukwiriye kwemera icyaha uko Imana ikivuga, kandi mu by'ukuri kiraremereye. I Kaluvari honyine ni ho hashobora kugaragaza ububi bw'icyaha buteye ubwoba. Iyaba twari abo kwiyikorerera igicumuro cyacu, cyabasha kuduturitsa. Ariko Umuziranenge yatwaye umwanya wacu; nubwo atari abikwiriye, yikoreye gukirani-rwa kwacu. "Nitwatura ibyaha byacu, Imana n'iyo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose." (1 Yohana 1:9). Mbega ukuri gutangaje! Nk'uko itegeko ryayo riri, ni yo itsindi-shiriza abizera Yesu bose. "Ni iyihe Mana ihwanye na we, ibabarira gukiranirwa, ikirengagiza ibicumuro by'abasigaye b'umwandu wayo? Ntihorana uburakari bwayo iteka, kuko yishimira kugira imbabazi." Mika 7:18.

**"Ntutureke ngo tugwe mu byadushuka, ahubwo udukize Sekibi." Matayo 6:13.**

Igishuko ni ukosha umuntu agakora icyaha. Ntikiva ku Mana, gituruka kuri Satani no ku bubi bw'imitima yacu bwite. "Imana ntishobora koshhya n'ibibi, cyang-wa ngo nayo igire uwo yosha kubikora." Yakobo 1:13.

Satani ashaka kutujyana mu bitwoshya, kugira ngo ububi bw'imico yacu bugaragare maze abone uko yirata ko turi abe. Mu buhanuzi bwa Zekariya bufite icyo bushushanya, Satani yari ahagaze mu kuboko kw'iburyo kwa marayika w'Uwiteka, arega Yoshuwa umutambyi mukuru, wari wambaye imyenda y'ibizinga abuza marayi-

ka gukora umurimo yifuzaga gukorera Yosuwa. Icyo cyitegererezo kigaragaza uburyo Satani agenza buri muntu Kristo ashaka kwireherezaho. Umwanzi araducumuza, kandi agahindukira akaturega ku bo mu ijuru yuko tudakwiriye urukundo rw'Imana. Ariko, "Uwiteka yabwiye Satani ati: 'Uwiteka aguhane, yewe Satani; ni koko Uwiteka yatoranyije i Yerusalemu aguhane. [ . . ] Maze abwira Yosuwa ati: 'Ngukuyeho gukiraniwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane." Zekarya 3:1-4.

Ku bw'urukundo rukomeye rw'Imana, ishaka gukuriza muri twe ubuntu butangaje bw'Umwana wayo. Irareka tugahura n'inkomyi, gutotezwa ndetse n'ibirushya, bitameze nk'umuvumo, ahubwo bimeze nk'umugisha ukomeye ku bugingo bwacu. Buri gishuko cyose dutsinze na buri kigeragezo cyose twihanganiye biduha imibereho mishya no gutuma tujya mbere mu murimo wo kubaka imico yacu. Umutima unesa ibishuko kubwo gufashwa n'imbaraga y'Imana ugaragariza abo mu isi n'abo mu ijuru yuko ubuntu bwa Kristo buhagie.

Ariko igihe tudakwiriye gucibwa intege n'ibigeragezo, nubwo cyaba gishari-  
ra gite, dukwiriye gusaba kugira ngo Imana ye kutwemerera kujyanwa aho  
tuzazimizwa n'ibyifuzo by'imitima yacu mibi. Igihe dusenga isengesho ryatanzwe na  
Kristo, tuba dukwiriye kwiyegurira ubuyobozi bw'Imana no kuyisaba kutuyobora mu  
nzira y'amahoro. Ntitwasaba isengesho nk'iri dukiranutse, kandi ngo twongere duhit-  
mo kugendera mu nzira twihitiyemo ubwacu. Twategereza kuyoborwa n'ukuboko  
kwayo; maze tukumva ijwi ryayo rivuga riti: "Iyi ni yo nzira, mube ari yo mukomeza.  
" (Yesaya 30 :21). Ntabwo ari byiza gutinda kumenya umusaruro Satani yasarura ku  
bwo kwemera inama ze. Icyaha gikoza isoni kandi kigateza akaga gakomeye umutima  
ukiguyemo: ariko gifite kamere itera ubuhumyi, kandi inashukana kikadukuruza uburi-  
ganya bw'uburyarya bwacyo. Igihe tugige mu ruhande rwa Satani nta bwishingizi tuba  
dufite bwo kurindwa imbaraga ze. Kuko umushukanyi aduhora bugufi, dukwiriye  
gufunga inzira iyo ari yo yose ashobora kunyuramo kugira ngo atugereho.

Isengesho rigira riti: "Ntuduhane mu bitwoshy," na ryo ubwaryo ni isezena-  
no. Iyo twiyeguriye Imana, tuba dufite ibi byiringiro ko Imana itazadukundira  
kugeragezwa ibiruta ibyo dushobora, ahubwo hamwe n'ikitagerageza izaducira akanzu,  
kugira ngo tubone uko tubasha kucyihanganira. (1 Abakorinto 10:13).

Inzira imwe rukumbi yo kwirinda ikibi, ni ukugira Kristo mu mutima ku bwo  
kwizera gukiranuka kwe. Igituma dutsindwa n'ibigeragezo ni uko tugira inarijye mu miti-  
ma yacu. Ariko iyo twitegereeje urukundo rukomeye rw'Imana, ububi n'ubugome  
bw'inarijye byigaragaza uko biri, maze tukifusa icyabidukura mu mutima. Iyo Umwuka  
Wera ahesheje Kristo icyubahiro, imitima yacu iroroha kandi ikemera gutegekwa,  
igishuko kikabura imbaraga yacyo maze ubuntu bwa Kristo bugahindura imico.

Ntabwo Kristo azigera na rimwe areka umutima w'umuntu yapfiriye. Umuntu ashobora kureka Kristo maze agashikamirwa n'igishuko, ariko Kristo ntabwo yigera areka uwo yishyuriye incungu y'ubugingo bwe. Iyaba amaso yacu y'iby'umwuka yahumukaga, twashobora kubona abantu baremerewe n'umubabaro n'umutwaro w'agahinda bashikamiwe nk'ikigare kiremerewe n'umutwaro, bagiye gupfira mu bwihebe. Dushobora kubona abamarayika bagurukabihuta cyane bajya gufasha abo bantu bageragezwa, basa n'abahagaze ku mukingo w'imanga. Abamarayika bo mu ijuru basubiza inyuma ingabo z'umubi zigose abo bantu, maze bakabayobora aho bashinga ibirenge ku rufatiro rw'ukuri. Izo ntambara zirwanwa n'izo ngabo z'amaharakubiri, ni intambara nyazo zisa n'izirwanwa n'ingabo zo muri iyi si, kandi kubona ubugingo buhoraho cyangwa kububura bishingiye ku ntambara y'iby'umwuka.

Tubwirwa iri jambo nk'iryo Petero yabwiwe ngo: "Yewe ga Simoni! Satani yabasabye Imana ngo abashungure nk'uko bashungura ingano. Icyakora wowenagusabiye ku Mana kugira ngo utareka kunyizera." (Luka 22:31, 32). Dushime Imana, kuko tutari twenyine. "Iyakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhora-ho," (Yohana 3:16), ntizadutererana mu rugamba rwo kurwanya umwanzi w'Imana n'abantu. Iravuga iti: "Dore mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na siko-rupiyo n'imbaraga z'umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose." Luka 10:19.

Mukomeze komatana na Kristo, kandi azabakomeresha ukuboko kutazatuma muteguza. Mumenye kandi mwizere urukundo Imana idukunda, maze mube amahoro. Urwo rukundo ni ighome kitamenwa n'ibitekerezibibi byose n'ibitero bya Satani. "Izina ry'Uwiteka ni umunara ukomeye, umukiranutsi awuhungiramo agakomera." Imigani 18:10.

**"Kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari ibyawe." Matayo 6:13.**

Amagambo aheruka, kimwe n'abanza yo mu isengesho ry'Umwami wacu yerekana Data wa twese Usumba imbaraga zose n'ubutegetsi bwose, kandi ufite izina rihebuje avugwa yose. Umukiza yitegereeje igihe cyari imbere y'abigishwa be, si nk'uko bo babitekerezaga bibwira ko birtyamiye banezerewe ku isi iguwe neza kandi ifite icyubahiro, nyamara ari isi yirabujwe n'umuraba w'inzangano z'abantu n'umujinya wa Satani. Ku bwo kuba hagati mu ntambara no kurimbura, intambwe z'abigishwa zago-mbagagwibasirwa n'akaga gakomeye, ndetse incuro nyinshi imitima yabo yagombaga gushya uwuba. Bagombaga kuzabona Yerusalemuhindurwa umusaka, urusengero rugahinduka akari aha kajya he, ibyo ku rusengeramo birangiye, n'Abisirayeli batataniye mu bihugu byose nk'uko ibisate by'ubwato bisandara ku nkengero zuma-

gaye. Yesu yaravuze ati: "Muzumva iby'intambara n'impuha z'intambara." "Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n'ibishitsi hamwe na hamwe. Ariko ibyo byose bizaba ari itangiriro ryo kuramukwa." (Matayo 24:6-8). Nyamara abakurikira Kristo ntibagombaga gutinya yuko ibyiringiro byabo bishize cyangwa se yuko Imana yaretse isi. Imbaraga n'ikuzo ni iby'Imana yo nyiri imigambi ikomeye izakomeza kujya mbere idakomwa mu nkokora kugeza ubwo izasohozwa rwose. Mu isengesho ryabo ryo gusaba ibyo bakeneye buri munsi, Kristo yabwiye abigishwa be kutareba ku mbaraga n'ubutware by'umubi. Ahubwo yababwiye ko bagomba kureba Uwiteka Imana yabo ifite ubwami butegeka isi yose kandi ikaba Data wa twese n'incuti y'ibihe byose.

Kurimbuka kwa Yerusalemu kwari ikimenyetso cyo kurimbuka guheruka kuzarangiza isi yose. Ubuhanuzi bwasohojweho igice mu irimbuka rya Yerusalemu bwerekeje no ku minsi y'imperuka. Ubu duhagaze ku itangiriro ry'ibantu bikomeye. Igihe cy'akaga katigeze kubaho ku isi kituri imbere. Dufite ibyiringiro nk'ibyo abigishwa ba mbere bari bafite, yuko ubwami bw'Imana butegeka byose. Gahunda y'ibyenda kubaho iri mu maboko y'Umuremyi wacu. Imana yo mu ijuru ni yo igenga ibiba ku mahanga, n'ibyerekeye itorero ryayo, kandi yo ubwayo ni yo ibitegeka. Umwigisha wavuye mu ijuru arabwira umuntu wese ufite uruhare mu byo kurangiza umurimo w'Imana nk'uko yabwiye Kuro ati: "Nzagukenyeza nubwo utigeze kumenya." Yesaya 45:5.

Mu iyerekwa ry'umuhanuzi Ezekiyeli yabonye ukuboko k'umuntu munsi y'amababa y'umukerubi. Ibyo byigisha abagaragu b'Imana yuko imbaraga yayo ari yo ibashoboza ibyo bakora. Ab'Imana ikoresha b'intumwa zayo, ntibakwiriye gutekerezza yuko ari bo bagize umurimo wayo. Ibiremwa byoroheje ntibyahawе kwikorera umutwaro w'umurimo w'Imana byonyine. Udahunikira, agahora akorera kugira ngo aso-hoze imigambi ye, azakomeza gukora umurimo we. Azakoma mu nkokora imigambi y'abantu babi, kandi azarogoya inama z'abaca ibico byo kugirira nabi abantu b'Imana. Umwami Uwiteka Nyiringabo, wicaye hagati abana be bakaba amahoro. Utegeka mu ijuru ni Umukiza wacu. Apima buri kigeragezo, yitegerezza itanura ry'umuriro rikwiriye kugerageza buri muntu. Igihe ibihome bikomeye by'abami bizakurwaho, igithe imyambo y'uburakari izamena imitima y'abanzi b'Imana, abantu bayo bazarindirwa mu maboko yayo babe amahoro.

"Uwiteka, gukomera n'imbaraga n'icyubahiro no kunesha n'igitinyiro ni ibywae; kuko ibiri mu ijuru n'ibiri mu isi ari ibywae . . . Mu kuboko kwawe harimo ububasha n'imbaraga; kandi kogeza no guhesha bose imbaraga biri mu butware bwawe." 1 Ngoma 29:11,12.

## NTUGACE ITEKA AHUBWO KORA

*"Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu kugira ngo namwe mutazarucirwa." Matayo 7:1.*

Umuhati abantu bakoresha bashaka kuronka agakiza mubw'imirimo yabo ubwabo byanze bikunze ubatera kurundanya amategeko akomeye ya kimuntu ngo ababere urusika rubakingira icyaha. Kubera ko nibabona ko bananiwe gukurikiza amategeko [y'Imana], bazishyiriraho amategeko n'amabwiriza yabo ubwabo kugira ngo bihatire kumvira. Ibyo byose bituma intekerezo ziva ku Mana zikerekera ku muntu ubwe. Urukundo akunda Imana rumuva mu mutima, maze rukajana n'urwo yakunda-ga bagenzi be. Urwunge rw'ibihimbano by'abantu n'amategeko yabyo menshi, bizatuma ababishyigikiye baciraho iteka abantu bose bananirwa kugera ku rugero rwashyizweho n'abantu. Umwuka wo kunenga ushingiye ku narinje n'ibitekerezo bitagutse upfukirana umwuka w'ubupfura no kugira ubuntu, maze ugatera abantu guhindura abacamanza biyemera n'abatasi badafite akamaro.

Abafarisayo bari bameze batyo. Bavaga mu mirimo yabo y'idini batacishijwe bugufi no kumenya intege nke zabo, kandi badashimira Imana amahirwe akomeye yari yarabahaye. Barangizaga umurimo wabo buzuwe n'ubwibone mu by'umwuka, kandi intero yari iyi ngo: "Jyewe, uko niyumva, ubwenge bwanjye, inzira zanjye." Ibyo baba-ga baragezeho ni byo byari byarahi-ndutse urugero baheraho bacira abandi urubanza. Kubera kwambara imyambaro yo kwikakaza, bicaraga ku ntebe yo gúciraho imanza kugira ngo banenge kandi bacire abandi ho iteka.

Abantu benshi nabo bagize umwuka nk'uwo, bakivanga mu byerekeye umutimanama ndetse bagacirirana imanza ku bintu byerekeye umuntu ubwe n'Imana. Umwuka nk'uyu n'imikorere nk'ijo ni byo byatumye Yesu avuga ati: "Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu, kugira ngo namwe mutazarucirwa." Ibyo ni ukuvuga ngo ntumukigire urugero abandi bagenderaho. Ntimugatume ibitekerezo byanyu, ibyo mwibwira, n'uko musobanura Ibyanditswe Byera,bihindukira abandi ibyangombwa bakwiriye kuzuza kandi ngo mubacireho iteka mu mitima yanyu igihe badashoboye kubigeraho. Ntimukanenge abandi, mukeka ibyo batekereza kandi ngo mubacire urubanza.

"Ni cyo gituma mudakwiriye guca urubanza rw'ikintu cyose, igihe cyacyo kitarasohora, kugeza ubwo Umwami wacu azaza, agatangaza ibyari byahishwe mu mwijima, kandi akagaragaza n'imigambi yo mu mitima." (1Abakorinto 4:5).

Ntidushobora gusoma umutima. Igihe natwe turi abanyamafuti ntitubasha gucira abandi urubanza. Abantu buntu bashobora guca imanza z'ibigaragara gusa. Uzi ibikorwa bihishwe mu mutima wenyine, akorohera abantu kandi akabagirira impuhwe, ni we wahawe gucira urubanza umuntu wese.

"Nicyo gituma utagira icyo kwireguza, wa muntu we ucira undi urubanza. Ubwo ucira undi urubanza, uba witsindishije; kuko wowe umucira urubanza ukora bimwe n'ibyo akora." (Abaroma 2:1). Nuko rero abacira abandi ho iteka cyangwa bakabanenga, baba berekana ko nabo ubwabo ari abanyabicumuro, kuko bakora ibihwanye n'ibyo abo bakora. Igihe bacira abandi urubanza, baba biciraho iteka, kandi Imana ivuga yuko iryo teka ari iry'ukuri. Imana yemera urubanza biciriye ubwabo.

***"Ni iki gituma ubona agatotsi kari mu ijisho rya mwene so, ariko ntiwite ku mugogo uri mu ijisho ryawe?" Matayo 7:3.***

Ndetse n'aya magambo ngo "Wowe umucira urubanza ukora bimwe n'ibyo akora," ntabwo ahwanyije uburemere n'icyaha cy'umuntu uhangara kunenga mugenzi we kandi akamuciraho iteka. Yesu yaravuze ati : "Kuki ushishikazwa n'agatotsi kari mujisho rya mugenzi wawe?"

Aya magambo ya Yesu avugwa ku muntu wihutira kubona ubusembwa ku bandi. Igihe atekereza ko yatahuye ubusembwa mu mico cyangwa mu mibereho y'undi muntu, agira ishyaka ryinshi agerageza kubwerkana; ariko Yesu avuga ko ingeso nk'ijo umuntu akuza igihe akora umurimo utandukanye n'uko Kristo ashaka, iyo igereranyijwe n'inenge yanengwaga, ingeso nk'ijo ni umugogo uwugreranije n'agatotsi. Kutagira urukundo no kwihangana ni byo bituma akantu gato cyane baka-byibushya kakangana n'isi. Abatari bagira kwiyoroshyha mu mitima ngo biyegurire Kristo, ntibagaragaza mu mibereho yabo imbaraga y'urukundo rw'Umukiza. Ntibashobora kwerekana umwuka w'ubutumwa bwiza urangwa n'ubugwaneza n'ikinyabupfura, maze bagakomeretsa imitima y'abo Kristo yapfiriye. Dukurikije icyitererezo Umukiza wacu yakoresheje, umuntu uha intebé umwuka wo kujora abandi afite icyaha gikomeye kiruta icy'uwo arega, kuko adakora icyaha nk'icye gusa, ahubwo acyongerahuo ubwibone no kujora abandi.

Kristo wenyine ni we cyitererezo nyakuri cy'imico, kandi umuntu wigira urugero rw'abandi aba yishyira mu mwanya wa Kristo. Kuko Data yahaye "Umwana we ngo abe ari we uca amateka yose," (Yohana 5:22), umuntu wese wiha gucira abandi urubanza, aba ashimuta ubutware bw'Umwana w'Imana. Abo bantu baca imanza kandi bakanenga batyo baba bishyira mu ruhande rwa Antikristo (urwanya Kristo),

"umubisha wishyira hejuru y'icyitwa Imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyeureka ko ari Imana." Abatesalonike 2:4.

Icyaha gitera umuntu kubura umunezero mu buryo bukomeye cyane ni umutima mubi wo kunenga kandi utababarira wa Gifarisayo. Igihe imibereho y'iby'idini itarangwamo urukundo, Yesu ntaba akiyibamo; kandi ntirangwamo umucyo umutrukaho. Nta murimo cyangwa umuhati wose utarimo Kristo bishobora gusimbura urwo rukundo. Abantu bashobora kugira ubugenuzi butangaje bwo kumenya ibibi by'abandi, ariko Yesu abwira umuntu wese nk'uwo ati : "Wa ndyarya we, banza wikuremo umugogo uri mu ryawe jisho, kuko ari bwo wabona uko utokora agatotsi mu ijisho rya mwene so." Umuntu uhamwa n'ibibi ni we uba uwa mbere mu gukeka ibibi ku bandi. Igihe acira abandi ho iteka, aba agerageza guhisha ububi bw'umutima we bwite cyangwa kubushakira urwitwazo. Icyaha ni cyo cyateye abantu kumenya ikibi. Adamu na Eva bakimara gicumura bidatinze batangiye kuregana; kandi icyo ni cyo kamere muntu izakora byanze bikunze igihe itayoborwa n'ubuntu bwa Kristo.

Igihe abantu bahaye intebi uyu mwuka wo kuregana, ntibanyurwa no kwerekana ikibi bakeka ku wo barega. Iyo badashoboye kumukoresha icyo bifuza ko gikorwa mu buryo bworoheje, noneho bashaka uburyo bwo kumuhata. Bakora uko bashoboye kose kugira ngo bahatire abantu gufatanya na bo ibitekerezo byabo by'icyo batekereza ko gikwiriye. Ibyo ni byo Abayuda bakoze mu gihe cya Kristo ari na cyo itorero ryakoze igihe cyose ryaburaga ubuntu bwa Kristo. Igihe itorero ryabonaga ko ridafite imbaraga y' urukundo, ryashakaga amaboko ku butegetsi bw'isi kugira ngo burifashe gucengeza inyigisho zaryo no guhatira abantu kumvira amategeko yaryo. Aha ni ho hari ibanga ry'amategeko yose y'idini yagiye ashyirwaho, kandi ni naryo banga ryo gutoteza kose kwabayeho kuva mu gihe cya Abeli ugeza mu gihe cyacu.

Ntabwo Kristo yirukana abantu ahubwo abireherezaho. Imbaraga akoresha ni urukundo. Iyo itorero ritangiye gushaka gushyigikirwa n'ubutegetsi bw'isi, ibyo biba bigaragaza ko ridafite imbaraga ya Kristo ari yo rukundo rw'Imana.

Ariko akaga kari mu bizera b'itorero, kandi aho niho hakwiriye kugezwu umuti. Yesu ategika umuntu uregana kubanza kwikiza umugogo uri mu rye jisho, kureka umwuka wo guhiga ibicumuro, kwicuza no kwihana icyaha cye bwite atari yagerageza gukosora abandi. "Kuko ari nta giti cyiza cyera imbuto mbi, cyangwa igiti kibi cyera imbuto nziza." (Luka 6:43). Uyu mwuka wo kuregana muha intebi ni imbuto mbi, kandi yerekana ko igiti ari kibi. Ntacyo bimaze kugira ngo mwiyubakeho gukiranuka ko kwikunda. Icyo mukeneye ni umutima uhindutse. Mukwiriye kugira imibereho imeze ityo mutari mwabona ko mukwiriye gukosora abandi; kuko "ibyuzuye mu mutima ari byo akanwa kavuga." Matayo 12:34.

Igihe akaga kageze ku muntu, maze ukagerageza kumuha inama cyangwa kumuburira, amagambo yawe azagira akamaro gusa niba imibereho yawe n'umwuka wawe bitanga urugero rwiza. Ugomba kubanza waba mwiza mbere y'uko ushabora gukora neza. Ntushobora gutanga inama yo guhindura abandi utari wacishwa bugufi ngo utunganywe rwose kandi woroshywe n'ubuntu bwa Kristo. Igihe uko guhinduka kukugezeho, bizoroha kugira imibereho yo guhesha abandi umugisha nk'uko bimera kugira ngo igit i cy'uburabyo kirabye uburabyo bwacyo buhumura neza cyangwa ngo umuzabibu uragarike imbuto zaho.

Igihe Kristo "Byiringiro by'Ikuzo ari muri mwe," ntumuzagira umwuka wo kugenzura abandi, no kugaragaza amafuti yabo. Mu cyimbo cyo gushaka kurega abandi no kubaciraho iteka, muzagira umugambi wo gufasha abandi, kubahesha umugisha no kubakiza. Igihe wita ku bari mu mafuti, ujye uzirikana aya magambo ngo: "Wirinde, kugira ngo nawe udashukwa." (Abagalatiya 6:1). Ujye wibuka ibihe byinshi wagiye usudika n'ukuntu byabaga bikomeye gusubira mu nzira y'ukuri igihe wamaze kuyivamo. Ntuba ukwiriye gusunikira mugenzi wawe mu mwijima ukomeye, ahubwo ukwiriye kumubwira ko ari mu kaga wuzuye umutima w'impuhwé.

Umntu ureba kenshi ku musaraba w'i Kaluvari, akibuka yuko ibyaha bye ari byo byahabambishije Umukiza, nta bwo yagerageza gukerensa igicumuro cye ikihe akigereranya n'icy'abandi, nta bwo azazamuka ngo ajye ku ntebe y'imanza ajyanywe yo no kugira uwo arega. Umwuka wo kunenga no kwishyira hejuru ntushobora kuba mu ruhande rw'abantu bagendera mu gicucu cy'umusaraba w'i Kaluvari.

Igihe umaze kwiyumvamo ko ugomba kureka ibyo wiratana, ndetse no gutanga ubugingo bwawe kugira ngo ubone uko ukiza mugenzi wawe wazimiye, umaze no kuvana umugogo mu jisho ryawe, ni bwo uba witeguye gufasha mugenzi wawe. Ubwo ni bwo ushabora kumwegera no gukabakaba ku mutima we. Nta wigeze avanwa mu bibi n'umugayo cyangwa ibitutsi; ahubwo ibyo abenshi byabakuye kuri Kristo maze bituma binangira imitima ntibaba bakibasha kwicuza. Umwuka woroheje, wicisha bugufi, wemeza umutima w'umuntu, ni wo ushabora gukiza inzimizi no gutwikira ibyaha byinshi. Iyo Kristo agaragarajwe mu ngeso zawe ni we utanga imbaraga yo guhindura abo uhura nabo bose. Reka Kristo agaragarire muri wowe buri munsi, bityo azakugaragarizamo imbaraga irema y'ijambo rye- ijambo ryoroheje, ryemeza imitima, nyamara rifite ububasha bukomeye bwo kongera kurema abandi bakagira ubwiza bw'Uwiteka Imana yacu.

**"Ibyejejwe by'Imana ntimukabihe imbwa." Matayo 7:6.**

Icyo Yesu yerekezagaho ahangaha ni itsinda ry'abantu badafite icyifuzo cyo kuva mu bubata bw'icyaha. Ku bwo kwirundurira mu bibi kamere yabo irasigingira kugeza ubwo bibohera ku kibi ntibazashobore kwitandukanya na cyo. Abagaragu ba Kristo ntibakwiriye kwemera kudindizwa n'abarwanya ubutumwa bwiza bakanabukoba.

Ariko Umukiza ntabwo ahita ku muntu ucyifuzza kwakira ukuri kw'agaciro kenshi ko mu ijuru, nubwo yaba yarashaye mu byaha ate. Amagambo ye yari itangiriro ry'ubugingo bushya ku bakoresha b'ikoro n'abasambanyi. Mariya Magdalena uwo yirukanyemo abadayimoni barindwi, ni we watinze kuva ku mva y'Umukiza, kandi ni we Umukiza yaramukije bwa mbere mu gitondo ubwo yazukaga. Sawuli w'i Taruso umwe wo mu biyemeje kuba abanzi b'ubutumwa bwiza yahindutse Pawulo witangiye kuba umugabura w'ubutumwa bwiza bwa Kristo. Munsi y'ibigaragara nk'urwangano n'ububi, ndetse no munsi y'ubugome n'ubuhenebere, hashobora kuba hihishe umuntu uzakizwa n'ubuntu bwa Kristo kugira ngo azabashe kurabagirana nk'ibuye ry'igiciro cyinshi ku ikamba ry'Umucunguzi.

**"Musabe, muzahabwa; mushake muzabona; mukomange ku rugi muzakingurirwa." Matayo 7:7.**

Kugira ngo hatabaho kutizera no gusobanukirwa nabi, no gusobanura nabi amagambo ye, Umwami Yesu yasubiyemo isezerano ryatanzwe incuro eshatu. Ashaka yuko abantu bifusa gushaka Imana bayizera Yo ishobora gukora ibintu byose. Ni ko kongera kuvuga ati: "Kuko umuntu wese usaba ahabwa; n'ushatse abona; n'ukomanga akingurirwa."

Nta bindi bya ngombwa Umwami wacu avuga uretse yuko mwasonzera imbabazi ze, mukifuza inama ye, kandi mugashaka urukundo rwe. "Musabe." Gusaba bigaragaza ko mufite icyo mukeneye; kandi nimusaba mufite kwizera muzahabwa icyo musaba. Umwami yarahiye ijambo rye, kandi ntazananirwa kubisohoza. Igihe mumusanze mufite imitima imenetse, ntimumugashidikanye igihe musaba ibyo Uwiteka yasezeranye. Igihe musaba imigisha mukeneye, kugira ngo mugire imico isa n'iya Kristo, Umwami abahamiriza yuko musaba ibihuje n'isezerano rizasohozwa. Kwiyumvamo no kumenya yuko uri umunyabyaha birahagije kugira ngo ubashe gusaba impuhwe n'imbabazi by'Imana. Gusanga Imana ntibigomba yuko wera, ahubwo igishakwa n'uko wakwifuzza yuko yakozaho ibyaha byawe byose no kukuboneza ugakurwaho gukiraniro kose. Icyo tugomba gusabira ubu kandi twahora dusabira, ni ubukene bwacu bukomeye, n'imibereho yacu idakwiriye bituma dukenera Imana n'imbaraga yayo y'agakiza.

"Mushake." Ntimukifuze imigisha y'Imana gusa, ahubwo mwifufze Imana ubwayo. "Noneho iyuzuze nayo, ubone amahoro." (Yobu 22:21). Mushake, muzabona. Imana irabashaka, kandi igituma mwifufza kuyisanga, ni uko mureshywa n'Umwuka wayo. Mwemere uwo Mwuka ubareshya. Kristo araburanira abageragezwa, impabe, n'abatagira kwizera. Arashaka kubabyutsa ngo bashyikirane na we. "Numushaka, uza-mubona." 1 Ngoma 28:9.

"Mukomange." Dusanga Imana ku bwo kurarikwa kudasanzwe, kandi itegereje kutwakirira mu cyumba cy'aho ibonanira n'abantu. Abigishwa ba mbere bakurikiraga Yesu nta bwo banyuzwe no kuganirira mu nzira bya hutihuti; baravuze bati: "Mwigisha, . . . ucumbitse he? . . . Barajyana, babona aho acumbitse,.. bahera ko bamarana nawe umwanya, burira." (Yohana 1:38, 39). Ni ko rero dushobora kwakirwa tugashyikirana n'Imana kandi tugasabana nayo. "Uba mu bwihihisho bw'Isumbaboyose, azahama mu gicucu cy'Ishoborabyose." (Zaburi 91:1). Mureke abifuza umugisha w'Imana bakomange kandi bategerereze ku rugi rw'imbabazi bafite kwizera gushyitse, bavuga bati, kuko wowe, Uwiteka, wavuze ko "umuntu wese usaba ahabwa; ushatse abona; n'ukomanga akingurirwa."

Yesu yitegereje abantu bari bateranyijwe no kumva amagambo ye, maze yifuza cyane yuko iyo mbaga y'abantu yakwishimira imbabazi n'ubugwaneza by'Imana. Nk'icyitegerererozo cy'ubukene bwabo, n'ubushake bw'Imana bwo gutanga, yabahaye urugero rw'umwana ushonje maze agasaba ibyokurya umubyeyi we wo ku isi. Yaravuze ati: "Mbese muri mwe, hari umuntu umwana we yasaba umutsima aka-muha ibuye?" Ubwo yakabakabaga ku mpuhwe n'urukundo umubyeyi agirira umwana, yaravuze ati: "Ko muri babi, mukaba muzi guha abana banyu ibyiza, none so wo mu ijuru ntazarushaho guha ibyiza ababimusabye?" Nta muntu ufite umutima wa kibyeyi wakwima ibyokurya umwana we ugabuza ashonje. Mbese umubyeyi nk'uwo bavuga ko ari umunya-bwenge igihe adabagirira umwana kandi akamureregwa amutera ipfa kandi ataribumuhe? Mbese abasha kumusezeranira ibyokurya byo gutunga umubiri maze nyuma akamuha ibuye? Hariho se umuntu ushobora kugayisha Imana, atekerezza yuko yakwirengagiza gusaba kw'abana bayo?

Niba rero, mwebwe abantu kandi mukaba babi, ko "muzi guha abana banyu ibyiza, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusabye?" (Luka 11:13). Umwuka Wera, uhagarariye Imana ubwayo, ni we mpano ikomeye isumba izindi. Muri iki ni ho "ibintu byiza" byose biri. Nta kintu gikomeye kandi cyiza kirenze icyo Umuremyi ashobora kuduha. Igihe twingingira Uwiteka kutugirira ibambe mu kababaro kacu, no kutuyoboza Umwuka Wera, ntabwo azanga na gato gusaba kwacu. Ndetsse byashoboka yuko umubyeyi yakwanga kuramburira ibiganza umwana

we ushonje, ariko Imana ntishobora na gato kwanga gutaka k'umutima uyikeneye kandi uyishaka. Mbega inenza itangaje Yesu yagaragarishije urukundo rw'Imana! Abantu bibwira yuko Imana itabitayeho mu minsi icuze umwijima, ubu butumwa buturuka mu mutima wa Data wa twese ni bo bugenewe ngo: "Siyoni aravuga ati: 'Yehova yarantaye, Uwiteka aranyibagiwe.' Mbese umugore yakwibagirwa umwana yonsa, ntababarire uwo yibyariye? Icyakora bo bashaka kwibagirwa, ariko jye sinzakwibagirwa. Dore nguciye mu biganza byanje nk'uca imanzi." Yesaya 49:14-16.

Isezerano ryose ryo mu ijambo ry'Imana ritwigisha icyigisho cyo gusenga, ryerekana isezerano rya Yehova, ryo byiringiro byacu. Imigisha y'Umwuka twaba dukeneye iyo ari yo yose, twifitiye amahirwe yo kuyisaba tubinyujije muri Yesu. Dushobora kuvuga nk'umwana, maze tukabwira Uwiteka ibyo dukeneye. Dushobora kuvuga twatura ibyo dukeneye muri ubu bugingo bwose, dusaba ibyokurya n'umwambaro wo gukiranuka kwa Kristo. So wo mu ijuru azi yuko mukeneye ibyo bintu byose, kandi murarikiwe kubimusaba. Ubuntu bwose bwakirirwa mu izina rya Yesu. Imana izahesha iryo zina icyubahiro, kandi izabaha ibyo mukeneye byose ibivanye mu butunzi bwo kugira neza kwayo.

Ariko ntimwibagirwe yuko igihe musanga Imana nk'abasanga Data wa twese mugomba kumenya yuko isano mufitanye nayo ari nk'iyo umwana afitanye na se. Ntabwo mwiringira ubuntu bwayo gusa, ahubwo mwiyegurira ubushake bwayo mu bintu byose, muzirikana yuko urukundo rwayo rudahinduka. Mwitangira gukora umurimo wayo. Abo Yesu yategetse kubanza gushaka ubwami bw'Imana no kuyitunganira, ni bo hayahye iri sezerano ngo: "Musabe, muzahabwa." Yohana 16:24.

Impano za wa wundi ufite ubushobozi bwose bwo mu ijuru no mu isi zibikiwe abana b'Imana. Impano zose tuzibonera mu gitambo gikomeye cy'amaraso y'Umucunguzi. Izo mpano zizahaza ibyo umutima ukeneye byose, impano zihoraho iteka ryose zizakirwa kandi zishimirwe n'abantu bose bazasanga Imana bameze nk'abana bato. Mwakire amasezerano y'Imana abe ayanyu bwite, muyasabe Imana muri imbere yayo kuko ari amagambo yayo bwite, kandi muzagira umunezero wuzuye.

**"Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose, mube ari ko mubagirira namwe."**  
**Matayo 7:12.**

Mu ihame rimwe ryumvikana rrimo isano n'ubumwe bihuriza abantu bose hamwe, ku bwishingizi twahawe yuko Imana idukunda, Yesu yongeyeho ko natwe dukwiriye gukundana.

Abayuda bari bitaye cyane ku byo bashobora kubona; bari bahagaritswe imitima kandi bashengurwa n'uburyo bashobora kubona ubushobozi, icyubahiro no gukorera. Ariko Yesu yigisha yuko tudakwiriye guhagarikwa imitima no gutekereza ngo mbese tuzabona ibingana iki? Ahubwo dukwiriye gutekereza tuti: 'Mbese dushobora gutanga ibingana iki?' Urugero rw'ibyo dukwiriye kugirira abandi ruboneka mu byo twifusa ko batugirira.

Mu mibanire yawe n'abandi, ujye wishyira mu mwanya wabo. Wifatanye nabo mu byo bibwira, mu magorwa yabo, mu gihe bacogoye, mu munezero no mu mibabaro yabo. Wihwanye nabo, ubagenzereze nk'uko wakwifusa ko bakuge-nzereza uramutse ubaye mu cyimbo cyabro. Iri ni itegeko nyakuri ryo kwizerwa. Ubu ni ubundi busobanuro bw'tegeko ngo: "Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." (Matayo 22:39). Ni na ryo remezo ry'inyigisho z'abahanuzi. Ni itegeko ryo mu ijuru, kandi rizashorezwa mu bantu bose bakwiriye ijuru.

Itegeko ry'izahabu ni ihame ry'urukundo nyakuri, kandi ni icyitegererezo nyakuri kigaragarira mu mibereho n'imico bya Yesu. Mbega imyambi y'umucyo w'ubugwaneza n'ubwiza byarabagiraniraga mu mibereho ya buri munsi y'Umukiza! Mbega ubwiza nk'ubw'uburabyo yahoranaga! Umwuka nk'ubo uzagaragarizwa mu bana be. Abantu Kristo abamo bazahora bagoswe n'ubwiza bw'Imana. Amakanzu yabo yera yo kubonera azatamwaho n'impumuro nziza yo mu murima w'Uwiteka. Mu maso habo hazarabagirana umucyo w'Imana, maze hamurikire inzira y'abarushye kandi bagenda basitara.

Nta muntu uzi neza ikintu nyakuri kigize imico itunganye wanairwa kugaragaza impuhwe n'ineza bya Kristo. Imbaraga y'ubuntu ikwiriye korosha umutima, kuboneza no gutunganya ibyo umuntu yibwira no gutanga ubwiza n'ubutungane bikomoka mu ijuru.

Nyamara haracyariho ubusobanuro bwimbitse bw'itegeko ry'izahabu. Umuntu wese wagizwe igisonga cy'ubuntu bwinshi bw'Imana yahamagariwe kubugeza ku bantu bari mu bujiji n'abari mu mwijima, nk'uko yakwifusa ko babumugezaho aramutse ari mu mwanya wabo. Intumwa Pawulo yaravuze iti: "Abagiriki n'abatari Abagiriki, abanyabwenge n'abaswa, mbafteho umwenda." (Abaroma 1:14). Kubera ibyo muzi byose byerekeye urukundo rw'Imana, n'ibyo mufite byose bikomoka mu mpano nyinshi z'ubuntu bwayo kuruta umuntu wo ku isi warindagiye kandi wahenebereye, murimo umwenda wo kugeza izo mpano kuri uwo muntu.

Niko bimeze no ku mpano n'imigisha byo muri ubu bugingo; icyo waba utunze cyose urusha bagenzi bawe kigushyira mu mwenda ukomeye w'abo urusha amahirwe. Iyo dukize cyangwa tumerewe neza tuba dukwiriye kwita ku murwayi ubabaye, ku

mupfakazi no ku mpfubyi nk'uko twakwifuba kwitabwaho turamutse ari twe turi mu mwanya wabo.

Itegeko ry'izahabu ryigisha mu buryo bugaragara ukuri kwigishirijwe mu kibwirizwa cyo ku musozi ngo: "Urugero mugeramo, ni rwo muzagenerwamo namwe." Icyo dukorera abandi cyaba cyiza cyangwa kibi, ni cyo kizatugeraho, mu mugisha cyangwa mu muvumo. Icyo dutanga ni cyo tuzahabwa. Imigisha y'ibyo mu isi duha abandi uko yaba iri kose, n'ibihe twaba tuyitanze ibyo ari byo byose, turayishyura. Icyo dutanga cyose mu gihe gikenewe tukigarurirwa incuro enye mu gihe gikwiriye. Kandi uretse ibyo, ndetse no muri ubu buggingo, impano zose ziriturwa mu buryo bushyitse bw'urukundo rw'Imana bw'ubwiza bw'ijuru bwose n'ubutunzi bwaryo. Ubugiranabi na bwo bugarukira nyirabwo. Umuntu wese waciraga abandi ho iteka cyangwa akabaca intege, na we ubwe azagezwa aho yagejeje abandi, azyumvira uko bababajwe n'uko yabuze impuhwe n'ubugwaneza. Urukundo Imana idukunda ni rwo rwashyizeho iryo tegeko. Imana izatuyobora kugira ngo twange kunangirwa umutima, kandi ngo dukingure imitima yacu kugira ngo Yesu ayituremo. Ubwo ni bwo icyiza kizaturuka aho ikibi cyahoze, maze icyagaragaraga nk'umuvumo gihinduke umugisha.

Icyitegererezo cy'itegeko ry'izahabu ni urugero ngenderwaho rw'Ubukristo. Ikintu cyose kitagera kuri urwo rugero ni ukwishuka. Idini iyobora abantu ku gusuzugura ikiremwamuntu Kristo yitangiye kubera yuko gifite agaciyo; idini yatuma twirengagiza ubukene bw'abantu, imbabare, cyangwa ukuri kwabo, iyo dini iba atari idini nyakuri; ahubwo iba ari idini y'ikinyoma. Igihe dukerensa icyifuzo cy'umukene, imbabare n'umunyabyaha, tuba duhamya ko turi abagambanyi bagambanira Kristo. Kubera ko abantu bitirirwa Kristo kandi mu mibereho yabo bagahakana imico ye, bituma Ubukristo bugira imbaraga nke mu isi. Izina ry'Uwiteka ritukwa kubera ibyo bintu.

Igihe cy'itorero ry'intumwa, igihe bari bagifite ubwiza bwa Kristo wazutse, iyo torero ryavuzweho ko nta "n'umwe wagiraga ubwiko ku kintu." "Kandi nta mukene wababagamo." "Kandi intumwa zagiraga imbaraga nyinshi zo guhamya kuzuka k'Umwami Yesu; nuko rero ubuntu bw'Imana bwinshi bukaba kuri bo bose." "Kandi iminsi yose bakomezaga kujya mu rusengero kuri bo bose," "Kandi iminsi yose bakomezaga kujya mu rusengero n'umutima uhuye, n'iwabo bakamanyagura umutsima, bakarya bishimye, bafite imitima itishama, bahimbaza Imana, bashimwa n'abantu bose. Kandi uko bukeye, Umwami Imana ikabongerera abakizwa." Ibyakozwe 4:32, 34, 33; 2:46, 47.

Mushakire mu ijuru no ku isi, nta kuri kwahishuwe kurusha imbaraga ukugaragarizwa mu bikorwa byo kugirira impuhwe abakeneye imbabazi n'ubufasha byacu. Uko ni ko kuri nk'uko kuri muri Yesu. Igihe abitirirwa izina rya Kristo bazimenyereza

gukurikiza amahame y'itegeko ry'izahabu, ubutumwa bwiza buzagira imbaraga nk'iyo bwari bufite mu bihe by'intumwa.

**"Irembo ry'impatanwa n'inzira ifunganye ni byo bigera ku bugingo buhoraho."**  
**Matayo 7:14.**

Mu gihe cya Kristo abantu bo muri Palesitina babaga mu mijyi ifite inkuta ziyyikijke, kandi akenshi yabaga yubatswe ku dusozi cyangwa ku misozi minini. Amarembo yafungwaga izuba rirenga yabaga ari hafi y'imanga n'inzira zirimo ibitare, kandi umugenzi wabaga ataratahuka nimugoroba akenshi yamaraniraga kwihuta kugira ngo amanuke aho hantu haruhije agere ku irembo butarira. Uwakerererwaga yarakingiranwaga.

Inzira y'impatanwa yazamukaga igana imuhibira aho baruhukira yatumye Kristo ayigereranya n'inzira ya Gikristo. Yaravuze ati inzira nabashyize imbere ni impatanwa; irembo rirafunganye, kwinjira biraruhije; kuko itegeko ry'izahabu ritegeka kwiyambura ubwibone bwose no kwikunda. Ni iby'ukuri hariho inzira nini; ariko amherezo yayo ni ukurimbuka. Igihe ushaka kuzamuka; kuko ari inzira Iterera, ukwiriye kujyana na bake; kuko abantu benshi bahitamo inzira imanuka.

Inzira ijyana abantu ku rupfu abantu bose babasha kuyicamo bafite ibyabo byose byo mu isi, kwikanyiza kwabo kose, ubwibone bwabo bwose, ubuhemu, no gukiranirwa. Hari umwanya w'ibyo umuntu yibwira byose n'inyigisho zose z'abantu, hari umwanya wo gutuma umuntu akurikira ibyo ashaka, no gukora icyo umutima we w'inarijye bimutegeka byose. Kugira ngo umuntu anyure mu nzira ijyana ku kurimbu-ka ntagomba gushaka inzira; kuko irembo ari rigari, n'inzira ikaba ari nini, kandi ubusanzwe abantu bamenyereye kugana mu nzira igana ku rupfu.

Ariko inzira y'ubugingo ni impatanwa. kandi irembo rirafunganye. Ubaye wihambiriyе ku cyaha icyo ari cyo cyose gishobora kukwiboheraho, wasanga yuko inzira yakubera impatanwa ukananirwa kwinjira. Niba ushaka gukomeza kugendera mu nzira y'Uwiteka, ukwiriye kureka inzira zawe bwite, ubushake bwawe bwite, ingeso mbi n'ibikorwa bibi. Umuntu ukorera Kristo ntakwiriye gukurikira iby'isi cyangwa se gukurikiza urugero rw'ab'isi. Inzira yo mu ijuru ni impatanwa ku bantu bakina imiki-no ishingiye ku kwikunda, ni imanga n'imikokwe ku bakunda iby'isi, kuyizamukamo byabagora. Imiruho, kwihangana, ubwitange, ibitutsi, ubukene, kurwanywa n'abanyabyaha, ibyo byose Kristo yabimenyereye uko bingana. Uko ni ko natwe dukwiriye kubimenyera bikaba umugabane wacu niba dushaka kuzinjira muri Paradizo y'Imana.

Nyamara ntitwibwire yuko inzira izamuka ikomeye naho imanuka ikaba yoroshye. Mu nzira iganisha ku rupfu hari imibabaro n'ibihano, hari agahinda no gukorwa n'isoni, n'imiburo ibuza umuntu gukomeza muri iyo nzira. Urukundo rw'Imana rwatumye ikomerera abantu b'indangare n'intumva kugira ngo bizanire kurimbuka. Ni iby'ukuri yuko inzira ya Satani isa n'ikurura abantu, ariko ni ubushukanyi gusa; mu nzira y'ibibi hari intimba no kwicwa urubozo. Dushobora gutekereza yuko binejeje gukurikira ubwibone n'ibyifuzo by'isi, ariko amaherezo ni umubabaro n'agahinda. Mu kwikunda bigaragara ko harimo umunezero n'ibyishimo nyamara tubona yuko amaherezo uwo munezero uhinduka ubusharire bukomotse ku byiringiro bishingiye ku narijye. Irembo ry'inzira imanuka rishobora kuba rirabagirana ku bw'uburabyo butatswe kuri yo, ariko amahwa akaba ari mu nzira. Umucyo w'ibyiringiro urabagirana uturuka mu irembo uhinduka umwijima wo kwihebesha, maze ukurikiye iyo nzira aka-manuka mu gicuku cy'ijoro kitagira iherezo.

"Inzira z'abagambanyi zirarushya," ariko inzira z'ubwenge "ni inzira z'ibinezaneza; kandi imigendere yabwo yose ni iy'amahoro." (Imigani 13:15; 3:17). Igikorwa cyose cyo kumvira Kristo, igikorwa cyose cyo kwitanga ku bwe, ikigeragezo cyose cyihanganiwe, kunesha kose ko kunesha ibishuko, ni intambwe umuntu atera rnu rugendo rw'icyubahiro rwo kunesha guheruka. Nitwemera yuko Kristo atuyobora, azatuyobora amahoro. Umunyabyaha ruharwa ntakwiriye gucogorera mu nzira. Nta n'umwe ushakashaka atengurwa ushobora kunanirwa kugendera mu mucyo uboneye kandi wera. Nubwo inzira ari impatanwa, ikaba yera rwose ku buryo icyaha kitakwemerwa kuyigeramo, abantu bose bahawe ubwishingizi, kandi nta n'umwe muri bo ushidikanya, akaba afite umutima utengurwa ukwiriye kuvuga ati: "Imana ntinyitaho."

Inzira ishobora kuba mbi kandi izamuka ku gacuri; hashobora kuba imikuku y'isuri iburyo n'ibumoso, dukwiriye kwihanganira imiruho mu rugendo rwacu; igihe turushye, igihe tunaniwe, dukwiriye kwihanganira umuruho; igihe ducogoye, turwane inkundura, igihe ducitse intege, dukwiriye gukomeza kugira ibyiringiro; ariko kuko Kristo ari umuyobozi wacu, amaherezo ntitzananirwa kugera ku cyambu twifuza kugeraho. Kristo ubwe yatubanjirije kugenda muri iyo nzira kandi yaringanje aho tuzanyura.

Ku nzira izamuka ku gacuri ijya ku bugingo buhoraho hari amariba y'amasoko y'ibyishimo atuma abarushye bagarura ubuyanja. Abagenda mu nzira z'ubwenge bagira ibyishimo bitavugwa nubwo baba bababazwa; kuko uwo bakunda abagenda iruhande batamureba. Ku ntambwe yose batera bazamuka bashobora kumva ikiganza cye kibakoraho; kuri buri ntambwe batera, umucyo urabagirana w'ikuzo uturuka ku Itabonwa umurika mu nzira bacamo; maze indirimbo zabo zo guhimbazza zikarangu-rurwa, zikazamukira gufatanya n'iz'abamarayika imbere y'intebe y'ubwami. "Ariko

inzira y'umukiranutsi ni nk'umuseke utambitse, ugakomeza ukageza ku manywa y'i-hangu." Imigani 4:18.

**"Muharanire kwinjira mu irembo rifunganye." Luka 13:24.**

Umugenzi wabaga yakererewe, yihutira kugera ku irembo ry'umurwa igihe izuba rirenga, ntiyashoboraga gukebakeba ngo arangazwe n'ibyo ku nzira. Intekerezo ze zabaga zirangamiye umugambi umwe rukumbi wo kwinjira mu irembo. Yesu yavuze ko kudatezuka ku mugambi nk'uko ari ko gusabwa mu mibereho ya Gikristo. Naberetse ubwiza bw'imico, ari ryo kuzo nyakuri ry'ubwami bwanje. Ntabwo iryo kuzo ribasezeranya gutwara isi; nyamara ni ryo mukwiriye kwifufa cyane no guhiri-imbanira. Simbahamagarira kurwanira guhabwa icyubahiro cy'ubutegetsi bukomeye bw'iyi si, nyamara kandi ntimwibwire ko hatariho intambara mukwiriye kurwana kandi ko nta ntsinzi mugomba kugeraho. Mbasabye gukora uko mushoboye kandi mukbabaza kugira ngo mwinjire mu bwami bwanje bw'iby'umwuka.

Imibereho ya Gikristo ni intambara kandi ni urugendo. Ariko intsinzi igomba kugerwaho ntiguturuka ku mbaraga z'umuntu. Aho intambara ibera ni mu mutima. Intambara dukwiriye kurwana, ari yo ntambara ikomeye kuruta izindi umuntu yigeze arwana, ni ukwegurira inarijye ubushake bw'Imana, no kureka umutima ugatwarwa n'urukundo. Kamere ya kera, yabyawe n'amaraso n'ubushake bw'umubiri, ntishobora kuragwa ubwami bw'Imana. Imico tuvukana n'ingeso za kera bikwiriye kurekwa.

Umntu ugambirira kwinjira mu bwami bw'iby'umwuka azabona yuko imbaraga zose no kwifufa kwa kamere itarahinduka bishygikiwe n'imbaraga z'ubwami bw'umwijima, bimurwanya uko bingana. Kwikanyiza n'ubwbibone bizahagurukira kurwanya ikintu cyose kibigaya, cyerekana ko ibyaha. Ntabwo twebwe ubwacu dushobora gutsinda ibyifuzo bibi n'ingeso birwanira kudutegeka, Ntabwo dushobora kunesha umwanzi ukomeye udufatiye mu bubata bwe. Imana yonyine ni yo ishobora kuduha kunesha. Imana yifuza yuko twitegeka, tugategeka n'ubushake bwacu bwite n'inzira zacu. Nyamara ntabwo Imana ishobora gukorera muri twe tutabyemeye ngo tunafatanye na yo. Umwuka w'Imana akorera mu bushobozi n'imbaraga byahawe umuntu. Imbaraga zacu zirashakwa kugira ngo zifatanye n'Imana.

Kunesha ntigushobora kugerwaho hatabayeho gusengana umwete no gucisha inarijye bugufi kuri buri ntambwe yose. Ubushake bwacu ntibukwiriye guhatirwa guftanya n'imbaraga z'Imana, ahubwo bukwiriye kwitanga tubikunze ku bw'ubushake bwacu. Bibaye ari ibishoboka ko Umwuka w'Imana aguhata ka jana, ntabwo ibyo byakugira Umukristo, ngo ube ukwiriye ijuru. Igihome cya Satani nticyashobora

gusenywa. Ubushake [bw'umuntu] bukwiriye gushyirwa mu ruhande rw'ubushake bw'Imana. Wowe ubwawe ntushobora gutuma imigambi yawe, ibyifuzo byawe n'ibyo ubogamiramo bitegekwa n'ubushake bw'Imana; ariko niba ushaka "kugirwa umuntu ufite ubushakea," Imana izakurangiriza umurimo, hakurikireho "gukubita hasi impaka n'ikintu cyose cyishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana, dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose, ngo tubigomorere Kristo. " (2 Abakorinto 10 :5). Ubwo ni bwo "muzasohoza agakiza kanyu, mutinya muhinda imishitsi. Kuko ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira." Abafilipi 2:12, 13.

Nyamara abantu benshi bakururwa n'ubwiza bwa Kristo n'ikuzo ry'ijuru, hanyuma bagateshuka bakareka ibyari gutuma ibyo bifuzabihinduka ibyabo bwite. Hari benshi bagendera mu nzira ngari batanyuzwe rwose n'inzira bagendamo. Bifuza gucika ku buretwa bw'icyaha, kandi bagerageza gukoresha imbaraga zabo bwite ngo barwanye ibikorwa byabo by'icyaha. Bitegereza inzira y'impatanwa n'irembo rifunganye; ariko kunezeza inarijye, gukunda iby'isi, ubwibone, no kumaranira ibibi bigashyira urubibi hagati yabo n'Umukiza. Kureka ubushake bwabo bwite, n'ibantu bahisemo gukunda cyangwa gukurikirana, bishaka ko bagera aho bemera kwibabaza, nyamara aho ni ho bagera bagashidikanya, bagateguza maze bagasubira inyuma. "Benshi bazashaka kurinyuramo, ntibabishake." (Luka 13 :24). Bifuza icyiza, bakoresha umuhati ngo bakigereho, ariko ntibagihitemo; ntibagira umugambi uhamye wo kukibona nubwo cyabatwara ibantu byose.

Niba dushaka kunesha, ibyiringiro rukumbi dufite ni ugufatanya ubushake bwacu n'ubushake bw'Imana ndetse no gukora dufatanyije na yo, buri saha na buri munsi. Ntidushobora kugumana inarijye kandi ngo tubashe kwinjira mu bwami bw'Imana. Niba twagera ku butungane, tuzabugeraho kubwo kuzinukwa inarijye no kwakira umutima wa Kristo. Ubwibone no kumva twihagije bikwiriye kubambwa. Mbese twiteguye gutanga ikiguzi cyose dushobora kubazwa? Mbese turifuza yuko ubushake bwacu bwakwegerezwa ubw'Imana bugahwana rwose? Turamutse tutabisha-ka ntabwo guhindurwa n'ubuntu bw'Imana gushobora kugaragarizwa muri twe.

Intambara turwana ni "intambara nziza yo kwizera." Pawulo yaravuze ati : "Icyo ni cyo gituma nkora cyane, ndwanana umwete, nk'uko imbaraga ze ziri zinko-reramo cyane." Abakolosayi 1:29.

Mu kaga gakomeye ko mu mibereho ye, Yakobo yarahindukiye arasenga. Yari yuzuwemo n'umugambi uruta iyindi ari wo wo gushaka guhinduka kw'imico. Ariko igihe yari acyinginga Imana, uwo yibwiraga ko ari umwanzi yamushyizeho ukuboko, nuko akirana ijoro ryose arwana ku bugingo bwe. Ariko umugambi w'umu-

tima we ntiwahinduwe n'akaga ubugingo bwe bwarimo. Ubwo imbaraga ze zari hafi yo kumushiramo, marayika yamushyizemo imbaraga z'Imana, kandi ubwo yakoraga kuri Yakobo, Yakobo yahise amenya uwo bakirana uwo ari we. Ubwo yakomerekaga kandi atentebutse yikubise mu gituza cy'Umukiza amusaba kumuha umugisha. Ntabwo arakigizwayo cyangwa ngo arekere aho kwisabira. Nuko nk'uko isezerano ry'Imana rivuga riti: "Ahubwo yisunge imbaraga zanje abone kuzura nanjye" (Yesaya 27:5), Kristo yasubije gusenga k'uwo muntu utaragiraga kivurira wari umaze kwhiana. Yakobo yinginze ashimikiriye kandi abikuye ku mutima ati: "Sinkurekura utampaye umugisha." (Itangiriro 32 :26). Uyu mwuka wo kudatezuka watanzwe n'uwakiranaga n'umukurambere. Ni we wahaye Yakobo kunesha, kandi yahinduye izina rya Yakobo amwita Isirayeli avuga ati: "Kuko wakiranije Imana n'abantu ukanesha." (Itangiriro 32:28). Icyo Yakobo gukiraniye mu mbaraga ze bwite ntakigereho, yakibonye ku bwo kwitanga no kwizera kutadohoka. "Uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwanyu." Yohana 5 :4.

### **"Mwirinde abahanuzi b 'ibinyoma." Matayo 7:15.**

Abigisha b'ibinyoma bazahaguruka kugira ngo babakure mu nzira y'impata-nwa no mu irembo rifunganye. Mubirinde; nubwo bazaba basa n'intama, ariko imbere ni amasega aryana. Yesu atanga igipimo abigisha b'ibinyoma batandukanyirizwaho n'abigisha b'ukuri. Aravuga ati: "Muzabamenyera ku mbuto zabo. Mbese hari abasorama imizabibu ku mugenge, cyangwa imbuto z'umutini ku gitovu?"

Nta bwo dutegekwa kubamenyera ku mvugo yabo nziza n'ibyo bavuga ko bizerwa byo ku rwego rwo hejurwa. Bakwiriyi kugaragazwa n'ijambo ry'Imana. "Ku mategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira." « Mwana wanje reka gupfa kumva ibyo uwbirizwa ngo wiyibagize amagambo y'ubwenge. » (Yesaya 8:20; Imigani 19:27). Abo bigisha bazana butumwa ki? Mbese ubwo butumwa butuma mutinya Imana kandi mukayubaha? Mbese buba-tera kugaragarisha urukundo muyikunda kumvira amategeko yayo? Igihe abantu batiyumvamo uburemere bw'amategeko y'Imana; bagakerensa amategeko y'Imana; bakica rimwe ryo mu mategeko yayo ryoroheje kurusha ayandi, bakigisha n'abandi kugenza batyo, nta gaciro bazagira mu maso y'ijuru. Tugomba kumenya yuko ibyo bavuga bidafite aho bishingiye. Bakora umurimo watangiwe n'umwami w'umwiji, ari we mwanzu w'Imana.

Abirata izina rya Kristo kandi bakambara ikimenyetso cye si ko bose ari abe. Yesu yavuze ko abantu benshi bigishije mu izina rye, amaherezo bazagaragara ko badashyitse. "Benshi bazambaza kuri uwo munsi bati: 'Mwami ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe?' Ni bwo nzaberurira nti: 'Sinigeze kubamenya, nimumve imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe.'"

Hariho abantu bizera yuko bari mu kuri kandi bari mu mafuti. Igihe bita Kristo Umwami wabo, kandi bagakora imirimo ikomeye mu izina rye, baba ari abakozi baki-ranirwa. "Kuko berekanisha ururimi rwabo urukundo rwinshi, nyamara umutima wabo ukurikira inyungu yabo mbi." Uvuga ijambo ry'Imana "abamereye nk'indirimbo nziza cyane y'ufite ijwi ryiza, akamenya no gucuranga neza; kuko bumva amagambo yawe, kandi ntibayakurikize." Ezekiyeli 33:31, 32.

Kuba umwigisha ku izina gusa nta cyo bimaze. Nta bwo benshi berekana kwizera Kristo kubasha gukiza imitima. Baravuga bat: "Mwizere, mwizere gusa, ntabwo mukeneye gukurikiza amategeko." Ariko kwizera kudatera kumvira, ni ugukora icyaha wihandagaje. Intumwa Yohana iravuga iti: "Uvuga ko amuzi, ntityondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we." (1 Yohana 2:4). Ntihakagire uwishuka yibwira yuko kugira amahirwe adasanzwe cyangwa gukora ibitangaza ari byo byaba igihamya cy'uko umurimo wabo n'ibitekerezo bashyigikiye ari iby'ukuri. Abantu nibavuga ijambo ry'Imana amajyejuru, kandi ibyo bibwira, ibyo batekereza n'ibyo bakora bakabirutisha urugero ngenderwaho Imana yatanze, tujye tumenza yuko bene abo nta mucyo ubarimo.

Kumvira ni cyo kimenyetso cy'umwigishwa. Gujurikiza amategeko ni cyo kigaragaza ko dufite urukundo nyarukundo. Igihe inyigisho twemera zica icyaha mu mutima, zikeza ubwandure bw'umutima, zikera imbuto z'ubutungane, tuba tugomba kumenya yuko ari ukuri kw'Imana. Igihe ubugiraneza n'ubugwaneza n'umutirna wicisha bugufi n'impuhwe biboneka mu mibereho yacu; igihe ibyishimo byo gukora iby'ukuri biri mu mitima yacu; n'igihe tudashyigikiye inarijye, ahubwo Kristo akaba ari we twerereza, tuba tugomba kumenya yuko kwizera kwacu ari uk'ukuri. "Iki ni cyo kitumenyesha yuko tumuzi, ni uko twitondera amategeko ye." 1Yohana 2:3.

*"[...] iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinzwe ku rutare." Matayo 7:25.*

Abantu bari bakozwe ku mutima cyane n'amagambo ya Kristo. Ukuri kw'Imana kw'amahame nyakuri kwabateye ubwuzu; kandi imiburo y'ukuri ya Kristo yabagezeho nk'ijwi ry'Imana rirondora umutima. Amagambo ye yageze ku byo bibwiraga kera n'ibyo batekerezaga. Kumvira inyigisho za Kristo byagombaga kubasa-ba guhindura ingeso zose z'ibitekerezo byabo n'ibikorwa byabo. Byagombaga gutuma basubiranamo n'abigisha babo mu by'idini; kuko byashakaga ko basenya gahunda yari imaze igihe kirekire ishyirwa imbere n'abigisha b'amategeko. Ku bw'ibyo rero igihe imitima y'abantu yari yakiriye amagambo ya Yesu, bake ni bo bari bitemugeye kuyemera nk'umucyo w'ubugingo. Yesu yarangirishije icyigisho cye cyo ku musozi icyitegerere-za cyerekanye mu buryo butangaje akamaro ko gushyira mu bikorwa amagambo yari

amaze kuvuga. Mu mbaga y'abantu yari ikikiye Umukiza hari benshi bari barnaze igihe kirekire batuye ahegeree yinanya y'i Galilaya. Igihe bari bicaye mu ibanga ry'umusozzi bateze amatwi amagambo ya Kristo, bashoboraga kureba ibibaya n'imyonga aho imigezi yo ku misozi yanyuraga ijya mu nyanya. Kenshi ku mpeshyi iyo migezi yarakamaga hagasigara umugende urimo umukungugu gusa. Ariko igihe imvura y'umuhindo yagwaga ku misozi, imigezi yaruzuraga ighorera ndetse rimwe na rimwe igasendera inu bibaya, umwuzure wayo ugahitana ibintu byinshi. Ndetse kenshi n'amazu abahinzi b'abakene babaga barubatse mu bibaya bibwira ko nta kaga kayageraho, yatemanwanaga no kuzura kw'ijo migezi. Ariko hejuru ku misozi amazu yubakwaga ku rutare. Mu turere tumwe tw'icyo gihugu amazu yabaga yubatswe mu rutare gusa, kandi amenshi muri yo yari yarabashije kwihanganira umuyaga w'ishuheri imyaka myinshi. Ayo mazu yubakwaga mu buryo buruhije kandi bukomeye. Kugera kuri ayo mazu ntibyari byoroshye, kandi aho yabaga ari ntihakururaga abantu nko mu kibaya kirimo ibyatsi. Ariko ayo mazu yabaga yubatswe ku rutare, kandi iyo umuyaga, umwuzure n'umuraba byayikubitagaho ntibyagiraga icyo biyatwara.

Yesu yaravuze ati umuntu uzakira aya magambo mbabwiye akayagira urufatiro rw'imico ye n'urw'ubugingo bwe, azamera nk'abubaka amazu ku rutare. Mu myaka amagana menshi yabanjirije icyo gihe, umuhanuzi Yesaya yari yaranditse ati: "Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose." (Yesaya 40:8); kandi Petero, nyuma y'igihe kirekire ikibwirizwa cyo ku musozi kimaze kubwirizwa, ubwo yavugaga aya magambo ya Yesaya yongeye kuvuga ati: "Kandi iri ni ryo jambo ry'ubutumwa bwiza mwabwirijwe." (Petero 1:25). Ijambo ry'Imana ni cyo kintu kimwe gusa kitanyeganyezwa cyigeze kimenywa n'abatuye isi yacu. Ni urufatiro nyakuri. "Ijuru n'isi biza-shira, ariko amagambo yanje ntazashira na hato." Matayo 24:35.

Amahame akomeye y'amategeko ya kamere y'Imana akubiye mu magambo Yesu yavugiyе ku musozi. Uyubakaho wese, aba yubaka kuri Kristo, Urutare rw'ibihe byose. Igihe twakira ijambo tuba twakira Kristo. Kandi noneho rero abakira amagambo ye bonyine ni bo bubaka kuri we. "Kuko ari nta rundi rufatiro umuntu abasha gushyiraho, keretse urwashyizweho, ni Yesu Kristo." (1 Abakorinto 3:11). "Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawwe abantu, duktiriye gukirizwamo." (Ibyakozwe 4:12). Kristo, Jambo, Uguhishurwa kw'Imana, ukwigaragaza kw'imico yayo, amategeko yayo, urukundo rwayo, n'ubugingo bwayo - ni we rufatiro rwonyine dushobora kubakaho imico izaramba.

Twubaka kuri Kristo twumvira ijambo rye. Ntabwo uwishimira ibyo gukiranuka gusa, ari we mukiranutsi, ahubwo ukora ibyo gukiranuka ni we mukiranutsi. Kwera si ugutwarwa n'umunezero ukomeye; ahubwo ni ingaruka yo kwegurira Imana byose; ni ugukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. Igihe Abisirayeli bari bashinze

ingerero zabo ku mbibi z'igihugu cy'Isezerano, ntabwo byari bihagije kumenya iby'i Kanani gusa, cyangwa kuririmba indirimbo z'i Kanani. Icyo cyonyine nticyari gutuma batunga inzabibu n'imyerayo byo mu gihugu cyiza. Mu by'ukuri, bari gutuma igihugu kiba icyabo ku bwo kuzuza ibyangombwa byasabwaga, ku bwo gushyira mu bikorwa kwizera Imana kuzima, no ku bwo kugira amasezerano y'Imana ayabo bwite, mu gihe bumviraga amabwiriza yayo.

Idini igizwe no gukora ibyo Kristo yavuze; atari ukubikora kugira ngo biguheshe ubuntu bw'Imana, ahubwo ari uko twahawe impano y'urukundo rwayo kandi tutari tubikwiriye. Ntabwo Kristo abara umuntu ho agakiza kubw'ibyo mutu avuga yizera gusa, ahubwo ni kubwo kwizera kugaragarizwa mu mirimo y'ubutungane. Gukora bitari ukuvuga gusa, ni byo byitezwe ku bayoboke ba Kristo. Imico yubakwa binyuze mu bikorwa. "Abayoborwa n'Umwuka w'Imana bose ni bo bana b'Imana." (Abaroma 8:14). Ntabwo ari abo Umwuka akora ku mitima, ntabwo ari abiyejurira imbaraga y'Umwuka rimwe na rimwe, ahubwo abayoborwa n'Umwuka ni bo bana b'Imana.

Mbese urifusa guhinduka umuyoboke wa Yesu, nyamara ukaba utazi uko watangira? Mbese uri mu mwijirna kandi ukaba utazi uko wabona umucyo? Kurikira umucyo ufite. Reka umutima wawe wumvire ibyo uzi byo mu ijambo ry'Imana. Imbaraga z'Imana ari zo bugingo bwayo ziba mu ijambo ryayo. Niwakira ijambo ry'Imana wizeye, rizaguha imbaraga yo kumvira. Niwita ku mucyo ufite, uzabona umucyo uruseho. Urubaka ku ijambo ry'Imana, kandi imico yawe izubakwa ise n'iya Kristo.

Kristo, urufatiro nyakuri, ni we buye rizima; ubugingo bwe buhabwa abantu bose bubatse kuri we. "Namwe mwubakwe, nk'amabuye mazima, kugira ngo mube inzu y'Umwuka." "Inzu yose iteranijwe neza irakura, ngo ibe urusengero rwera mu Mwami Yesu," (1 Petero 2:5; Abefeso 2:21). Amabuye ahinduka kimwe n'urufatiro; kuko ubugingo rusange buba muri byose. Iyo nyubako nta muraba ushobora kuyigusha; kuko

### ***"Igisangiye ubugingo n'Imana kirokoka byose."***

Ariko inyubako yose yubatswe ku rundi rufatiro rutari ijambo ry'Imana izagwa. Umuntu wubaka nk'Abayuda bo mu gihe cya Yesu bubakaga urufatiro ku bitekerezo by'abantu no ku byo bibwira by'imihango y'ibihimbano by'abantu cyangwa imirimo iyo ari yo yose bashoboraga gukora batitaye ku buntu bwa Kristo, aba yubaka imico ye ku musenyi useseka. Umuraba ukaze w'ibigeragezo uzatembana urufatiro rwubatswe ku musenyi maze usige inzu ye isenyaguritse ku iherez o ry'ibihe.

"Ni cyo gituma Umwami Imana ivuga iti: . . . kandi imanza zatabera ni zo nagira umugozi ugera, no gukiranuka nzakugira timazi, amahindu azatsema ibinyoma muhungiramo, kandi amazi azasendera mu bwihiho." Yesaya 28:16,17.

Ariko uyu munsi imbabazi ziracyinginga umunyabyaha. "Umwami Uwiteka aravuga ati: 'Ndirahiye, sinezezwu no gupfa k'umunyabyaha, ahubwo nezezwu n'uko umunyabyaha ahindukira, akava mu nzira ye maze akabaho. Nimuhindukire, mugaruke muve mu nzira zanyu mbi. Kuki mwarinda gupfa . . . ?'" (Ezekiyeli 33 :11). Ijwi rivugana n'umunyabyaha uyu munsi ni iry'Uwarijijwe n'agahinda ubwo yitegerezaga umurwa yakundaga akavuga ati: "Ayi Yerusalemu, Yerusalemu we, wica abahanuzi, ugatera amabuye abaguturnweho, ni kangahe nashatse kubundikira abana bawe, nk'uko inkoko ibundikira imishwi yayo mu mababa yayo; ntimunkundire. Dore, inzu yanyu muyisigiwe ari umusaka." (Luka 13 :34, 35). Yesu yabonye Yerusalemu isa nk'aho ari icyitegererezo cy'isi yanze ubuntu bwe. Yariraga avuga ati: 'Yoo, mbega ngo muraba intumva! Ndetse n'igihe Yesu yaririraga ku musozi, iyo Yerusalemu iza kwihana, iba yararokotse icyo cyago. Impano yo mu ijuru yari igitegerereje akanya gato kugira ngo Yerusalemu yemerwe. Nawe wa muntu we, Yesu aracyakubwirana urukundo ati: "Dore mpagaze ku rugi, ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye, agakingura urugi, nzinjira iwe, dusangire." "Dore none ni cyo gihe cyo kwemererwamo, dore none ni wo munsi wo gukirizwamo." Ibyahishuwe 3:20; 2 Abakorinto 6:2.

Yewe muntu ugishingiye ibyiringiro byawe ku narijye, uriho urubaka ku musenyi. Ariko ntabwo wari wakererwa cyane ku buryo utabasha guhunga kurimbu-ka kwegereje. Umuraba utari wahorera, hungira ku rufatiro nyakuri. "Umwami Imana iravuga iti: 'Dore ndashyira muri Siyonu ibuye ry'urufatiro, ryageragejwe, ibuye rikomeza imfuruka ry'igiciro cyinshi, rishikamye cyane, kandi uwizera ntazahutiraho.' "Nimumpugukire mukizwe, mwe abari ku mpera z'isi mwese mwe; kuko ari jye Mana, nta yindi ibaho." "Ntutinye kuko ndi kumwe nawe, nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabarwa; kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw'iburyo, ni ko gukiranuka kwanjye." "Ntimuzakorwa n'isoni. ntimuzamwara iteka ryose." Yesaya 28:16; 45:22; 41:10; 45:17.



**Printed by NIKA Printers Ltd  
Tel: +250 788 301 554  
E-mail:nikaprinters@yahoo.fr**